

IMIBARE

Igitabo cy'Umwarimu

Umwaka wa

2

w'Amashuri Abanza

© 2019 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Iki gitabo ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

ISHAKIRO

Imyigire n'imyigishirize y'isomo ry'imibare.....	1
Imbonerahamwe nkomatanyamasomo.....	6
Iteganyamasomo ry'umutwe wa 1.....	20
Imbata y'isomo rishingiye ku bushobozi	23
Umutwe wa 1: Imibare kuva kuri 0 kugera kuri 200.....	26
1.1. Amasomo ari mu mutwe wa 1.....	26
1.2. Ibisubizo by'imyitoto yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku mutwe wa 1.....	49
1.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 1.....	62
Umutwe wa 2: Imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500.....	64
2.1. Amasomo ari mu mutwe wa 2.....	64
2.2. Ibisubizo by'imyitoto yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa 2.....	86
2.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 2.....	98
Umutwe wa 3: Imibare kuva kuri 0 kugera kuri 1000	100
3.1. Amasomo ari mu mutwe wa 3.....	100
3.2. Ibisubizo by'imyitoto yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa 3.....	126
3.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 3.....	135
Umutwe wa 4: Imigabane 1/2, 1/4, 1/8	138
4.1. Amasomo ari mu mutwe wa 4.....	138
4.2. Ibisubizo by'imyitoto yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa 4.....	141
4.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 4.....	142
Umutwe wa 5: Ingero z'uburebure m, dm na cm	143
5.1. Amasomo ari mu mutwe wa 5.....	143
5.2. Ibisubizo by'imyitoto yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa 5.....	148
5.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 5.....	150
Umutwe wa 6: Urugero fatizo rw'ingero z'ibitembabuzi litiro(l).....	152
6.1. Amasomo ari mu mutwe wa 6.....	152
6.2. Ibisubizo by'imyitoto yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa 6.....	156
6.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 6.....	158
Umutwe wa 7: Urugero fatizo rw'ingero z'uburemere "kg".....	160
7.1. Amasomo ari mu mutwe wa 7.....	160
7.2. Ibisubizo by'imyitoto yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa 7.....	165
7.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 7.....	167

Umutwe wa 8: Amafaranga y'u Rwanda kuva kuri F 1 kugera ku F 1000.....	168
8.1. Amasomo ari mu mutwe wa 8.....	168
8.2. Ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa 8.....	171
8.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 8.....	175
Umutwe wa 9: Isaha,amezi y'umwaka n'iminsi ya buri kwezi	176
9.1. Amasomo ari mu mutwe wa 9.....	176
9.2. Ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa 9.....	181
9.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 9.....	181
Umutwe wa 10: Amoko y'imirongo n'imfuruka.....	182
10.1. Amasomo ari mu mutwe wa 10.....	182
10.2. Ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa 10.....	185
10.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 10.....	187
Umutwe wa 11: Ikinyatuzu	188
11.1. Amasomo ari mu mutwe wa 11.....	188
11.2. Ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa 11.....	191
11.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 11.....	191
Umutwe wa 12: Kare, urukiramende na mpandeshatu	194
12.1. Amasomo ari mu mutwe wa 12.....	194
12.2. Ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa 12.....	198
12.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 12.....	198
Umutwe wa 13: Umubare ubura mu iteranya, ikuramo n'ikuba ry'imibare.....	200
13.1. Amasomo ari mu mutwe wa 13.....	200
13.2. Ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa 13.....	203
13.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 13.....	205
Umutwe wa 14: Ibishushanyo byifashishwa mu mibare.....	206
14.1. Amasomo ari mu mutwe wa 14.....	206
14.2. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 14.....	209
14.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umwaka.....	209

IMYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE Y'ISOMO RY'IMIBARE

Intangiriro

Imibare ni inyigisho y'ingirakamaro kuko abayiga bayivanamo ubumenyingiro n'ubushobozi bwo kwikemurira ibibazo bahura nabyo mu buzima bwa buri muni.

Imibare ifasha umunyeshuri gutekereza byimbitse, gushyira mu gaciro, kugira umuco wo kuzigama, kwiteza imbere, kurangwa n'indangagaciro zihamye zifasha buri wese kubana n'abandi mu mahoro.

Imibare ni inkingi fatizo mu iterambere, iha umunyeshuri umurongo w'ubuzima iyo ashobora kubara neza, kugereranya, gupima ibintu bitandukanye, gucunga umutungo neza, gukoresha neza igihe no kumenya agaciro kacyo bituma ashobora gukora imirimo iyo ari yo yose nta mbogamizi..

Imibare itoza umunyeshuri gutekereza neza no kwitwararika mu byo akora, bityo ikamutegurira imibereho myiza y'igihe kirekire.

Ubushobozi rusange bugamijwe mu mibare

Umunyeshuri urangije umwaka wa kabiri agomba kuba ashobora:

- Kubara, gusoma, kwandika,

gutondeka no kugereranya neza imibare ishyitse kuva kuri 0 kugera kuri 1000, gusesengura no gukoresha neza kandi byihuse amategeko y'ibara (+, -, x, :) mu mibare ishyitse y'umubarwa umwe, y'imibarwa ibiri cyangwa y'imibarwa itatu.

- Gukora ikizima hifashishijwe imigabane y'ibintu bifatika no gukoresha neza imigabane, $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$ na $\frac{1}{8}$ mu buzima busanzwe.
- Gupima no kugereranya uburebure bw'ibintu binyuranye bitarenze m 10 no gukora imyitozo n' amahurizo yo guteranya no gukuramo muri metero.
- Gukurikiranya iminsi y'icyumweru no gutanga ingero z' ibintu bikorwa mu minsi inyuranye y'icyumweru
- Gutandukanya amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F1000, kuvunja amafaranga no gukora amahurizo arimo guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya amafaranga.
- Gukora amatsinda y' ibintu bifatika no kugaragaza indangagaciro yo gukorera hamwe.
- Gusesengura, gusobanura amakuru atangwa n' igishushanyo no kwerekana ingano y' ibintu hakoreshejwe igishushanyo

- Gutandukanya kare,urukiramende na mpandeshatu mu yandi mashusho no gutanga ingero z'ibikoresho binyuranye bifite ayo mashusho.

Ubushobozi fatizo bugamijwe mu isomori'imibare

- Gukoresha ubumenyi, ubumenyingiro n'ubukesha mu gusesengura, gushaka ipfundo ry'ibibazo no kugikosora neza.
- Gukoresha amafarang y'u Rwanda n'ay'amahanga mu bucuruzi.
- Kwifashisha imibare mu gukemura ibibazo byo mu buzima busanzwe.
- Kurangwa n' imyifatire igaragaraza ko akunze imibare atera imbere mu mitekerereze.

Ubushobozi nsanganyamasomo bugamijwe mu isomori'Imibare

- Kugira ubushishozi mu buryo akora no gushakira ibibazo bye ibisubizo.
- Guhanga udushya twamufasha gutera imbere no guteza igihugu k'imbere.
- Guhora ashakashaka agamije iterambere rye n'iry'igihugu cye
- Gusabana na bagenzi be mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu
- Ubufatanye n'abandi no guhorana

imibanire ikwiye abanyarwanda

- Guhora yiyungura ubumenyi

Uburyo bukoreshwa higishwa imibare

- Mu kwigisha imibare ni ngombwa kuyihuza n'ubuzima busanzwe herekanwa akamaro ifitiye abayiga.
- Bigakorwa hatangwa ingero z'aho ikoreshwa n'uko ikoreshwa mu buzima bwa buri muni.
- Gukora isesengura ry'ibibazo by'imibare bifitanye isano n'ubuzima umunyeshuri abamo.
- Bikamufasha kubaka ubushobozi bwo gushishoza, gutekereza byimbitse no guhuza ibyo yiga n'ubuzima bwe bwa buri muni.
- Ibiganiro mu matsinda bitoza abanyeshuri gukora ubushakashatsi.
- Imyitozo inyuranye ituma bitabira kuvumbura ibyo batari bazi, basoma ibitabo binyuranye, bashakisha amakuru anyuranye kugira ngo bashobore guhanga udushya.
- Imyitozo inyuranye
- n'amahurizo, abanyeshuri bakorera mu matsinda bibacengezemo umuco wo gukorana no gushyikirana n'abandi.
- Umunyeshuri agomba kugira uruhare runini mu myigire

ye, ibyo bituma ashakashaka, akitegereza, agakorakora, agahinduranya, agaterura, agapima, akavumbura akoresheje imfashanyigisho zitandukanye.

Ibyo mwarimu asabwa gukora igihe yigisha imibare

- Kuyobora no kugenzura niba ibyo umunyeshuri akora bigaragaza ubushobozi bushingiye ku bumenyi, ku bumenyingiro, ku bukesha no ku ndangagaciro ahabwa cyangwa atozwa na mwarimu n'ababyeyi.
- Gutegura imfashanyigisho zijyanye n'isomo agiye kwigisha kandi zitarangaza abanyeshuri ariko ashobora no gufatanya na bo cyangwa akazibatuma.
- Kwigisha isomo rye yubahiriza imikurikiranire y'ibi bice: imboneshajisho, ishushanyamibare n'imboneshabwenge.
- Gutegura ibikorwa n'imyitozo aha abanyeshuri ashingiye ku buzima bwabo bwa buri munsu no ku bintu basanzwe abona.
- Kwita kuri buri munyeshuri abakangurira kugira uruhare mu byo bakora.
- Guha umunyeshuri umwanya uhagije wo kugaragariza bagenzi be ibyo ashoboye no kubabwira ubushakashatsi

yakoze.

- Gutanga imyitozo yibanda ku bintu umunyeshuri ahura na byo mu buzima bwe bwa buri munsu kandi ikaba imusaba gutekereza ku buryo bworoshye no gutekereza ku buryo bwimbitse.
- Guha abanyeshuri imyitozo ihagije mu gihe cyo kwiga n'imikoro batahana mu rugo kandi bakazayikosorera hamwe mu ishuri mbere yo gutangira irindi somo.
- Guhitamo aho amasomo atangirwa haba hanze cyangwa mu ishuri.
- Gutanga ibikorwa bituma abanyeshuri bagira uruhare mu myigire yabo.
- Kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo akosore imivugire ye, imisomere ye, imyandikire ye ndetse n' imitekerereze ye.
- Gutegura isomo rifite intego zumvikana kandi uburyo bwo kuzigeraho ntibugore umunyeshuri ndetse nawe ubwe.
- Kwita ku kigero cy'umunyeshuri kandi akamufasha kwiyigisha.
- Kwigisha abanyeshuri uhereye ku byo bazi mbere yo kugera ku isomo rishya kugira ngo bifashe abanyeshuri kwivumburira isomo ry'umunsu.

Ibyo umunyeshuri asabwa

gukora igihe yiga imibare

- Gukora ibikorwa bye bwite cyangwa gufatanya na bagenzi be.
- Kwifashisha imfashanyigisho yahawe agakora ibyo umwarimu amubwira.
- Kubaha bagenzi be no kugira ikinyabupfura mu ishuri
- Gufata neza ibikoresho bye n'iby'abandi
- Kumenya gukorana n'abandi, kwihangana no kwemeranya ku gisubizo kiri cyo.
- Kumenya kwitegereza, gukorakora no gushyira ibintu mu buryo.

Uruhare rwa mwarimu mu kwita ku burezi bw'abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

- Gushaka uburyo bukwiye bwo gufasha abanyeshuri bafite imbogamizi mu myigire yabo hitabwa ku bibazo bafite kugira ngo na bo bakurikire amasomo nk'abandi.
- Kubategurira imyitozo iri ku rwego rwabo, ibikoresho n'imfashanyigisho byihariye mu gihe biga no mu gihe bakora isuzuma.

Uko isuzuma rikoreshwa n'ibigomba kwitabwaho

- Isuzuma rigomba gushingira ku bushobozi umunyeshuri agakora umwitozo ujyanye n'ubuzima bwa buri muni

ashyira mu bikorwa ibyo yize.

- Isuzuma ryo kugorora imyigire n'imyigishirize hakoreshwa uburyo buziguye n'ubutaziguye hagamijwe gusuzuma ko abanyeshuri biga uko bikwiye.
- Ni ngombwa kugena ingingo ngenderwaho mu gusuzuma urwego rw'ubushobozi (ubumenyi, ubumenyingiro n'ubukeshya) abanyeshuri bategerejwe kugeraho muri buri somo.
- Ni ngombwa gusuzuma niba abanyeshuri bose bashoboye kugera uko bikwiye ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma ya buri mutwe uhereye ku bigenderwaho mu isuzuma byateganyijwe mu ntangiro y'umutwe.
- Ni ngombwa gusuzuma uko abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bukubiye mu byigwa ndetse n'ubushobozi nsanganyamasomo.
- Mu isuzuma ni byiza gukoresha impurirane y'uburyo bukurikira:
 1. Kwitegereza,
 2. Ibibazo basubiza bandika,
 3. Ibibazo basubiza bavuga.
- Ni byiza kureba intera umunyeshuri agezeho nyuma y'igihembwe cyangwa nyuma y'umwaka ugamije gusuzuma ishusho y'ubushobozi umunyeshuri amaze kugeraho.

- Ni byiza gukoresha isuzuma rikomatanya ibyo umunyeshuri yize, hakarebwa niba agaragaza ubushobozi bugamijwe bwari buteganyijwe.
- Ni ngombwa kubika inyandiko zigaragaza umusaruro w'isuzuma habikwa ibyavuye mu isuzuma kugirango bizagufashe gutegura ibikorwa cyangwa ingamba zihariye zituma amasomo yumvikana kurushaho.
- Isuzuma ni ryo rigaragaza ko umunyeshuri yakurikiye neza mu ishuri mbere y'uko akora isuzuma risoza.
- Ibibazo by'isuzuma bigomba gutoza abanyeshuri gutekereza ku buryo bwimbitse, gushyira mu gaciro no gufata imyanzuro ihamye kandi ikwiye.
- Ibibazo by'isuzuma bigomba gutegurwa hashingiwe ku mibereho y'umunyeshuri kandi bifitanye isano n'ubuzima umunyeshuri abamo.
- Nyuma y'isuzuma ni ngombwa guha ababyeyi raporo y'intambwe abanyeshuri bagenda batera mu myigire yabo, ubereka uko bagaragaza ubushobozi bugamijwe n'aho bafite intege nke hakenewe gushyirwamo imbaraga.

Imiterere y'igitabo cy'umunyeshuri

Igitabo cy'umunyeshuri kigizwe n'imitwe cumi

n'ine(14). Buri mutwe urimo ibyigwa byanditswe mu ibara ry'ubururu. Buri mutwe usozwa n'isuzuma rigufasha kugenzura ko ibyizwe muri uwo mutwe byumvikanye. Imitwe yose ko ari cumi n'ine(14) irangizwa n'isuzuma risoza umwaka rifasha umwarimu kugenzura umusaruro w'abanyeshuri be barangije umwaka wa kabiri w'amashuri abanza. Muri iki gitabo harimo imitwe yuzura ibyizwe mu mwaka wa mbere. Ni yo mpamvu twashyizemo imyitozo y'isubiramo kuri iyo mitwe . Hagamijwe gufasha umwarimu kumenya urwego abanyeshuri be bariho mbere yo gutangira ibyigwa bishya biyigize. Iyo mitwe ni umutwe wa 1,uwa 5,uwa 8, uwa 10 n'uwa 11.

Imikoreshereze y'imyitozo yo muri iki gitabo

Nubwo iki gitabo kirimo ibisubizo by'ibibazobyatanze mu gitabocy'umunyeshuri, Mwarimu asabwe kubanza gukora buri kibazo akagereranya igisubizo yabonye n'ikiri mu gitabo.

IMBONERAHAMWE NKOMATANYAMASOMO

<i>Umubare w'amasomo</i>	UMUTWE WA 1: Imibare kuva kuri 0 kugera kuri 200	UMUTWE WA 2: Imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500
<i>Intangiriro</i>	24	24
<i>Imfashanyigisho</i>	Imyitozo n'ibikorwa ku mibare bize umwaka ushize .	Ibikorwa ku mibare bize n'iyi bagiye kwiga.
<i>Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize</i>	Amashusho, amakarita y'imibare , ibibarisho, intungwamubare	Amashusho ,amakarita y'imibare , ibibarisho, intungwamubare
<i>Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo</i>	Kwitegereza, kuganira mu matsinda, gushakashaka, kubara, guteranya, gukuramo, gukuba, kugabanya, gutondeka, kugereranya, gukina, kuririmba	Kwitegereza, kuganira mu matsinda, gushakashaka,kubara, guteranya, gukuramo, gukuba, kugabanya, gutondeka, kugereranya, gukina, kuririmba.
<i>Imikoreshereze y'ururimi</i>	Gukemura ibibazo bijyanye n'imibare yize abara atibeshya	Gukemura ibibazo bijyanye n'imibare yize abara atibeshya
<i>Inyunguramagambo</i>	Gufatany n'abandi mu matsinda	Gufatany n'abandi mu matsinda
	Gukoresha neza amagambo yungutse muri uyu mutwe	Gukoresha neza amagambo yungutse muri uyu mutwe
	-Imyanya y'imibare ifite imibarwa 3	-Imyanya y'imibare ifite imibarwa 3
	-Inyunguramagambo mu kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuba no kugabanya imibare ishyitse kuva kuri 0 kugera kuri 200.	-Inyunguramagambo mu kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuba no kugabanya imibare ishyitse kuva kuri 0 kugera kuri 200

<i>Ubushobozi fatizo</i>	- Ubushishozi, gushakashaka, gukemura ibibazo no kuja impaka. - Gushyikirana n'abandi, no guhora yiyungura ubumenyi	- Ubushishozi, gushakashaka, gukemura ibibazo no kuja impaka. - Gushyikirana n'abandi, no guhora yiyungura ubumenyi
<i>Ubumenyi bufasha umunyeshuri kunoza imyigire ye</i>	- Gutekerezwa no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora - Kubara adahubutse kugenzura no kunoza ibyo yakozwe, - Kwandika neza imibare n'ibimenyetso bikoresheho.	- Gutekerezwa no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora - Kubara adahubutse kugenzura no kunoza ibyo yakozwe, - Kwandika neza imibare n'ibimenyetso bikoresheho.
<i>Isubiramo / imyitozo</i>	Isubiramo ku mibare kuva kuri 0 kugera kuri 100	Isubiramo ku mibare kuva kuri 0 kugera kuri 200
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma</i>	Ubushobozi bwo kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuramo gukuba no kugabanya neza imibare ishyitse kugera kuri 200	Ubushobozi bwo kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuramo gukuba no kugabanya neza imibare ishyitse kugera kuri 500
<i>Ibyingenzi umunyeshuri avana mu isomo</i>	Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuramo gukuba no kugabanya neza imibare ishyitse kugera kuri 200	Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuramo gukuba no kugabanya neza imibare ishyitse kugera kuri 500

IMBONERAHAMWE NKOMATANYAMASOMO

	UMUTWE WA 3: Imibare kuva kuri 0 kugera kuri 1000	UMUTWE WA 4: Imigabane $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$, na $\frac{1}{8}$
<i>Umubare w'amasomo</i>	54	6
<i>Intangiriro</i>	Ibikorwa ku mibare bize n'iyi bagiye kwiga	Ibikorwa ku mibare bize n'iyi bagiye kwiga.
<i>Uko abanyeshuri bicajwe</i>	Amashusho, amakarita y'imibare, ibibarisho, intungwamubare	Ku ruziga, mu matsinda, ku gice cy'uruziga.
<i>Imfashanyigisho</i>	Kwitegereza, kuganira mu matsinda, gushakashaka, kubarara, guteranya, gukuramo, gukuba, kugabanya, gutondeka, kugereranya, gukina, kuririmba.	Amashusho manini, Ibikoresho binyuranye: urupapuro, icunga, ipapayi, igisheke.
<i>Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize</i>	Gukemura ibibazo bijyanye n'imibare yize abara atibeshya Gufatanyana n'abandi mu matsinda.	Kwitegereza, kuganira mu matsinda, gushakashaka, kugereranya, gukubata, gukina, kuririmba.
<i>Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo</i>	Gukoresha neza amagambo yungutse muri uyu mutwe.	Gukemura ibibazo bijyanye n'imibare yize.
<i>Imikoreshereze y'ururimi</i>	-Imyanya y'imibare ifite imibara 3 -Inyunguramagambo mu Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuba no kugabanya imibare ishiritse kuva kuri 0 kugera ku 1000	Gufatanyana n'abandi mu matsinda. Gukoresha neza amagambo yungutse muri uyu mutwe.

<i>Inyunguramagambo</i>	- Ubushishozi, gushakashaka, gukemura ibibazo no kuja impaka - Gushyikirana n'abandi, no guhora yiyungura ubumenyi.	Amagambo ajyanye n'imigabane ya $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$, na $\frac{1}{8}$
<i>Ubushobozi fatizo</i>	- Ubushishozi, gushakashaka, gukemura ibibazo no kuja impaka - Gushyikirana n'abandi, no guhora yiyungura ubumenyi.	- Ubushishozi, gushakashaka, gukemura ibibazo no kuja impaka - Gushyikirana n'abandi, no guhora yiyungura ubumenyi
<i>Ubumenyi bufasha umunyeshuri kunoza imyigire ye</i>	- Gutekerezwa no kumva neza amabwiriza y'ibyo sabwa gukora. - Kubara adahubutse kugenzura no kunoza ibyo yakozwe, - Kwandika neza imibare n'ibimenyetso bikoreshwa.	- Gutekerezwa no kumva neza amabwiriza y'ibyo sabwa gukora - Kubara adahubutse kugenzura no kunoza ibyo yakozwe, - Kwandika neza imigabane n'ibimenyetso bikoreshwa
<i>Isubiramo / imyitozo</i>	Isubiramo ku mibare kuva kuri 0 kugera kuri 200.	Isubiramo ku migabane ya $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$, $\frac{1}{8}$
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma</i>	Ubushobozi bwo kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuramo gukuba no kugabanya neza imibare ishyitse kugera kuri 500.	Ubushobozi bwo gusoma, kwandika, gushushanya no kugereranya imigabane ya $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$, na $\frac{1}{8}$ bahereye ku mfashanyigisho zifatika.
<i>Iby'ingenzi umunyeshuri avana mu isomo</i>	Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuramo gukuba no kugabanya neza imibare ishyitse kugera kuri 500.	Gusoma, kwandika, gushushanya no kugereranya imigabane ya $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$ na $\frac{1}{8}$ bahereye ku mfashanyigisho zifatika.

IMBONERAHAMWE NKOMATANYAMASOMO

	UMUTWE WA 5: Ingero z'uburebure <i>m</i> , <i>dm</i> na <i>cm</i>	UMUTWE WA 6: Urugero fatizo rw'ingero z'ibitembabuzi “Litiro (ℓ)”
<i>Umubare w'amasomo</i>	12	6
<i>Intangiriro</i>	Ibikorwa ku mibare bize n'iyo bagiye kwiga.	Ibikorwa ku mibare bize n'iyo bagiye kwiga
<i>Uko abanyeshuri bicajwe</i>	Ku ruziga, mu matsinda, ku gice cy'uruziga.	Ku ruziga, mu matsinda, ku gice cy'uruziga
<i>Imfashanyigisho</i>	Amashusho manini, irati, umuguzi ureshya na <i>m</i> , uducamurongo, igipapuro gikomeye, ikibaho, ikibuga...	Amashusho manini, amakarita y'imibare, ibibarisho, intungwamubare
<i>Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize</i>	Kwitegereza, gupima, kuganira mu matsinda, gushakashaka, kubara, guteranya, gukuramo, gukuba, kugabanya, gutondeka, kugereranya, gukina, kuririmba.	Kwitegereza, kuganira mu matsinda, gupima no gupimura, Gushakashaka, kubara, guteranya, gukuramo, gukuba, kugabanya, gutondeka, kugereranya, gukina, kuririmba
<i>Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo</i>	- Gukemura ibibazo bijyanye n'imibare yize, - Gufatanya n'abandi mu matsinda.	- Gukemura ibibazo bijyanye n'imibare yize - Gufatanya n'abandi mu matsinda
<i>Imikoreshereze y'ururimi</i>	Gukoresha neza amagambo yungutse muri uyu mutwe.	Gukoresha neza amagambo yungutse muri uyu mutwe.

<i>Inyunguramagambo</i>	Amagambo ajyanye n'ingero z'uburebure n'ibipimo byazo	Amagambo ajyanye na litiro nk'urugero fatizo rw'ingero z'ibitembabuzi
<i>Ubushobozi fatizo</i>	- Ubushishozi, gushakashaka, gukemura ibibazo no kujiya impaka - Gushyikirana n'abandi, no guhora yiyungura ubumenyi	- Ubushishozi, gushakashaka, gukemura ibibazo no kujiya impaka - Gushyikirana n'abandi, no guhora yiyungura ubumenyi
<i>Ubumenyi bufasha umunyeshuri mu myigire</i>	- Gutekerezwa no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora - Kubara adahubutse kugenzura no kunoza ibyo yakoze, - Kwandika neza ingero n'ibimenyetso bikoresheya	- Gutekerezwa no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora - Kubara adahubutse kugenzura no kunoza ibyo yakoze, - Kwandika neza ingero n'ibimenyetso bikoresheya
<i>Isubiramo / imyitozo</i>	Isubiramo n'imyitozo kuri <i>metero(m)</i>	Isubiramo n'imyitozo kuri <i>m, dm na cm</i>
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma</i>	Ubushobozi bwo gupima intera cyangwa uburebure bw'ibintu muri <i>m, dm na cm</i> , kugaragaza uko izo ngero zirutanwa hifashishijwe imbonerahamwe gukora amahurizo yo guteranya no gukuramo ingero z'uburebure.	Ubushobozi bwo gupima itwara ry'ibikoreshe bitandukanye muri litiro no kugaragaza uko birutana, gukora amahurizo yo guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya muri litiro.
<i>Iby'ingenzi umunyeshuri avana mu isomo</i>	Gupima intera cyangwa uburebure bw'ibintu muri <i>m, dm na cm</i> , kugaragaza uko izo ngero zirutanwa hifashishijwe imbonerahamwe gukora amahurizo yo guteranya no gukuramo ingero z'uburebure	Gupima itwara ry'ibikoreshe bitandukanye muri litiro no kugaragaza uko birutana, gukora amahurizo yo guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya muri litiro.

IMBONERAHAMWE NKOMATANYAMASOMO

	UMUTWE WA 7: Urugero fatizo rw'ingero z'uburemere "kg"	UMUTWE WA 8: Amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F1000
<i>Umubare w'amasomo</i>	12	12
<i>Intangiriro</i>	Ibikorwa ku mibare bize n'iyi bagiye kwiga	Ibikorwa ku mibare bize n'iyi bagiye kwiga
<i>Uko abanyeshuri bicajwe</i>	Ku ruziga , mu matsinda ,ku gice cy'uruziga	Ku ruziga , mu matsinda ,ku gice cy'uruziga
<i>Imfashanyigisho</i>	Amashusho manini,irati, iminzani amabuye,ibintu bipimwa	Amashusho manini ,amafaranga y'u Rwanda , ibiceri, inoti
<i>Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize</i>	Kwitegereza, kuganira mu matsinda,gupima no gupimura Gushakashaka,kubara , guteranya ,gukuramo , kukuba , kugabanya ,gutondeka , kugereranya ,gukina , kuririmba	Kwitegereza, kuganira mu matsinda,gupima no kugura, kuvunja Kubara , guteranya , gukuramo , gukuba , kugabanya ,gutondeka , kugereranya ,gukina , kuririmba
<i>Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo</i>	Gukemura ibibazo bijyanye no gukoresha ingero z'uburemere Gufatanywa n'abandi mu matsinda	Gukemura ibibazo bijyanye no gukoresha amafaranga Gufatanywa n'abandi mu matsinda
<i>Imikoreshereze y'ururimi</i>	Gukoresha neza amagambo yungutse muri uyu mutwe	Gukoresha neza amagambo yungutse muri uyu mutwe
<i>Inyunguramagambo</i>	Amagambo ajyanye n'ingero z'uburemere n'ibipimo byazo	Amagambo ajyanye n'ikoreshe ry'amafaranga : kugura, kugurisha, kuvunja,kugaruza,....

<i>Ubushobozi fatizo</i>	- Ubushishozi, ubushakashatsi no gukemura ibibazo - Gushyikirana n'abandi, kujya impaka, - Kubasha guhora yiyungura ubumenyi.	- Ubushishozi, ubushakashatsi no gukemura ibibazo - Gushyikirana n'abandi, kujya impaka, - Kubasha guhora yiyungura ubumenyi.	- Ubushishozi, ubushakashatsi no gukemura ibibazo - Gushyikirana n'abandi, kujya impaka, - Kubasha guhora yiyungura ubumenyi.
<i>Ubumenyi bufasha umunyeshuri mu myigire</i>	Gutekerezwa no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora Kubara adahubutse kugenzura no kunoza ibyo yakozwe, Kwandika neza ingero n'ibimenyetso bikoresheha	Gutekerezwa no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora Kubara adahubutse kugenzura no kunoza ibyo yakozwe, Kwandika neza ingero n'ibimenyetso bikoresheha	Gutekerezwa no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora Kubara adahubutse kugenzura no kunoza ibyo yakozwe, Kwandika neza imibare n'ibimenyetso bikoresheha
<i>Isubiramo / imyitozo</i>	Isubiramo n'imyitozo kuri litiro	Isubiramo n'imyitozo kuri litiro	Isubiramo n'imyitozo ku mafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F100
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma</i>	Ubushobozi bwo gupima, kugereranya, guteranya no gukuramo uburemere bw'ibintu batarenze kg 10	Ubushobozi bwo gupima, kugereranya, guteranya no gukuramo uburemere bw'ibintu batarenze kg 10	Ubushobozi bwo kubara, kugereranya, kuvunja, guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya amafaranga atarenze 1000
<i>Iby'ingenzi umunyeshuri avana mu isomo</i>	Gupima, kugereranya, guteranya no gukuramo uburemere bw'ibintu batarenze kg 10.	Kubara, kugereranya, kuvunja, guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya amafaranga atarenze 1000.	Kubara, kugereranya, kuvunja, guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya amafaranga atarenze 1000.

IMBONERAHAMWE NKOMATANYAMASOMO

	UMUTWE WA 9: Isaha,amezi,y’umwaka n’iminsi ya buri kwezi	UMUTWE WA 10 Amoko y’imirongo n’imfuruka
<i>Umubare w’amasomo</i>	18	6
<i>Intangiriro</i>	Ibikorwa ku mibare bize n’iyo bagiye kwiga	Ibikorwa ku mibare bize n’iyo bagiye kwiga
<i>Uko abanyeshuri bicajwe</i>	Ku ruziga , mu matsinda ,ku gice cy’uruziga	Ku ruziga , mu matsinda ,ku gice cy’uruziga
<i>Imfashanyigisho</i>	Gusoma , kwandika no kuvuga isaha yuzuye n’isaha irengaho iminota 30 , Kuvuga amezi y’umwaka n’ iminsi ya buri	Amashusho manini ,imirongo ,imfuruka
<i>Ibikorwa by’imyigire n’imyigishirize</i>	Kwitegereza, kuganira mu matsinda,kuvuga igihe kiri ku isaha Kubara , guteranya , gukuramo , kukuba , kugabanya ,gutondeka , kugereranya ,gukina , kuririmba	Kwitegereza, kuganira mu matsinda, gushakashaka, gushushanya, kugereranya,gukina,kuririmba
<i>Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo</i>	Gukemura ibibazo bijyanye no gukoresha isaha n’indangaminsi no gukorera ibintu ku gihe Gufatanya n’abandi mu matsinda	Gukemura ibibazo bijyanye no gukoresha imirongo n’imfuruka Gufatanya n’abandi mu matsinda
<i>Imikoreshereze y’ururimi</i>	Gukoresha neza amagambo yungutse muri uyu mutwe	Gukoresha neza amagambo yungutse muri uyu mutwe

<i>Inyunguramagambo</i>	Amagambo ajyanye n'isaha, iminota, iminsi, ukwezi, umwaka	Amagambo ajyanye n'isaha, iminota, iminsi, ukwezi, umwaka.
<i>Ubushobozi fatizo</i>	- Ubushishozi, ubushakashatsi no gukemura ibibazo. - Gushyikirana n'abandi, kujiya impaka. - Kubasha guhora yiyungura ubumenyi.	- Ubushishozi, ubushakashatsi no gukemura ibibazo - Gushyikirana n'abandi, kujiya impaka - Kubasha guhora yiyungura ubumenyi.
<i>Ubumenyi bufasha umunyeshuri mu myigire</i>	- Gutekerezwa no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora. - Kubara adahubutse kugenzura no kunoza ibyo yakozwe. - Kwandika neza imibare n'ibimenyetso bikorehwa.	- Gutekerezwa no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora. - Kwitegereza, kugenzura no kunoza ibyo yakozwe.
<i>Isubiramo / imyitozo</i>	Isubiramo n'imyitozo ku ngengabihe yo mu ishuri.	Isubiramo n'imyitozo ku mirongo no kuranga aho ibintu biherereye.
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma</i>	Ubushobozi bwo gusoma, kwandika, kuvuga isaha yuzuye n'isaha irengaho iminota 30 no kuvuga amezi y'umwaka n'iminisi ya buri kwezi.	Ubushobozi bwo gushushanya imirongo n' imfuruka no gutanga ingero z'ahantu cyangwa ibintu basangaho imirongo n' imfuruka igororotse, ifunganye n'iyagutse.
<i>Iby'ingenzi umunyeshuri avana mu isomo</i>	Gusoma, kwandika, kuvuga isaha yuzuye n'isaha irengaho iminota 30 no kuvuga amezi y'umwaka n'iminisi ya buri kwezi.	Gushushanya imirongo n' imfuruka no gutanga ingero z'ahantu cyangwa ibintu basangaho imirongo n' imfuruka igororotse, ifunganye n'iyagutse.

IMBONERAHAMWE NKOMATANYAMASOMO

	UMUTWE WA 11 Ikinyatuzu	UMUTWE WA 12 Kare, urukiramende na mpandeshatu
<i>Umubare w'amasomo</i>	6	6
<i>Intangiriro</i>	Ibikorwa ku mibare bize n'iyi bagiye kwiya.	Ibikorwa ku mibare bize n'iyi bagiye kwiya.
<i>Uko abanyeshuri bicajwe</i>	Ku ruziga , mu matsinda ,ku gice cy'uruziga.	Ku ruziga, mu matsinda, ku gice cy'uruziga.
<i>Imfashanyigisho</i>	Amashusho manini ariho ikinyatuzu.	Amashusho manini, ibipapuro biriho Kare, urukiramende.
<i>Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize</i>	Kwitegereza, kuganira mu matsinda, gushakashaka,gushushanya gukina, kuriramba.	Kwitegereza, gupima, kuganira mu matsinda, gushakashaka, kubara, guteranya,gukuba, kugabanya, gukina, kuriramba.
<i>Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo</i>	Gukemura ibibazo byiyanye no gupima ibigiye ku murongo. Gufatanya n'abandi mu matsinda.	Gukemura ibibazo byiyanye no gushushanya,gupima no gushaka umuzenguruko wa kare, urukiramende na mpandeshatu
<i>Imikoreshereze y'ururimi</i>	Gukoresha neza amagambo yungutse muri uyu mutwe	Gukoresha neza amagambo yungutse muri uyu mutwe.

<i>Inyunguramagambo</i>	Amagambo ajyanye n'ishushanya ry'imirongo, imfuruka	Amagambo ajyanye na <i>kare</i> , <i>urukiramende</i> na <i>mpandeshatu</i>
<i>Ubushobozi fatizo</i>	- Ubushishozi, ubushakashatsi no gukemura ibibazo, guhanga udushya. - Gushyikirana n'abandi, kuja impaka, - Kubasha guhora yiyungura ubumenyi.	- Ubushishozi, ubushakashatsi no gukemura ibibazo, guhanga udushya. - Gushyikirana n'abandi, kuja impaka, - Kubasha guhora yiyungura ubumenyi.
<i>Ubumenyi bufasha umunyeshuri mu myigire</i>	- Gutekerezwa no kumva neza y'ibyo asabwa gukora - Kwitegereza, kugenzura no kunoza ibyo yakozwe.	- Gutekerezwa no kumva neza amabwiriza y'ibyo asabwa gukora - Kwitegereza, kugenzura no kunoza ibyo yakozwe.
<i>Isubiramo / imyitozo</i>	Isubiramo n'imyitozo ku mirongo igororotse	Isubiramo n'imyitozo ku gushushanya no gutahura <i>Kare</i> n' <i>urukiramende</i> mu yandi mashusho
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma</i>	Ubushobozi bwo gushushanya ikinyatuzi, kuranga no gushyira akadomo ku kinyatuzi	Ubushobozi bwo gushushanya kare, urukiramende na mpandeshatu no gutanga ingero z'ahantu cyangwa ibintu basangaho <i>kare</i> , <i>urukiramende</i> na <i>mpandeshatu</i> .
<i>Ibyingenzi umunyeshuri avana mu isomo</i>	Gushushanya ikinyatuzi, kuranga no gushyira akadomo ku kinyatuzi	Gushushanya kare, urukiramende na mpandeshatu no gutanga ingero z'ahantu cyangwa ibintu basangaho <i>kare</i> , <i>urukiramende</i> na <i>mpandeshatu</i> .

IMBONERAHAMWE NKOMATANYAMASOMO

	UMUTWE WA 13: Umubare ubura mu iteranya , ikuramo n'ikuramory'imibare	UMUTWE WA 14: Ibishushanyo byifashishwa mu kubara
<i>Umubare w'amasomo</i>	6	6
<i>Intangiriro</i>	Ibikorwa ku mibare bize n'iyi bagiye kwiga.	Ibikorwa ku mibare bize n'iyi bagiye kwiga.
<i>Uko abanyeshuri bicajwe</i>	Ku ruziga, mu matsinda, ku gice cy'uruziga.	Ku ruziga, mu matsinda, ku gice cy'uruziga.
<i>Imfashanyigisho</i>	Amashusho manini ariho ikinyatuzi.	Amashusho manini, ibipapuro biriho ibishushanyo byifashishwa mu kubara, ibintu bifatika byo kubara.
<i>Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize</i>	Kwitegereza, kuganira mu matsinda, gushakashaka, kubara, guteranya, gukuramo, gukuba, kugabanya, gutondeka, kugereranya, gukina, kurimba.	Kwitegereza, kuganira mu matsinda, gushakashaka no kubara .
<i>Ubushobozi umunyeshuri yunguka mu isomo</i>	Gukemura ibibazo bijyanye no gukoresha ikinyatuzi	Gukemura ibibazo bijyanye no gupima ibigiye ku murongo Gufatanya n'abandi mu matsinda.
<i>Imikoreshereze y'ururimi</i>	Gukoresha neza amagambo yungutse muri uyu mutwe	Gukoresha neza amagambo yungutse muri uyu mutwe

<i>Inyunguramagambo</i>	Amagambo ajyanye no gushaka umubare ubura mu iteranya, ikuramo, ikuba n'igabanya ry'imibare	Amagambo ajyanye n'ishushanya ry'amashushongero
<i>Ubushobozi fatizo</i>	- Ubushishozi ubushakashatsi no gukemura ibibazo - Gushyikirana n'abandi, kuja impaka, - Kubasha guhora yiyungura ubumenyi	- Ubushishozi, ubushakashatsi no gukemura ibibazo, guhanga udushya - Gushyikirana n'abandi, kuja impaka, Kubasha guhora yiyungura ubumenyi
<i>Ubumenyi bufasha umunyeshuri mu myigire</i>	- Gusoma no kwandika no kubara neza atibeshya. - Kudahubuka no kugenzura ibyo yakozwe.	Kwitegereza ,gushushanya yitonze no kubare atibeshya
<i>Isubiramo / imyitozo</i>	Isubiramo n'imyitozo ku gutahura umubare ubura mu rukurikirane rw'ibara	Isubiramo n'imyitozo ku kinyatuzu.
<i>Ibigenderwaho mu isuzuma</i>	Ubushobozi bwo gushaka umubare ubura mu iteranya, ikuramo, ikuba n'igabanya ry'imibare	Ubushobozi bwo gusesengura, gusobanura no gushushanya amakuru atangwa n'igishushanyo gikoreshwa mu kubara.
<i>Iby'ingenzi umunyeshuri avana mu isomo</i>	Gushaka umubare ubura mu iteranya, ikuramo, ikuba n'igabanya ry'imibare	Gusesengura, gusobanura no gushushanya amakuru atangwa n'igishushanyo gikoreshwa mu kubara

ITEGANYAMASOMO RY'UMUTWE WA MBERE

Umwaka w'amashuri: 2017 Igihembwe cya mbere
Inyigisho: Imibare ishyitse kuva kuri 0 kugera kuri 200
Umwaka wa Kabiri: B

Ikigo cy'amashuri cya: _____
Amazina y'umwarimu: _____
Umubare w'amasaha mu cyumweru: 7

Amatariki	Umutwe 1	Ibyigwa + Isuzuma	Intego + Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Imyigire n'imyigishirize & Uburyo bukoreshwa mu isuzuma	Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe	Ikitonderwa
Kuva kuwa 23 Mutarama kugeza 27 Mutarama 2017	Imibare kuva kuri 0 kugera kuri 200	1. Ibara ry'ibintu bitarengeje 200 biri mu birundo 2. Gusoma imibare kuva kuri 0 kugera kuri 200 3. Kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 200 4. Gusesengura imibare mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyejana 5. Kugereranya imibare kuva 0 kugeza kuri 200 6. Gutondeka imibare kuva kuri 0 kugera kuri 200 7. Imyitozo yo gushimangira ibimaze kwigwa mu cyumweru. 8. Iteranya ritabitsa igiteranyo kitarenga 200 9. Iteranya ribitsa igiteranyo kitarenga 200 10. Amahurizo yo guteranya igiteranyo kitarenga 200 11. Ikuramo ridatira ikinyuranyo kitarenze 200	Ubumenyi: Kugaragaza no gusobanura umwanya n'agaciro ka buri mubare mu mibare igizwe n'imibarwa 3 Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 200 Ubumenyigiro: - Kubara atibeshya, gusoma no kwandika neza imibare kuva kuri 1 kugera kuri 200. - Gusoma neza ahanditse imibare itarenze 200 (Urugero: Inomero y' inzu, y'umuhanda, ibyapa,...) - Gutondeka imibare kuva ku 1 kugera kuri 200 kuva ku muto munini ujya ku muto munini ujya ku muto. - Gusesengura imibare itarenze 200 mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana - Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 200	- Kwifashisha ibirundo by'utubarisho abanyeshuri bakagenda bongeraho akabarisho kamwe kamwe bagatahura umubare mushya. - Kwifashisha ibirundo by'utubarisho n'indirimo abanyeshuri bakabara banandika - Kwifashisha utubarisho n'imirongo y'ibara abanyeshuri bakabara bajya imbere cyangwa basubira inyuma.	Igitabo cy'imibare cy'umunyeshuri n'integanyanyigisho y'isomo ry'imibare ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza	Impamvu zabuza amasomo gutangirwa igihe, _____ _____ _____ Uko wabyifatamo _____ _____

Kuva ku wa 30 Mutarama kugeza ku wa 3 Gashyantare 2017	12. Ikuramo ritira ikinyuranyo kitarenze 200 13. Amahurizo yo gukuramo ikinyuranyo kitarenza 200 14. Inyitozo yo gushimangira ibimaze kwigwa mu cyumweru cyose 15. Amahurizo yo guteranya no gukuramo imibare igiteranyo/ ikinyuranyo kitarenze 200 16. Mara ya 2 nibikubo bya 2 batarenza 20 17. Mara ya 3 nibikubo bya 3 batarenza 30 18. Gukuba imibare ibiri na 2 na 3 batabitsa 19. Kugabanya badasagura imibare iri muni ya 200 20. Amahurizo yo gukuba imibare ibiri na 2 na 3 batabitsa	Ubukeshya - Kugaragaza akamaro ko guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya mu buzima bwa buri muni. Ubumenyi - Gukubisha 2, 3 imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 - Kugabanya na 2, 3 ikigabanywa kitarenza 30 kandi badasagura Ubumenyigiro - Gukuba imibare y'imibarwa ibiri na 2 na 3 igikubo kitarenza 200	- Kwifashisha amakarita y'imibare n'imirongo y'ibara igihe abanyeshuri basoma imibare . - Gukoresha imirongo y'ibara n'amakarita y'imibare igihe abanyeshuri bagereranya cyangwa batondeka imibare. - Gukoresha imbonerahamwe y'ibara , amakarita y'imibare n'utubarisho igihe abanyeshuri biga gusesengura imibare. - Kwifashisha amakarita yanditseho imibare mu gukora imibare itandukanye, kuyitondeka, kuyisoma no kuyandika.	
--	---	--	---	--

Kuwa kuwa¹³ Gashyantare kugera 17 Gashyantare 2017	21. Imyitozo yo gushimangira ibimaze kwigwa mu cyumweru 22. Amahurizo yo kugabanya imibare ibiri na 2 na 3 badasagura 23. Amahurizo yo guteranya, gukuramo, gukuba imibare ibiri na 2 cyangwa 3 batabita no kugabanya badasagura imibare na 2 na 3 24. Ibikorwa by'ingenzi by'umunyeshuri bya buri muni. Isuzuma ngenzura myitwarire: Rizajya rikorwa nyuma ya buri somo Isuzuma rikomatanya: Kuwa 16 na 17 Gashyantare 2015	- Kugabanya badasagura imibare na 2 cyangwa na 3 ikigabanywa kitaranga Ubukeshya - Kugaragaza gahunda mu bikorwa bya buri muni. - Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe : - Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuba no kugabanya imibare ishyitse kuva kuri 0 kugeza kuri 200	Kwifashisha udukino two kubara mu mutwe igihe biga guteranya no gukuramo imibare. - Guhera ku ngero z'ingero ziyanye n'ubuzima bwa buri muni igihe abanyeshuri bakora amahurizo yo guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya - Ibyo isuzuma ryitaho cyane: 1. Kwitegereza 2. Uruhare rwa buri munyeshuri mu myitozo ikorerwa mu matsinda n'iyi bakora ari babiri babiri. 3. Imyitozo basubiza bandika 4. Imyitozo bakora mu mutwe. 5. Imyitozo bakoresha amaboko nko gupima uburebure bw'ikintu, ubunini bw'ibintu, uburemere bw'ibintu,... 6. Imyitozo ibasaba gukora ubushakashatsi ku rwego rwabo 7. Imyitozo isaba gukoresha imirimo y'amaboko nko kubara bakoresheje utubarisho, amakarita y'imibare,...		
--	--	---	---	--	--

Imbata y'isomo rishingiye ku bushobozi

Izina ry'ishuri :Amazina y'umwarimu:

Igihembwe	Itariki	Inyigisho	Ishuri	Umutwe wa 1	Isomo rya 1/24	Igihe	Umubare w'abanyeshuri
1	23 /01/ 2017	Imibare	Umwaka wa 2: B	Ikubara ibintu biri mu matsinda bitarenga 200	1 kuri 24	Iminota 40	48
Abana bafite ibibazo byihariye mu myigire n'umubare wabo : Abana 2 bafata bitinze , abana 3 bafite ubumuga bw'ingingo, abana 2 b'abahanga kurusha abandi.							
Umutwe wa 1	Imibare kuva kuri 0 kugera kuri 200						
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuba no kugabanya imibare ishiritse kuva kuri 0 kugeza kuri 200						
Isomo	Ibara ry'ibintu bitarengeje 200 biri mu birundo						
Intego yihariye y'isomo	Nyuma y'iri somo umunyeshuri azaba ashobora kubara ibintu bitarenze 200 biri mu birundo akoresheje utubarisho atibeshya kandi akurikiranya imibare nk'uko bikwiye .						
Aho isomo isomo ritangirwa	Hanze no mu ishuri						
Imfashanyigisho	Ibintu byo kubara bitandukanye (utubuye, udufuniko tw'amacupa, amasaro, ibishyimbo, intete z'ibigori,...)						
Ibitabo byifashishijwe	Igitabo cy'umunyeshuri k'imibare umwaka wa kabiri w'amashuri abanza (Urupapuro rwa 7) n'integanyanyigisho y'isomo ry'imibare ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza.						

Igihe buri gice cy'isomo kimara	Imyigire n'imyigishirize		Ubushobozi n'ingingansanganyamasomo + igisobanuro
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'abanyeshuri	
Intangiriro: Iminota 5	Gushyira ibintu bitandukanye mu birundo bitarenze 200 ku meza, mu ibase, mu gikombe, mu ndobo ku isahani, mu gakarito...ugahamagara abanyeshuri bakabyitegereza ndetse bakambwira amazina yabyo.	- Kwegeranya utubarisho tugashyirwa mu birundo. - Kwitegereza no gutanga ibitekerezo ku mazina ya buri bintu buri muri buri kirundo - Kujya mu matsinda buri wese yashyizwemo no kubahiriza amabwiriza bahawe na mwarimu.	Ubushishozi no kudahubuka Gushyira mu bikorwa amabwiriza ahawe. Ingingo nsanganyamasomo ziri muri iri somo n'uko zagerwaho Uburinganire: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bashyira mu bikorwa amabwiriza bahawe Gufata neza ibidukikije : Bugaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho. Umuko w'amahoro : Ubwumvikane n'ubwoherane.
Isomo nyirizina: Iminota 30	- Gushyira abanyeshuri mu matsinda. - Kwirinda ko ba bandi bafite ibibazo byihariye(Abafata bitinze , Abafite ubumuga bw'ingingo n' abana ba bahanga kurusha abandi) bajya mu itsinda rimwe no kubaba hafi . Igikorwa cya 1 - Guha buri tsinda utubarisho maze nkabasaba kutubara bakambwira umubare wa two. - Kugenzura buri tsinda ko rishyira mu bikorwa amabwiriza narihaye. Urugero: 50,75, 100. Igikorwa cya 2 - Kubwira abanyeshuri bagafata twa tubarisho wabahaye bakadushyira mu birundo bakurikije imibare wabahaye. - Nta tsinda rigomba kugira umubare usa n'uw'irindi. - Kugenzura buri tsinda ko rishyira mu bikorwa amabwiriza warihaye. - Guha buri tsinda umwanya wo gusubiramo ibyo ryakoze imbere ya bagenzi babo.	Igikorwa cya 1 Kubara ibintu buri mu birundo Buri tsinda rizarira, mwarimu itsinda ry'utubarisho 200 ryakoze, umunyeshuri uwo ari we wese akabara utubarisho tw'itsinda rimwe, undi akabara utw'irindi mugakomeza mutyo kugira ngo mugenzure ko amatsinda yose yashyize ibintu mu birundo bingana n'umubare babwire.	Ubushishozi no kudahubuka akora imyitozo Gufatanyaga n'abandi igihe bakorera hamwe Kwikemurira ibibazo biyanywe no kubara Gukoresha imvugo isobanutse igihe abara avugaga. Kugira amatsiko yo kwiyoungura ubumenyi mu mibare Ingingo nsanganyamasomo ziri muri iri somo n'uko zagerwaho Uburezi budaheza : Kwita ku banyeshuri bafite imbogamizi mu myigire yabo. Uburinganire: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda Gufata neza ibidukikije : Bugaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho. Umuko w'amahoro : Buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we

		Igikorwa cya 2 - Abanyeshuri bagakora ibirundo by’utubarisho bingana n’ mibare bahawe urugero: 50, 75, 100. - Gutega amatwi bakumva ibyo bagiye gukora ibidasobanutse bakabisobanuza mbere yo gutangira igikorwa bahawe.	Ubushobozi nsanganyamasomo: - Gushyikirana n’abandi - Kwikemura ibibazo Ingingo nsanganyamasomo - Ubwuzuzanye bw’ibitsina byombi mu gukora imyitozo. - Guha agaciro abafite imbogamizi mu myigire - Kwita ku bidukikije bashaka ibibarisho. - Gukorana mu mahoro buri wese yubaha ibitekerezo by’undi.
	Igikorwa cya 3 Guha abanyeshuri utubarisho 200 ukabasaba gukora akarundo karimo utubarisho 100 barangiza bakajya bagenda bongeraho utubarisho 10 bakavuga umubare mushya babonye baranguruye ijwi.	Igikorwa cya 3 Kubara mu macumi Gufata itsinda utubarisho 100, bakajya bongeraho utubarisho 10 bakavuga umubare w’utubarisho bagize.	
Umwanzuro: Iminota 5	- Guha abanyeshuri imyitozo yo gukora ibirundo by’utubarisho tutarenze 200 bakurikije amabwiriza ya buri tsinda. - Umukoro wo kubara amashani bafite iwabo mu rugo . Ku munsu ukurikiyeho buri wese akazahabwa umwanya wo kubwira bagenzi be umubare w’ayo yabaze . - Kubasaba bakaza gukomeza kwitoza kubara ibintu bitandukanye bageze mu rugo.	Buri wese afata utubarisho 40, bakadushyira hamwe maze bagakora ikirundo cy’utubarisho 179 bakatubara. Umukoro: Buri wese abare amashani bafite iwabo mu rugo ejo azatubwire umubare wayo.	
Isuzuma umwarimu yikorerera ubwe	Nshingiyeye ku bikorwa abanyeshuri bakoze n’umwitozo w’isuzuma ndemeza ko isomo ryumvikanye nkaba ngomba kuzongera kubaha imyitozo yo kubara ku isomo rikurikiraho ryo gusoma no kwandika imibare mu magambo no mu mibare.		

UMUTWE WA 1

Imibare kuva kuri 0 kugera 200

1.1. Amasomo ari mu mutwe wa 1

Umubare	Amasomo
1	Kubara ibintu biri mu matsinda bitarenga 200
2	Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 200 mu mibare
3	Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 200 mu magambo
4	Gusesengura imibare itarenze 200
5	Kugereranya imibare itarenze 200
6	Gutondeka imibare itarenze 200
7	Iteranya ry'imibare igiteranyo cyayo kitarenze 200 mu mutwe
8	Iteranya ritabitsa ry'imibare igiteranyo cyayo kitarenze 200
9	Iteranya ribitsa ry'imibare igiteranyo cyayo kitarenze 200
10	Amahurizo yo guteranya imibare igiteranyo cyayo kitarenze 200
11	Ikuramo ry'imibare ikinyuranyo cyayo kitarenze 200
12	Ikuramo ridatira ry'imibare ikinyuranyo cyayo kitarenze 200
13	Ikuramo ritira ry'imibare ikinyuranyo cyayo kitarenze 200
14	Amahurizo yo gukuramo imibare ikinyuranyo cyayo kitarenze 200
15	Mara ya 2 n'ibikubo byayo bitarenze 20
16	Gukubisha imibare y'imibare 2 cyangwa 3 na 2 batabitsa
17	Amahurizo yo gukubisha imibare y'imibare 2 cyangwa 3 na 2 batabitsa
18	Kugabanya badasagura imibare y'imibare 2 cyangwa 3 na 2
19	Amahurizo yo kugabanya badasagura imibare y'imibare 2 cyangwa 3 na 2
20	Mara ya 3 n'ibikubo byayo bitarenze 30
21	Gukubisha imibare y'imibare 2 cyangwa 3 na 3 batabitsa
22	Amahurizo yo gukubisha imibare y'imibare 2 cyangwa 3 na 3 batabitsa
23	Kugabanya badasagura imibare y'imibare 2 cyangwa 3 na 3
24	Amahurizo yo kugabanya badasagura imibare y'imibare 2 cyangwa 3 na 3
Igiteranyo	24

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuba no kugabanya imibare ishyyitse kuva kuri 0 kugera kuri 200.

Amasomo 1, 2 & 3 *(urup rwa 7-11 mu gitabo cy'umunyeshuri)*

Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 200.

Intego z'isomo

Ubumenyi

- Kugaragaza no gusobanura umwanya n'agaciro ka buri mubara mu mibare igizwe n'imibara 3.

Ubumenyigiro

- Kubara atibeshya gusoma no kwandika neza imibare kuva kuri 1 kugera kuri 200.
- Gusoma neza ahanditse imibare itarenze 200.

Ubukeshya

- Kugaragaza gahunda mu bikorwa bya buri muni.

Imfashanyigisho

- Utubarisho dutandukanye: utubuye, uducupa, ubishyimo, udusaro, ibipurizo, ibigori, inyanya, amakayi, amakaramu, ibitabo, ingwa, soya n'amakarita yanditseho imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'amasomo y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Buri munyeshuri afata utubarisho yazanye, udusa tukajya ukwatwo mwarangiza mukavuga amazina yatwo.

Isomo nyirizina:

Ibikorwa by'umwarimu

- Gukoresha ibirundo by'utubarisho bakajya bongeraho akabarisho kamwe bakavuga umubare mushya.
- Kubayobora bakabara bongeraho utubarisho 10 bakavuga umubare mushya.
- Kubayobora bakabara bajya imbere cyangwa basubira inyuma bakoresheje imirongo y'ibara.
- Kubigisha uburyo basoma kandi bakandika umubare werekanwe ku ikarita.
- Kuvuga umubare bakawerekanisha utubarisho.
- Gusoma no kwandika urutonde rw'imibare rwatanzwe.
 - Mugereranye amanota ya Kagabo na Yohani : $190 > 151$
 - Mugereranye amanota ya Kagabo na Kalisa : $190 > 180$
 - Mugereranye amanota ya Yohani na Kalisa : $151 < 180$
 - Mugereranye amanota ya Uwera na Marita : $190 > 173$

Igikorwa 4 (ku rupapuro 15 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- Mugereranye umusaruro w'umwaka wa 1 n'uwa $2:125 > 105$
- Mugereranye umusaruro w'umwaka wa 2 n'uwa $3:105 < 156$
- Mugereranye umusaruro w'umwaka wa 1 n'uwa $3:125 < 156$
- Mugereranye umusaruro w'umwaka wa 4 n'uwa $5:140 < 162$
- Mugereranye umusaruro w'umwaka wa 6 n'uwa $5:158 < 162$
- Mugereranye umusaruro w'umwaka wa 2 n'uwa $5:105 < 162$
- Mugereranye umusaruro w'umwaka wa 1 n'uwa $5:125 < 162$
- Mugereranye umusaruro w'umwaka wa 2 n'uwa $4:105 < 140$
- Mugereranye umusaruro w'umwaka wa 6 n'uwa $3:158 < 156$

Reka ngereranye (ku rupapuro rwa 16 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Koresha ibimenyetso $<$, $>$ na $=$ ugereranye imibare ikurikira

- | | | |
|-------------|-------------|-------------|
| a)169 = 169 | d)136 < 167 | g)122 = 122 |
| b)118 < 185 | e)145 < 158 | h)181 > 113 |
| c)127 = 127 | f)163 > 131 | i)190 > 104 |

Gutondeka imibare kuva kuri 0 kugera ku 200

Gutondeka imibare kuva kuri 0 kugera ku 200 uva ku muto ujya ku munini

Reka ntondeke mva ku mubare muto njya ku mubare munini

(ku rupapuro rwa17 mu gitabo cy’umunyeshuri)

Mu matsinda mutondeke imibare ikurikira muhereye ku muto mujya ku munini

- a) 103, 125, 175 d) 123, 145, 182 g) 147, 152, 179
b) 135, 184, 200 e) 142, 165, 173, h) 109, 128, 168
c) 100, 151, 197 f) 109, 137, 199 i) 121, 175, 194
j) 131, 179, 187

Gutondeka imibare kuva kuri 0 kugera ku 200 uva ku munini ujya ku muto

Igikorwa cya 5 ku rupapuro rwa 18 mu gitabo cy'umunyeshuri

Mu matsinda mutondeke imibare ikurikira muhereye ku munini mujya ku muto

- a) 175, 152, 130 d) 154, 132, 128
b) 200, 153, 148 e) 156, 137, 124
c) 179, 115, 100 f) 199, 190, 173

Reka nkore (ku rupapuro rwa 18 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. Tondeka uherye ku mubare muto ujya ku mubare munini

- a) 124, 138, 142 d) 107, 147, 174 g) 105, 150, 158 j) 104, 134, 143
 b) 119, 129, 192 e) 137, 173, 183 h) 104, 124, 142
 c) 108, 138, 183 f) 167, 176, 179 i) 108, 180, 184





2. Tondeka uherye ku mubare munini ujya ku mubare muto

- a) 183, 174, 138 d) 164, 146, 106 g) 187, 178, 124
 b) 132, 129, 123, e) 194, 191, 149 h) 163, 136, 106
 c) 172, 127, 107, f) 192, 172, 127 i) 193, 139, 109
 j) 163, 143, 123

Guteranya imibare kuva kuri 0 kugeza kuri 200

Guteranya mu mutwe

Igikorwa cya 3 (ku rupapuro rwa 21 mu gitabo cy'umunyeshuri)



Iteranya ritabitsa

Igikorwa cya 5 (ku rupapuro rwa 21 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) $142 = 41 + 101$ e) $156 = 103 + 53$ i) $105 + 51 = 156$
 b) $178 = 23 + 155$ f) $138 = 100 + 38$ j) $44 + 134 = 178$
 c) $186 = 20 + 166$ g) $127 + 20 = 147$ k) $34 + 162 = 196$
 d) $164 = 101 + 63$ h) $118 + 41 = 159$ l) $34 + 112 = 146$

Igikorwa cya 6 (ku rupapuro rwa 22 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) $121 + 41 = 162$ d) $102 + 71 = 173$
b) $132 + 45 = 177$ e) $153 + 34 = 187$
c) $114 + 62 = 176$ f) $162 + 22 = 184$

Igikorwa 7 (ku rupapuro rwa 22 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) $123 + 75 = 198$ d) $72 + 125 = 197$ g) $191 + 6 = 197$
b) $147 + 51 = 198$ e) $135 + 62 = 197$ h) $61 + 135 = 196$
c) $182 + 16 = 198$ f) $152 + 45 = 197$ i) $112 + 77 = 189$

Reka nteranye: ku (rupapuro rwa 22 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) $121 + 47 = 168$ d) $104 + 55 = 159$
b) $138 + 40 = 178$ e) $123 + 46 = 169$
c) $105 + 93 = 198$ f) $154 + 30 = 184$

Iteranya ribitsa

Reka nkore (ku rupapuro rwa 23 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|---------------------|---------------------|---------------------|
| a) $125 + 67 = 192$ | g) $171 + 28 = 199$ | m) $171 + 28 = 199$ |
| b) $134 + 48 = 182$ | h) $185 + 15 = 200$ | n) $185 + 15 = 200$ |
| c) $146 + 29 = 175$ | i) $192 + 8 = 200$ | o) $192 + 8 = 200$ |
| d) $117 + 75 = 192$ | j) $174 + 21 = 193$ | p) $116 + 59 = 174$ |
| e) $154 + 28 = 182$ | k) $156 + 39 = 495$ | r) $123 + 48 = 171$ |
| f) $165 + 28 = 193$ | l) $146 + 48 = 194$ | s) $136 + 59 = 195$ |

Reka nkore ku rupapuro rwa 24 mu gitabo cy'umunyeshuri

- a) $105 + 58 = 163$ d) $85 + 46 = 131$ g) $149 + 36 = 185$ j) $65 + 108 = 173$
b) $77 + 96 = 175$ e) $137 + 26 = 163$ h) $73 + 49 = 132$ k) $34 + 98 = 132$
c) $139 + 43 = 182$ f) $88 + 45 = 133$ i) $89 + 27 = 116$ l) $98 + 86 = 184$

Amahurizo yo guteranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 200

Reka dukore amahurizo dukurikije urugero twahawe

(Urupapuro rwa 24 – 25 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. Ni amanota $120 + 40 =$ amanota 160
2. Ibigori $100 + 12 =$ ibigori 112
3. Ibitabo $65 +$ Ibitabo 95 = ibitabo 160
4. Ibiti byatewe n'iyi Midugudu yombi ni $112 + 88 =$ Ibiti 200
5. Abanyeshuri biga muri ayo mashuri yombi ni $111 + 89 = 200$
6. Ni inkoko $142 +$ inkoko 32 = inkoko 200

7. Imyaka yabo yombi = $74 + 69 =$ Imyaka 143
8. Muri iyo minsi ibiri yaranguje amagi = $108 + 87 =$ 195
9. Umubare w'inka zose hamwe = $137 + 46 =$ 183

Gukuramo imibare kuva kuri 0 kugeza kuri 200

Gukuramo mu mutwe

1. igikorwa cya 1 (ku rupapuro rwa 26 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|---------------------|---------------------|---------------------|
| a) $190 - 10 = 180$ | e) $150 - 10 = 140$ | i) $110 - 10 = 100$ |
| b) $180 - 10 = 170$ | f) $140 - 10 = 130$ | j) $100 - 10 = 90$ |
| c) $170 - 10 = 160$ | g) $130 - 10 = 120$ | k) $90 - 10 = 80$ |
| d) $160 - 10 = 150$ | h) $120 - 10 = 110$ | l) $80 - 10 = 70$ |

Ikuramo ridatira

Igikorwa cya 3 (ku rupapuro rwa 27 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|---------------------|---------------------|---------------------|
| a) $100 = 124 - 24$ | e) $155 = 195 - 40$ | i) $174 - 50 = 124$ |
| b) $120 = 178 - 58$ | f) $130 = 178 - 48$ | j) $198 - 78 = 120$ |
| c) $115 = 155 - 40$ | g) $187 - 150 = 37$ | k) $198 - 36 = 162$ |
| d) $150 = 175 - 25$ | h) $166 - 26 = 140$ | l) $177 - 125 = 52$ |

Igikorwa cya 4 (ku rupapuro rwa 27 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|---------------------|---------------------|---------------------|
| a) $121 - 21 = 100$ | c) $114 - 11 = 103$ | e) $153 - 33 = 120$ |
| b) $132 - 30 = 102$ | d) $182 - 31 = 151$ | f) $144 - 14 = 130$ |

Igikorwa cya 5 (ku rupapuro rwa 28 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|---------------------|---------------------|---------------------|
| a) $186 - 75 = 111$ | d) $165 - 62 = 103$ | g) $189 - 77 = 112$ |
| b) $187 - 51 = 136$ | e) $156 - 45 = 111$ | h) $164 - 22 = 142$ |
| c) $189 - 16 = 173$ | f) $196 - 56 = 140$ | i) $193 - 131 = 62$ |

Ikuramo ritira

Igikorwa cya 7 (ku rupapuro rwa 29 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | | |
|---------------------|---------------------|---------------------|---------------------|
| a) $152 - 47 = 105$ | e) $139 - 117 = 22$ | i) $174 - 138 = 36$ | m) $182 - 156 = 26$ |
| b) $171 - 57 = 114$ | f) $143 - 48 = 95$ | j) $178 - 139 = 39$ | n) $129 - 76 = 53$ |
| c) $196 - 57 = 139$ | g) $145 - 28 = 117$ | k) $164 - 39 = 125$ | o) $148 - 129 = 19$ |
| d) $192 - 164 = 28$ | h) $131 - 129 = 2$ | l) $165 - 58 = 107$ | |

Reka nkore iri ku rupapuro rwa 30 mu gitabo cy'umunyeshuri

- | | | |
|---------------------|---------------------|---------------------|
| a) $105 - 58 = 47$ | d) $85 - 46 = 39$ | g) $146 - 39 = 107$ |
| b) $97 - 68 = 29$ | e) $136 - 27 = 109$ | h) $73 - 49 = 24$ |
| c) $193 - 34 = 159$ | f) $105 - 86 = 19$ | i) $87 - 29 = 58$ |

Amahurizo yo gukuramo kuva kuri 0 kugera kuri 200

Reka dukore amahurizo dukurikije urugero twahawe (ku rupapuro rwa 30-34 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. Hasigaye inkoko $200 - 50 = 150$ (Hasigaye inkoko 150)
2. Yasigaranye amagi $70 - 60 = 10$ (Yasigaranye amagi 10)
3. Yabuze amanota $200 - 156 = 44$ Yabuze amanota 44
4. Uwasaruye mwinshi ni Kamariza, yamurushije imifuka 21 ($187 - 166 = 21$)
5. Yasigaranye ibigori 109: ($178 - 69 = 109$)
6. Yasigaranye inanasi 56: ($195 - 139 = 56$)
7. Umudugudu wacu urimo ingo zitoroye inka 38 ($187 - 149 = 38$)
8. Yasigaranye imifuka 48: ($187 - 139 = 48$)
9. Ingo zitabonye mituweli ni 24 ($172 - 148 = 24$)

Mara ya 2 n'ibikubo bya 2

Igikorwa cya 2 (ku rupapuro rwa 32 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|---------------------|----------------------|-----------------------|
| a) $2 = 1 \times 2$ | e) $10 = 5 \times 2$ | h) $16 = 8 \times 2$ |
| b) $4 = 2 \times 2$ | f) $12 = 6 \times 2$ | i) $18 = 9 \times 2$ |
| c) $6 = 3 \times 2$ | g) $14 = 7 \times 2$ | j) $20 = 10 \times 2$ |
| d) $8 = 4 \times 2$ | | |

Reka nkore iri ku rupapuro rwa 33 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Uzuza umubare ubura

$\times 2$	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
	2	4	6	8	10	12	14	16	18	20

2. Uzuza iyi mbonerahamwe

1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
2	4	6	8	10	12	14	16	18	20

3. Gereranya

- | | |
|----------------------------|-------------------------|
| a) $10 + 10 = 2 \times 10$ | d) $4 + 4 = 2 \times 4$ |
| b) $5 + 5 = 2 \times 5$ | e) $8 + 8 = 2 \times 8$ |
| c) $9 + 9 = 2 \times 9$ | f) $3 + 3 = 2 \times 3$ |

Gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 2

Igikorwa cya 3 (ku rupapuro rwa 34 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | | |
|-----------------------|-----------------------|-----------------------|-----------------------|
| a) $2 \times 11 = 22$ | d) $2 \times 14 = 28$ | g) $2 \times 22 = 44$ | j) $2 \times 31 = 62$ |
| b) $2 \times 12 = 24$ | e) $2 \times 20 = 40$ | h) $2 \times 23 = 46$ | k) $2 \times 32 = 64$ |
| c) $2 \times 13 = 26$ | f) $2 \times 21 = 42$ | i) $2 \times 30 = 60$ | l) $2 \times 33 = 66$ |

9. Reka dukore amahurizo dukurikije urugero twahawe (urupapuro rwa 34-35 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. Bose hamwe bavomye utujerikani ni 60 ($2 \times 30 = 60$)
2. Umubare w'amashu yasaruwe ni 68 ($2 \times 34 = 68$)
3. Ku mpande zombi hari amatara 66 ($2 \times 33 = 66$)

Igabanya ridasagura imibare na 2

Igikorwa cya 2 (ku rupapuro rwa 36 mu gitabo cy'umunyeshuri)

0	2	4	6	8	10	12	14	16	18	20
0	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10

Reka nkore (urupapuro rwa 36 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | | |
|------------------|-----------------|----------------|-----------------|
| a. $20 : 2 = 10$ | d. $14 : 2 = 7$ | g. $8 : 2 = 4$ | j. $2 : 2 = 1$ |
| b. $18 : 2 = 9$ | e. $12 : 2 = 6$ | h. $6 : 2 = 3$ | k. $6 : 2 = 3$ |
| c. $16 : 2 = 8$ | f. $10 : 2 = 5$ | i. $4 : 2 = 2$ | l. $14 : 2 = 7$ |

Imyitozo yo (ku rupapuro rwa 36 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | | |
|-----------------|-----------------|----------------|-----------------|
| a. $14 : 2 = 7$ | c. $10 : 2 = 5$ | e. $6 : 2 = 3$ | g. $12 : 2 = 6$ |
| b. $18 : 2 = 9$ | d. $16 : 2 = 8$ | f. $4 : 2 = 2$ | h. $8 : 2 = 4$ |

Igikorwa cya 4: (ku rupapuro rwa 37 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | | |
|------------------|------------------|------------------|------------------|
| a) $48 : 2 = 24$ | d) $26 : 2 = 13$ | g) $28 : 2 = 14$ | j) $86 : 2 = 43$ |
| b) $88 : 2 = 44$ | e) $78 : 2 = 39$ | h) $24 : 2 = 12$ | k) $96 : 2 = 48$ |
| c) $38 : 2 = 19$ | f) $76 : 2 = 38$ | i) $98 : 2 = 49$ | l) $52 : 2 = 26$ |

Reka nandike mu mahembe ngabanye: (ku rupapuro rwa 37 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | | |
|------------------|------------------|------------------|------------------|
| a) $22 : 2 = 11$ | e) $66 : 2 = 33$ | i) $42 : 2 = 21$ | m) $40 : 2 = 20$ |
| b) $60 : 2 = 30$ | f) $68 : 2 = 34$ | j) $46 : 2 = 23$ | n) $84 : 2 = 42$ |
| c) $62 : 2 = 31$ | g) $80 : 2 = 40$ | k) $44 : 2 = 22$ | |
| d) $64 : 2 = 32$ | h) $82 : 2 = 41$ | l) $20 : 2 = 10$ | |

Reka ndebere ku rugero nkore: (ku rupapuro rwa 38 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | | |
|--------------------|-------------------|-------------------|-------------------|
| a) $200 : 2 = 100$ | d) $184 : 2 = 92$ | f) $180 : 2 = 90$ | h) $166 : 2 = 83$ |
| b) $188 : 2 = 94$ | e) $182 : 2 = 91$ | g) $168 : 2 = 84$ | i) $164 : 2 = 82$ |
| c) $186 : 2 = 93$ | | | |

Amahurizo yo kugabanya na 2 ari ku rupapuro rwa 39 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Buri wese nzamuha amakayi 24 ($48 : 2 = 24$)
2. Buri hema ryagiyemo intebe 50 ($100 : 2 = 50$)

Mara ya 3 n'ibikubo bya 3 igikorwa cya 2

(ku rupapuro rwa 40 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) $3 = 3 \times 1$ d) $12 = 3 \times 4$ g) $21 = 3 \times 7$
 b) $6 = 3 \times 2$ e) $15 = 3 \times 5$ h) $24 = 3 \times 8$
 c) $9 = 3 \times 3$ f) $18 = 3 \times 6$ i) $27 = 3 \times 9$

Reka nkore (ku rupapuro rwa 40 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Uzuza umubare ubura)

	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
x3	3	6	9	12	15	18	21	24	27	30

	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
x3	3	6	9	12	15	18	21	24	27	30

3. Gereranya

$$\begin{array}{lll}
 10 + 10 + 10 = 3 \times 10 & 4 + 4 + 4 = 3 \times 4 & 7 + 7 + 7 = 3 \times 7 \\
 5 + 5 + 5 = 3 \times 5 & 8 + 8 + 8 = 3 \times 8 & 2 + 2 + 2 = 3 \times 2 \\
 9 + 9 + 9 = 3 \times 9 & 3 + 3 + 3 = 3 \times 3 & 6 + 6 + 6 = 3 \times 6
 \end{array}$$

Gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 3

Igikorwa cya 1 (ku rupapuro rwa 41 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) $3 \times 11 = 33$ d) $3 \times 20 = 60$ g) $3 \times 23 = 69$ j) $3 \times 31 = 93$
 b) $3 \times 12 = 36$ e) $3 \times 21 = 63$ h) $3 \times 14 = 42$ k) $3 \times 32 = 96$
 c) $3 \times 13 = 39$ f) $3 \times 22 = 66$ i) $3 \times 30 = 90$ l) $3 \times 33 = 99$

Igikorwa cya 2 (ku rupapuro rwa 41 mu gitabo cy'umunyeshuri)

a) 2 1	b) 2 2	c) 2 3	d) 3 0	e) 4 1	f) 3 2	g) 3 3	h) 4 0
$\begin{array}{r} \times 3 \\ \hline 63 \end{array}$	$\begin{array}{r} \times 3 \\ \hline 66 \end{array}$	$\begin{array}{r} \times 3 \\ \hline 69 \end{array}$	$\begin{array}{r} \times 3 \\ \hline 90 \end{array}$	$\begin{array}{r} \times 3 \\ \hline 123 \end{array}$	$\begin{array}{r} \times 3 \\ \hline 96 \end{array}$	$\begin{array}{r} \times 3 \\ \hline 99 \end{array}$	$\begin{array}{r} \times 3 \\ \hline 120 \end{array}$

Amahurizo yo gukuba na 3 (Urupapuro rwa 42 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. Abakobwa ni 99 ($33 \times 3 = 99$) naho abahungu ni 96 ($32 \times 3 = 96$)

Abanyeshuri bose ni 198 ($96 + 99 = 198$)

2. Nagize amanota 90 ($30 \times 3 = 90$)

3. Umubare w'amasabune yaguze ni 96 ($32 \times 3 = 96$)

4. Umubare w'ibisheke ni 69 ($23 \times 3 = 69$)

5. Umubare w'amagi zitera mu minsi itatu 90 ($30 \times 3 = 90$)

6. Umubare w'intebe ziri mu rusengero ni 129 ($43 \times 3 = 129$)

Igabanya ridasagura ry'imibare y'imibarwa 2 cyangwa 3 na 3

Igikorwa cya 2 ku rupapuro rwa 44 mu gitabo cy'umunyeshuri

3	9	12	15	18	21	24	27	30
1	3	4	5	6	7	8	9	10

3	9	12	15	18	21	24	27	30
1	3	4	5	6	7	8	9	10

3	9	12	15	18	21	24	27	30
1	3	4	5	6	7	8	9	10

Igikorwa cya 3 (ku rupapuro rwa 44 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) $189 : 3 = 63$ b) $156 : 3 = 52$ c) $123 : 3 = 41$ d) $159 : 3 = 53$

Reka nkore (ku rupapuro rwa 44 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) $123 : 3 = 41$ d) $150 : 3 = 50$ g) $180 : 3 = 60$ j) $186 : 3 = 62$
 b) $126 : 3 = 42$ e) $156 : 3 = 52$ h) $183 : 3 = 61$ k) $189 : 3 = 63$
 c) $129 : 3 = 43$ f) $159 : 3 = 53$ i) $153 : 3 = 51$ l) $192 : 3 = 64$

Amahurizo yo kugabanya na 3

(Urupapuro rwa 45 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- Buri mwana yahawe amapaki 12 ($36:3 = 12$)
- Kuri buri murongo tuzatera indabo 23 ($69:3 = 23$)
- Buri shuri azariha ibitabo 62 ($186:3 = 62$)
- Buri mudugudu uzabona inzitiramubu 53 ($159:3 = 53$)
- Ku munsu itera amagi 60 ($180:3 = 60$)

1.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa mbere (Urupapuro rwa 46 – 48 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. Andika mu mibare cyangwa mu magambo

- 187 : Ijana na mirongo inani na karindwi
- Ijana na mirongo kenda na karindwi : 197

2. Shaka umubare wasesenguwe

- $b\ 7\ j\ 1\ c\ 5 = 157$
- $b\ 5\ j\ 1\ c\ 7 = 175$

3. Mutahure imibare yasesenguwe

- $(1 \times 100) + (3 \times 10) + (9 \times 1) = 139$
- $100 + 80 + 3 = 183$

4. Vuga umwanya w'imibarwa icyeyeho akarongo

- 186 Ikinyajana
- 147 Ikinyacumi
- 134 Ikinyajana
- 125 Ikinyacumi

5. Gereranya ukoresheje $<$, $>$ na $=$

a. $195 > 159$

b. $141 < 171$

c. $186 = 186$

6. Tondeka iyi mibare uhereye ku muto ujya ku munini

$179, 189, 198, 187, 178, 197 \longrightarrow 178, 179, 187, 197, 198$

7. Tondeka uhereye ku munini ujya ku muto

$198, 187, 178, 107, 189, 199 \longrightarrow 99, 198, 189, 187, 178, 107$

8. Teranya imibare ikurikira:

a. $143 + 53 = 196$ b. $87 + 108 = 195$ c. $75 + 118 = 193$ d. $166 + 33 = 199$

9. Kuramo imibare ikurikira:

a. $195 - 172 = 23$ b. $167 - 136 = 31$ c. $151 - 109 = 42$ d. $132 - 78 = 54$

10. Uzuza izi mbonerahamwe

	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
x2	2	4	6	8	10	12	14	16	18	20
	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
x3	3	6	9	12	15	18	21	24	27	30

11. Kuba imibare ikurikira:

a. 43

b. 23

c. 34

d. 32

e. 24

f. 33

$$\begin{array}{r} \times 2 \\ 86 \end{array}$$

$$\begin{array}{r} \times 3 \\ 69 \end{array}$$

$$\begin{array}{r} \times 2 \\ 68 \end{array}$$

$$\begin{array}{r} \times 3 \\ 96 \end{array}$$

$$\begin{array}{r} \times 2 \\ 48 \end{array}$$

$$\begin{array}{r} \times 3 \\ 99 \end{array}$$

12. Uzuza iyi mbonerahamwe

	0	2	4	6	8	10	12	14	16	18	20
	0	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
:3	3	6	9	12	15	18	21	24	27	30	
	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10	

13. Gabanya imibare ikurikira

a. $86 : 2 = 43$

c. $180 : 2 = 90$

e. $168 : 2 = 84$

b. $159 : 3 = 53$

d. $126 : 3 = 42$

f. $165 : 3 = 55$

14. Amahurizo

a. Bombi bafite inka 195 ($97 + 98 = 195$)

b. Ibitoki yasigaranye ni 61 ($159 - 98 = 61$)

c. Umubare w'ibisuguti biri muri ayo makarito yombi ni 128 ($64 \times 2 = 128$)

d. Umubare wa fanta abashyitsi banyoye 186 ($62 \times 3 = 186$)

e. Buri shuri ryahawe ibitabo 66 ($198 : 3 = 66$)

f. Umubare w'ibiti azatera mu myaka ibiri 188 ($94 \times 2 = 188$)

UMUTWE WA 2

Imibare kuva kuri 0 kugera 500

2.1. Amasomo ari mu mutwe wa 2

Umubare	Amasomo
1	Kubara ibintu mu matsinda bitarenze 500
2	Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500 mu mibare
3	Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500 mu magambo
4	Gusesengura imibare itarenze 500
5	Kugereranya imibare itarenze 500
6	Gutondeka imibare itarenze 500
7	Iteranya ry'imibare igiteranyo cyayo kitarenze 500 mu mutwe
8	Iteranya ritabitsa ry'imibare igiteranyo cyayo kitarenze 500
9	Iteranya ribitsa ry'imibare igiteranyo cyayo kitarenze 500
10	Amahurizo yo guteranya imibare igiteranyo cyayo kitarenze 500
11	Ikuramo ry'imibare ikinyuranyo cyayo kitarenze 500
12	Ikuramo ridatira ry'imibare ikinyuranyo cyayo kitarenze 500
13	Ikuramo ritira ry'imibare ikinyuranyo cyayo kitarenze 500
14	Amahurizo yo gukuramo imibare ikinyuranyo cyayo kitarenze 500
15	Mara ya 4 n'ibikubo bya 4 bitarenze umubare 40
16	Gukubisha imibare y'imibarwa 2 cyangwa 3 na 4 batabitsa
17	Amahurizo yo gukubisha imibare y'imibarwa 2 cyangwa 3 na 4 batabitsa
18	Kugabanya badasagura imibare y'imibarwa 2 cyangwa 3 na 4
19	Amahurizo yo kugabanya badasagura imibare y'imibarwa 2 cyangwa 3 na 4
20	Mara ya 5 n'ibikubo byayo bitarenze 50
21	Gukubisha imibare y'imibarwa 2 cyangwa 3 na 5 batabitsa
22	Amahurizo yo gukubisha imibare y'imibarwa 2 cyangwa 3 na 5 batabitsa
23	Kugabanya badasagura imibare y'imibarwa 2 cyangwa 3 na 5
24	Amahurizo yo kugabanya badasagura imibare y'imibarwa 2 cyangwa 3 na 5
Igiteranyo	24

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuba no kugabanya imibare ishyyitse kuva kuri 0 kugera kuri 500.

Amasomo: 1, 2 & 3
(urup rwa 49–55 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500.

Intego z'isomo

Ubumenyi

Kugaragaza no gusobanura umwanya n'agaciro ka buri mubara mu mibare igizwe n'imibara 3.

Ubumenyigiro

- Kubara atibeshya gusoma no kwandika neza imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500.
- Gusoma neza ahanditse imibare itarenze 500.

Ubukeshya

- Kugaragaza gahunda mu bikorwa bya buri muni.

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye: utubuye, uducupa, ibishyamba, udusaro, ibipurizo, ibigori, inyanya, amakayi, amakaramu, ibitabo, ingwa, soya n'amakarita yanditseho imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Buri munyeshuri afata utubarisho yazanye, udusa tukajya ukwatwo mwarangiza mukavuga amazina yatwo.

Isomo nyirizina

1 Ibikorwa by'umwarimu

- Kubara bongeraho utubarisho 10 bakavuka umubare mushya
- Kubara bajya imbere cyangwa basubira inyuma bakoresheje imirongo y'ibara.
- Gusoma no kwandika umubare werekanwe ku ikarita
- Kuvuka umubare bakwandika
- Gusoma no kwandika urutonde rw'imibare rwatanzwe.
- Kwifashisha amakarita atandukanye yanditseho umubara umwe umwe ugasaba abanyeshuri gukora imibare itandukanye bakayisoma maze bakayandika no mu magambo.
- Gutekura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri amenya kubara ibintu biri mu matsinda bitarenze 500 atibeshya.
- Kuyobora abanyeshuri igihe bashyira utubarisho tumeze kimwe mu matsinda.

- Asaba abanyeshuri kwitegereza utubarisho no kudushyira mu amatsinda y'utubarisho tutarenze 500.
- Abayobora mu gikorwa cyo kubara utubarisho turi mu matsinda tutarenze 500.
- Abaha amabwiriza akwiye gukurikizwa igihe bababara birinda gusimbuka imibare kandi abasobanurira uko bakwiye gukorwa.
- Aha buri munyeshuri umwanya agasoma ndetse akanandika imibare asomye mu mibare no mu magambo agendeye ku rugero yahawe.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora ibikorwa bitandukanye bicengeza isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirarana uko bakwiye kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanzwe n'umwarimu.
- Kubaza ibyo adasobanukiwe .
- Kugira uruhare rufatika mu gukora imyitozo yo gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500 mu mibare no mu magambo akurikiza urugero rw'umwarimu.
- Gusobanurira bagenzi be

bari kumwe mu itsinda batabyumvise igihe we abyumva neza.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo.
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye.
- Kwikemurira bijyanye no kubara ibintu n'amafaranga bitarenga 500.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kwiyoungura ubumenyi mu mibare .

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Ubumenyi nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatuma neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka

agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburinganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda , mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
- *Gufata neza ibidukikije*: Bigaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- *Umuco w'amahoro* : Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we .

Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko babara, basoma n'uko bandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500.
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.

Imyitozo y'inyongera

1. Mu matsinda mukore amatsinda y'utubarisho dukurikira:
a. Amakayi 324
b . Utubuye 275
2. Soma maze wandike imibare

ikurikira mu magambo cyangwa mu mibare:

- a. Magana atatu na cumi na kane: 314*
- b. 485: Magana ane na mirongo inani na gatanu*
- c. Magana ane n'umunani: 408*
- d. 278: Magana abiri na mirongo irindwi n'umunani*
- e. Magana abiri mirongo ine: 240*
- f. 369: Magana atatu na mirongo itandatu n'ikenda*

Umukoro

Buri wese abare amazu y'ubucuruzi anyuraho mu nzira ataha ejo azatubwire umubare w'ayo yabaze.

Amasomo 4, 5 na 6
(urup rwa 55 – 61 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Intego z'isomo

Ubumenyi

Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500

Ubumenyingiro

1. Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500 hakoreshejwe ibimenyetso $<$, $>$ na $=$.
2. Gusesengura imibare itarenze 500 mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana.

3. Gutondeka imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500 ava ku muto ujya ku munini unava ku munini ujya ku muto wandika .

Ubukasha

Gukaragaza akamaro kugereranya no gutondeka ibintu mu buzima bwa buri muni.

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye: utubuye, uducupa, ibishyimbo, udusaro, ibipurizo, ibigori, inyanya, amakayi, amakaramu, ibitabo, ingwa, soya n'amakarita yanditseho imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Buri munyeshuri afata ikarita yanditseho umubare, akawusomera bagenzi be hanyuma ukabaha amabwiriza y'ibikorwa bikurikiraho.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Gusesengura imibare hakoreshejwe utubarisho cyangwa imbonerahamwe y'ibara.
- Kwifashisha utubarisho mu kugereranya.
- Ushobora no kwifashisha

inkuru cyangwa ibitekerezo birimo imibare ariko biganisha ku kugereranya imibare.

- Kwifashisha utubarisho mu gutondeka imibare.
- Kwifashisha indirimbo cyangwa inkuru zirimo imibare igomba gutondekwa.
- Gukoresha umurongo w'ibara ugatondeka.
- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri amenya gusesengura imibare mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana.
- Kuyobora abanyeshuri igihe batondeka imibare kuva ku 100 kugera kuri 500 bava ku munini bajya ku muto, bava ku muto bajya ku munini.
- Asaba abanyeshuri gukoresha amakarita yanditseho imibare n'ibimenyetso by'igereranya (<, > na =) .
- Aha buri munyeshuri umwanya gusesengura, kugereranya no gutondeka imibare yahawe agendeye ku rugerowamuhaye.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora ibikorwa bitandukanye bicegeza isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko bakwiye kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanzwe n'umwarimu.
- Kubaza ibyo adasobanukiwe.
- Kugira uruhare rufatika mu gukora imyitoto yo gusesengura imibare mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana, gutondeka imibare kuva kuri 100 kugera kuri 500 bava ku munini bajya ku muto cyangwa bava ku muto bajya ku munini no kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500 n'ibimenyetso by'igereranya (<, > na =) akurikiza urugero rw'umwarimu.
- Gusobanurira bagenzi be bari kumwe mu itsinda igihe we abyumva neza.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitoto.
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye.
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no kubara yishakira imfashanyigisho zimufasha kubara atibeshya.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kwiyingura ubumenyi mu mibare.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Ubumenyi

nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitoto y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitoto iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburyinire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda, mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijamba.
- *Gufata neza ibidukikije* Bigaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- *Umuco w'amahoro:* Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we.

Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko batondeka cyangwa bagereranya imibare kuva kuri 100 kugera kuri 500.
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma
- Gusobanura byimbitse uburyo buboneye bwo gusesengura imibare mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana.
- Gusobanura uburyo buboneye bwo gutondeka no kugereranya imibare kuva kuri 100 kugera kuri 500.
- Gukoresha neza imfashanyigisho no kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo.

Imyitozo y'inyongera

1. Sesengura imibare ikurikira mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana .
 - a. $495 = j4\ c9\ b5$
 - b. $342 = j3\ c4\ b2$
 - c. $235 = j2\ c3\ b5$
 - d. $39 = c3\ b9$

2. Tondeka iyi mibare uhereye ku muto ujya ku munini
 - a. 405, 499, 440, 450Igisubizo: 405, 440, 450, 499
 - b. 312, 231, 321, 213*213, 231, 312, 321*
2. Tondeka iyi mibare uhereye ku munini ujya ku muto
 - a. 208, 380, 407, 480,Igisubizo: 480, 407, 380, 208
 - b. 351, 416, 256, 315Igisubizo: 416, 351, 315, 256
3. Koresha $<$, $>$ na $=$ ugereranye imibare ikurikira
 - a) $245 < 254$
 - b) $542 > 524$
 - c) $425 = 425$
 - d) $254 > 542$

Amasomo 7, 8 & 9 (urup rwa 62 – 65 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Guteranya imibare ibiri cyangwa itatu igiteranyo kitarenga 500

Intego z'isomo

Ubumenyi:

Guteranya imibare ibiri cyangwa itatu igiteranyo kitarenga 500

Ubumenyingiro

Gusobanura ibibazo byo mu buzima busanzwe bisaba guteranya ibintu bitarenga 500.

Ubukeshya

Kugaragaza akamaro ko

guteranya mu buzima bwabo
bwa buri muni

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye:
utubuye, uducupa, ibishyimbo,
udusaro, ibipurizo,
ibigori, inyanya, amakayi,
amakaramu, ibitabo, ingwa,
soya n'amakarita yanditseho
imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri,
icy'umwarimu
n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Guhuriza hamwe amatsinda
2 y'utubarisho bazi umubare
watwo maze bakatubarira
hamwe bakoresha igiteranyo
cyatwo.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Kwifashisha udukino two
guteranya mu mutwe
- Guteranya bifashishije
utubarisho cyangwa
imbonerahamwe y'ibara
- Amahurizo yo guteranya
ajyanye n'ubuzima bwa buri
muni
- Gutegura imfashanyigisho
zihagije zituma umunyeshuri
amenya guteranya imibare
abitsa cyangwa atabitsa.
- Kuyobora abanyeshuri
igihe bateranya imibare

batabitsa cyangwa batabitsa
bakoresha utubarisho,
amakarita yanditseho
imibare n'imbonerahamwe
z'ibinyabumwe, ibinyacumi
n'ibinyajana.

- Asaba abanyeshuri gukoresha
amakarita n'utubarisho
igihe bateranya imibare ibiri
cyangwa itatu igiteranyo
kitarenga 500 babitsa cyangwa
batabitsa.
- Aha buri munyeshuri umwanya
wo guteranya imibare ibiri
cyangwa itatu igiteranyo
kitarenga 500 abitsa cyangwa
atabitsa kandi bagendeye ku
rugero wabahaye.
- Abafite imbogamizi mu myigire
ababa hafi kandi akabaha
gukora ibikorwa bafitiye
ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi
uburenganzira bungana mu
gukora ibikorwa bitandukanye
bicengeza isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe
basobanurirana uko bakwiye
kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza
yatanze n'umwarimu
- Kubaza ibyo adasobanukiwe
- Kugira uruhare rufatika mu
gukora imyitozo yo guteranya
babitsa cyangwa batabitsa
imibare ibiri cyangwa itatu
igiteranyo kitarenga 500.
- Gusobanurira bagenzi be

bari kumwe mu itsinda
batabyumvise igihe we
abyumva neza kubarusha.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no gushaka igiteranyo cy'ibintu bitarenga 500.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kwiyoungura ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

*Ubumenyi
nsanganyamasomo buri
muri aya masomo n'uko
bugerwaho*

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka

agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburinganire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
- *Gufata neza ibidukikije:* Bigaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- *Umuco w'amahoro :* Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we .

Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko bateranya imibare ibiri cyangwa itatu igiteranyo cyayo kitarenze 500
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye

Imyitozo y'inyongera

Koresha imbonerahamwe y'ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana uteranye imibare ikurikira.

- a) $345 + 123 = 468$
- b) $157 + 213 = 370$
- c) $249 + 175 = 424$

d) $156 + 267 = 423$

e) $178 + 221 = 399$

f) $134 + 208 = 342$

Amasomo 11, 12 & 13 (*urup rwa 66 – 69 mu gitabo cyu’umunyeshuri*)

Gukuramo imibare ibiri cyangwa itatu ikinyuranyo kitarenze 500

Intego z’isomo

Ubumenyi

Gukuramo imibare ibiri cyangwa itatu ikinyuranyo kitarenga 500

Ubumenyigiro

Gukemura ibibazo byo mu buzima busanzwe bisaba gukuramo ibintu

Ubukeshya

Kugaragaza akamaro ko gukuramo mu buzima bwabo bwa buri muni

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye: utubuye, uducupa, ibishyimbo, udusaro, ibipurizo, ibigori, inyanya, amakayi, amakaramu, ibitabo, ingwa, soya n’ amakarita yanditseho imibare.

Imvano

Igitabo cy’umunyeshuri, icy’umwarimu n’integanyanyigisho y’imibare.

Ibice by’isomo

Ivumburamatsiko

Gufata itsinda ry’utubarishobazi umubare watwo, bagakuramo utubarisho maze bakagereranya utwari duhari, utwo bakuyemo n’udusigaye.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by’umwarimu

- Kwifashisha udukino two gukuramo mu mutwe.
- Amahurizo yo gukuramo ajyanye n’ubuzima bwa buri muni.
- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri amenya gukuramo imibare atira cyangwa adatira.
- Kuyobora abanyeshuri igihe bakuramo imibare batira cyangwa badatira bakoresha utubarisho, amakarita yanditseho imibare n’imbonerahamwe y’ibinyabumwe, ibinyacumi n’ibinyajana.
- Asaba abanyeshuri gukoresha amakarita n’utubarisho igihe bakuramo imibare ikinyuranyo kitarenga 500 batira cyangwa badatira.
- Aha buri munyeshuri umwanya wo gukuramo imibare ikinyuranyuranyo kitarenga 500 batira cyangwa badatira.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye

ubushobozi.

- Aha abanyeshuri ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora ibikorwa bitandukanye bicengeza isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko bakwiye kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanzwe n'umwarimu.
- Kubaza ibyo adasobanukiwe
- Kugira uruhare rufatika mu gukora imyitozo yo gukuramo batira cyangwa badatira ikinyuranyo kitarenga 500
- Gusobanurira bagenzi be bari kumwe mu itsinda batabyumvise igihe we abyumva neza kubarusha.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no gukuramo ibintu bitarenga 500 cyangwa bakabivangura.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kunguruza ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Ubumenyi nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburinganire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
- *Gufata neza ibidukikije:* Bigaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- *Umuco w'amahoro :* Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we .

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko bakuramo imibare ibiri cyangwa itatu ikinyuranyo kitarenga 500
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.

Koresha imbonerahamwe
y'ibinyabumwe, ibinyacumi
n'ibinyajana ukuremo imibare
ikurikira.

- a) $445 - 123 = 322$
b) $357 - 213 = 144$
c) $249 - 175 = 74$
d) $456 - 267 = 189$
e) $378 - 321 = 57$
f) $234 - 208 = 26$

Amahurizo yo gukuranamo no
guteranya imibare.

Gukora amahurizo yo
guteranya no gukuramo
amahurizo ajyanye n'ubuzima
busanzwe.

Gutanga ingero z'amahurizo
akoreshwamo uguteranya
no gukuramo imibare
bakayakosora basobanirira
bagenzi babo.

Kugaragaza akamaro ko gukora amahurizo yo gukuramo no guteranya ibintu bakoresha mu buzima bwabo bwa buri muni

Utubarisho dutandukanye:
utubuye, uducupa, ibishyimbo,
udusaro, ibipurizo,
ibigori, inyanya, amakayi,
amakaramu, ibitabo, ingwa,
soya n'amakarita yanditseho
imibare.

Igitabo cy'umunyeshuri,
icy'umwarimu
n'integanyanyigisho y'imibare.

Gukora amatsinda y'utubarisho tungana n'imibare babahaye mu ihurizo bagafata utubarisho bakatuvana cyangwa bakatwongerera ku rindi tsinda ry'utubarisho bakoze bitewe n'ikimenyetso cyatanzwe mu ihurizo bagahita bavuga umubare w'utubarisho dusigaye cyangwa igiteranyo cyatwo.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri amenya gukora amahurizo yo guteranya no gukuramo imibare igiteranyo cyangwa ikinyuranyo kitarenga 500.
- Kuyobora abanyeshuri igihe bakosora amahurizo yo guteranya no gukuramo imibare igiteranyo cyangwa ikinyuranyo kitarenga 500.
- Asaba abanyeshuri gukoresha amakarita n'utubarisho igihe bakosora amahurizo yo guteranya no gukuramo imibare ikinyuranyo cyangwa igiteranyo kitarenga 500.
- Aha buri munyeshuri umwanya wo gukosora amahurizo yo guteranya no gukuramo imibare ikinyuranyo cyangwa igiteranyo kitarenga 500.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora ibikorwa bitandukanye bicingeza isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko bakwiye kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanze n'umwarimu
- Kubaza ibyo adasobanukiwe

- Kugira uruhare rufatika mu gukosora amahurizo yo guteranya no gukuramo imibare ikinyuranyo cyangwa igiteranyo kitarenga 500.
- Gusobanurira bagenzi be bari kumwe mu itsinda batabyumvise igihe we abyumva neza kubarusha.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no gukuramo cyangwa gushyira hamwe ibintu.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kunguruza ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Ubumenyi

nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho.

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha

imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburyangazwa*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
 - *Gufata neza ibidukikije*: Bigaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
 - *Umuco w'amahoro*: Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we.
- Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo***
- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
 - Gusobanura uburyo bu boneye bwo gukosora amahurizo yo guteranya no gukuramo imibare ikinyuranyo cyangwa igiteranyo kitarenga 500.
 - Gusobanura ku buryo bwimbitse uko bavana mu ihurizo ibyo babahaye, ibyo bababaza,uburyo barikosora

n'ikimenyetso bari bukoresha hanyuma bakarikosora bukoresha utubarisho cyangwa imbonerahamwe y'ibara.

- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.

Imyitozo y'inyongera

Koresha imbonerahamwe y'ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana hamwe n'utubarisho ukore amahurizo akurikira .

1. Uwera afite imyembe 214 ihiye n'indi 145 idahiye. Shaka igiteranyo k'imyembe afite.
Igiteranyo k'imyembe afite:
 $214 + 145 = 349$
2. Ishuri rifite abanyeshuri 500. Abakobwa ni 321. Shaka umubare w'abahungu biga muri iryo shuri.
Umubare w'abahungu biga muri iryo shuri : =
 $500 - 321 = 179$
3. Rugira yateye ibiti 324 mu busitani bwe umwaka ushize. Shaka umubare w'ibiti azaba afite umwaka utaha niba uyu mwaka yarateye 145.
Umubare w'ibiti:
 $324 - 145 = 179$
4. Umudugudu wa Murambi wubatse amazu 467. Muri yo 256 asakajwe amategura naho asigaye asakajwe amabati. Shaka umubare w'amazu ashakajwe amabati.

*Umubare w'amazu ashakajwe
amabati ni $467 - 256 = \text{Amazu}$
ashakajwe 211*

**Amasomo 15 & 20 (urup
rwa 70 – 72 na 77 – 78 mu
gitabo cy'umunyeshuri)**

Mara ya 4 n'ya 5 n'ibikubo
byazo

Intego z'isomo

Ubumenyi

Kuvuga mara ya 4 n'ya 5
n'ibikubo byazo mu mutwe
ntaho arebeye.

Ubumenyigiro

Gusobanurira bagenzi be uko
babona ibikubo bya 4 n'ibya 5.

Ubukeshya

Kugaragaza akamaro ko
kumenya mara mu mutwe mu
buzima busanzwe bwa buri
munsi.

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye:
utubuye, uducupa, udushyimbo,
udusaro, ibipurizo,
ibigori, inyanya, amakayi,
amakaramu, ibitabo, ingwa,
soya n'amakarita yanditseho
imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri,
icy'umwarimu
n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

6.1 Ivumburamatsiko

Gukora amatsinda

ry'utubarisho tungana
n'ibikubo bya 4 n'ibya 5.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho
zihagije zituma umunyeshuri
afata mu mutwe mara ya 4
n'ya 5 n'ibikubo byazo
 - Kuyobora abanyeshuri igihe
bakosora imyitozo yo gushyira
utubarisho mu matsinda
bakora ibikubo bya 4 n'ibya 5.
 - Asaba abanyeshuri gukoresha
amakarita n'utubarisho igihe
imyitozo yo gufata mu mutwe
mara 4 n'ya 5.
 - Aha buri munyeshuri umwanya
wo gukosora imyitozo ibasaba
ku vuga mu mutwe ibikubo bya
4 n'ibya 5 ntaho barebeye.
 - Abafite imbogamizi mu myigire
ababa hafi kandi akabaha
gukora ibikorwa bafitiye
ubushobozi.
 - Aha ibitsina byombi
uburenganzira bungana mu
gukora ibikorwa bitandukanye
bicengeza isomo ryizwe.
 - Yuzuza ibitekerezo byabo igihe
basobanurirana uko bakwiye
kubara batibeshya.
- Ibikorwa by'umunyeshuri**
- Kubahiriza amabwiriza
yatanze na mwarimu
 - Kubaza ibyo adasobanukiwe
 - Kugira uruhare rufatika mu
gukorosora.
 - Imyitozo yo kuvuga mu mutwe

- ibikubo bya 4 n'ibya 5
- Gusobanurira bagenzi be bari kumwe mu itsinda batabyumvise igihe we abyumva neza kubarusha.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no gushaka inshuro 4 cyangwa 5 z'ibintu.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kunguruza ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Ubumenyi nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatumva neza n'abatabona neza akabica

imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburinganire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
- *Gufata neza ibidukikije:* Bigaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- *Umuco w'amahoro :* Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we .

Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko bakoresha utubarisho bagashaka ibikubo bya 4 n'ibya 5.
- Gusobanura uburyo bu boneye bwo gufata mu mutwe ntiwibagirwe mara ya 4 n'ya 5 n'ibikubo byazo.
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye

Imyitozo y'inyongera

1. Uzuza n'imibare ibura ukubisha 4 cyangwa 5

- a) $9 \times 4 = 36$
- b) $3 \times 5 = 15$
- c) $30 = 6 \times 5$
- d) $16 = 4 \times 4$
- e) $3 \times 4 = 12$
- f) $8 \times 5 = 40$
- g) $4 \times 8 = 32$
- h) $4 \times 5 = 20$
- i) $28 = 7 \times 4$
- j) $40 = 10 \times 4$
- k) $45 = 5 \times 9$
- l) $50 = 10 \times 5$

**Amasomo 16 & 21 (urup
rwa 72 – 73 na 79 mu
gitabo cy'umunyeshuri)**

Gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 4 na 5 batabitsa

Intego z'isomo

Ubumenyi

Gukuba atibeshya imibare y'imibarwa ibiri na 4 na 5 atabitsa

Ubumenyigiro

- Gusobanurira bagenzi be amategeko akurikizwa iyo bakuba imibare y'imibarwa ibiri n'umubarwa umwe .
- Gukuba imibare y'imibarwa ibiri na 4 na 5 igikubo kitarenga 500

Ubukeshya

Kugaragaza akamaro ko kumenya imibare y'imibarwa

ibiri n'umubarwa umwe.

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye: utubuye, uducupa, ibishyimbo, udusaro, ibipurizo, ibigori, inyanya, amakayi, amakaramu, ibitabo, ingwa, soya n'amakarita yanditseho imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Gukora amatsinda y'utubarisho tw'imibare bashaka maze agafata utundi tungana n'utwari dusanzwe mu itsinda inshuro enye cyangwa eshanu bakatwongeraho hanyuma bakabara umubare mushya babonye.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ashobora gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 4 na 5 atabitsa.
- Kuyobora abanyeshuri igihe bakosora imyitozo yo gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 4 na 5 batabitsa.
- Asaba abanyeshuri gukoresha amakarita n'utubarisho igihe bakora imyitozo yo Gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 4

na 5 batabitsa.

- Aha buri munyeshuri umwanya wo gukosora imyitozo ibasaba gukuba impagarike imibare y'imibarwa ibiri na 4 na 5 batabitsa.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora ibikorwa bitandukanye bicengeza isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko bakwiye kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Gukoresha iteranya ryisubiramo mu kugaragaza ibikubo bya 4 na 5
- Gukoresha mbare nkuba na 4 na mbare nkuba na 5 ugaragaza ibikubo bya 4 n'ibya 5
- Kubahiriza amabwiriza yatanze n'umwarimu
- Kubaza ibyo adasobanukiwe
- Kugira uruhare rufatika mu gukorosora
- Imyitozo yo gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 4 na 5 batabitsa
- Gusobanurira bagenzi be bari kumwe mu itsinda batabyumvise neza igihe we abyumva neza kubarusha.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no gushaka inshuro 4 cyangwa 5 z'umubare w'ibintu watanze.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kunguruza ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Ubumenyi

nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburinganire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa

bakorana mu matsinda, mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.

- *Gufata neza ibidukikije:*
Bigaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
 - *Umuco w'amahoro:*
Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we.
- b. Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo**
- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma
 - Gusobanura ku buryo bwimbitse uko bakoresha utubarisho bagakubisha 4 na 5 imibare y'imibarwa ibiri batabitsa
 - Gusobanura uburyo bu boneye bwo gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 4 na 5 batabitsa
 - Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye

Imyitozo y'inyongera

Mukoreshe imbonerahamwe y'ibara, amakarita ariho imibare n'utubarisho maze mukube impagarike imibare ikurikira :

- a) $31 \times 4 = 124$
- b) $41 \times 5 = 205$
- c) $51 \times 4 = 204$
- d) $122 \times 4 = 488$
- e) $81 \times 5 = 405$
- f) $91 \times 5 = 455$

Amasomo 18 na 23

(urup rwa 74 –76 na 81 – 83 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Kugabanya na 4 cyangwa 5 badasagura imibare iri muni ya 500 badatira.

Intego z'isomo

Ubumenyi

Kugabanya imibare iri muni ya 500 na 4 cyangwa 5 badasagura.

Ubumenyigiro

- Gusobanurira bagenzi be amategeko akurikizwa iyo bagabanya imibare y'imibarwa ibiri n'umubarwa umwe .
- Kugabanya badasagura imibare na 4 cyangwa na 5 ikigabanywa kitarenga 500

Ubukeshya

Kugaragaza akamaro ko kugabanya mu buzima bwa buri muni.

Kugaragaza akamaro ko kumenya kugabanya imibare y'imibarwa ibiri n'umubarwa umwe.

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye: utubuye,uducupa, ibishyimbo,

udusaro, ibipurizo,
ibigori, inyanya, amakayi,
amakaramu, ibitabo, ingwa,
soya n'amakarita yanditseho
imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri,
icy'umwarimu
n'integanyanyigisho y'amasomo
y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Gukora itsinda rinini
ry'utubarisho maze
bakatugabanyamo amatsinda
mato ane 4 cyangwa 5 ku
buryo bungana maze bakavuga
umubare w'utugize buri tsinda
rito.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Gufasha abanyeshuri
kwibukiranya ibikubo bya 4
n'ibya 5.
- Gutegura imfashanyigisho
zihagije zituma umunyeshuri
ashobora kugabanya adasagura
imibare na 4 cyangwa na 5
ikigabanywa kitarenga 500
- Kuyobora abanyeshuri
igihe bakosora imyitozo
yo kugabanya badasagura
imibare na 4 cyangwa na 5
ikigabanywa kitarenga 500
- Asaba abanyeshuri gukoresha
amakarita n'utubarisho igihe
bakora imyitozo yo kugabanya
badasagura imibare na 4

cyangwa na 5 ikigabanywa
kitarenga 500

- Aha buri munyeshuri umwanya
wo gukora imyitozo ibasaba
kugabanya mu mahembe
badasagura imibare na 4
cyangwa na 5 ikigabanywa
kitarenga 500
- Abafite imbogamizi mu myigire
ababa hafi kandi akabaha
gukora ibikorwa bafitiye
ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi
uburenganzira bungana mu
gukora ibikorwa bitandukanye
bicengeza isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe
basobanurirana uko bakwiye
kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza
yatanze na mwarimu
- Kubaza ibyo adasobanukiwe
- Kugira uruhare rufatika mu
gukorosora
- Imyitozo yo Kugabanya
badasagura imibare na 4
cyangwa na 5 ikigabanywa
kitarenga 500.
- Gusobanurira bagenzi be
bari kumwe mu itsinda
batabyumvise igihe we
abyumva neza kubarusha.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka
igihe akora imyitozo

- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no kugabanya ibintu 4 cyangwa 5 kuburyo banganya.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kunguruza ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera mwarimu asabwa kugira

Ubumenyi nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- Uburezi budaheza : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatuma neza n'abatabona neza akabica imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- Uburinganire: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
- Gufata neza ibidukikije:Bugaragazwa

n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.

- Umuco w'amahoro : Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we .

b. Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko bakoresha utubarisho bagabanya badasagura imibare na 4 cyangwa na 5 ikigabanywa kitarenga 500.
- Gusobanura uburyo buboneye bwo kugabanya badasagura imibare na 4 cyangwa na 5 ikigabanywa kitarenga 500
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye

Imyitozo y'inyongera

Mukoreshe utubarisho maze mugabanye mu mahembe imibare ikurikira:

- a) 488 :4 = 122
- b) 208 :4 = 52
- c) 350 :5 = 70
- d) 444 :4 = 111
- e) 255 :5 = 51
- f) 455 :5 = 91

**Amasomo 17, 19, 22
& 24 (urup rwa 73,
76 na 80, 84 mu gitabo
cy'umunyeshuri)**

Amahurizo yo gukuba no
kugabanya imbare iri muni
ya 500 na 4 cyangwa 5
badasagura.

Intego z'isomo

Ubumenyi

Gukora amahurizo yo
kugabanya badasagura imibare
iri muni ya 500 na 4 cyangwa
5

Ubumenyigiro

- Gusobanurira bagenzi be
amategeko akurikizwa iyo
bagabanya imibare y'imibarwa
ibiri n'umubarwa umwe .
- Kugabanya badasagura
imibare na 4 cyangwa na 5
ikigabanywa kitarenga 500

Ubukeshya

Kugaragaza akamaro ko
kugabanya mu buzima bwa
buri muni.

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye:
utubuye, uducupa, ibishyimbo,
udusaro, ibipurizo,
ibigori, inyanya, amakayi,
amakaramu, ibitabo, ingwa,
soya n'amakarita yanditseho
imibare.

Imvaho

Igitabo cy'umunyeshuri,
icy'umwarimu

n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Gukora itsinda rinini
ry'utubarisho tw'imibare maze
bakatugabanyamo amatsinda
mato 4 cyangwa 5 ku buryo
bungana maze bakavugaga
umubare w'ugize buri tsinda.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Amahurizo yo kugabanya
ajyanye n'ubuzima bwa buri
muni
- Amahurizo yo gukuba ajyanye
n'ubuzima bwa buri muni
- Gutegura imfashanyigisho
zihagije zituma umunyeshuri
ashobora gukora amahurizo yo
gukuba no kugabanya imibare
iri muni ya 500 na 4 cyangwa
5 badasagura.
- Kuyobora abanyeshuri igihe
bakosora amahurizo yo
kugabanya badasagura imibare
na 4 cyangwa na 5 ikigabanywa
kitarenga 500
- Asaba abanyeshuri gukoresha
amakarita n'utubarisho igihe
bakora amahurizo yo gukuba
no kugabanya imibare iri
muni ya 500 na 4 cyangwa 5
badasagura.
- Aha buri munyeshuri umwanya
wo gukora amahurizo yo
gukuba no kugabanya imibare
iri muni ya 500 na 4 cyangwa
5 badasagura.
- Abafite imbogamizi mu myigire

ababa hafi kandi akabaha
gukora ibikorwa bafitiye
ubushobozi.

- Aha ibitsina byombi
uburenganzira bungana mu
gukora ibikorwa bitandukanye
bicengeza isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe
basobanurirana uko bakwiye
kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza
yatanzwe n'umwarimu
- Kubaza ibyo adasobanukiwe
- Kugira uruhare rufatika mu
gukora amahurizo yo yo gukuba
no kugabanya imbare iri
muni ya 500 na 4 cyangwa 5
badasagura.
- Gusobanurira bagenzi be
bari kumwe mu itsinda
batabyumvise neza igihe we
abyumva neza kubarusha.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka
igihe akora imyitozo
- Gufatanya n'abandi igihe
bakorera hamwe ibikorwa
binyuranye
- Kwikemurira ibibazo byo mu
buzima busanzwe biyanye no
gukuba cyangwa kugabanya na
4 cyangwa 5.
- Gukoresha imvugo isobanutse
igihe asoma cyangwa abara
avuga.

- Kugira amatsiko yo kunguruza
ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

a. Ubumenyi

nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza* : Kwita
ku banyeshuri be bafite
imbogamizi mu myigire yabo.
Abafite impano yo gufata
vuba cyane akabaha imyitozo
y'inyongera iri muri iki gitabo.
Abagenda buhoro akabaha
imyitozo iringaniye. Abafite
ubumuga akabitaho ku buryo
bw'umwihariko, abatuma neza
n'abatabona neza akabicaza
imbere, byanashoboka
agakoresha imfashanyigisho
zabugenewe.
- *Uburinganire*: Bugaragazwa
n'ukuntu abahungu n'abakobwa
bakorana mu matsinda ,mu
bindi bikorwa n'ukuntu bigana
ntawe uhutaje undi cyangwa
ngo amunigane ijamba.
- *Gufata neza ibidukikije*:
Bigaragazwa n'ukuntu
abanyeshuri batangiza
ibidukikije igihe bashaka
ibibarisho.
- *Umuco w'amahoro* :
Gukangurira abanyeshuri
kubana neza na bagenzi babo
igihe bakorera hamwe mu
matsinda n'uburyo buri wese
yubaha uburenganzira bwa
mugenzi we.

Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko bakoresha utubarisho bakosora amahurizo yo gukuba no kugabanya imbare iri muni ya 500 na 4 cyangwa 5 badasagura.
- Gusobanura uburyo bu boneye bwo gukosora amahurizo yo gukuba no kugabanya imibare iri muni ya 500 na 4 cyangwa 5 badasagura.
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye

Imyitozo y'inyongera

Mukoreshe utubarisho maze mukosore amahurizo yo gukuba no kugabanya imbare iri muni ya 500 na 4 cyangwa 5 badasagura akurikira:

1. Umuhoro afite amabati 480

ashaka kugabanya ku buryo bungana imiryango ine idafite aho iba.

Buri muryango uzahabwa amabati angahe? Buri muryango uzahabwa amabati = $480 : 4 = 120$

2. Munezero afite amahema 495 ashaka gufashisha imiryango 5 y'impunzi. Buri muryango azawuha amahema angahe? *Buri muryango uzahabwa amahema : $495 : 5 = 99$*
3. Kayiranga akora akora imigati 92 buri muni. Shaka umubare w'imigati akora mu muni ine. *Umubare w'imigati akora mu muni ine: $92 \times 4 = 368$*
4. Inkoko za Makuza zitera amagi 71buri muni. Shaka umubare w'amagi zitera mu nsi itanu. *Umubare w'amagi zitera mu nsi itanu: $71 \times 5 = 355$*

2.2. Ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku mutwe wa kabiri

Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500

Igikorwa cya 5 (ku rupapuro rwa 50 mu gitabo cy'umunyeshuri).

100,200,300,400,500

Igikorwa cya 6 (ku rupapuro rwa 51- 52 mu gitabo cy'umunyeshuri.)

200	201	202	203	204	205	206	207	208	209	210
210	211	212	213	214	215	216	217	218	219	220
220	221	222	223	224	225	226	227	228	229	230
230	231	232	233	234	235	236	237	238	239	240
240	241	242	243	244	245	246	247	248	249	250
250	251	252	253	254	255	256	257	258	259	260
260	261	262	263	264	265	266	267	268	269	270
270	271	272	273	274	275	276	277	278	279	280
280	281	282	283	284	285	286	287	288	289	290
290	291	292	293	294	295	296	297	298	299	300
300	301	302	303	304	305	306	307	308	309	310
310	311	312	313	314	315	316	317	318	319	320
320	321	322	323	324	325	326	327	328	329	330
330	331	332	333	334	335	336	337	338	339	340
340	341	342	343	344	345	346	347	348	349	350
350	351	352	353	354	355	356	357	358	359	360
360	361	362	363	364	365	366	367	368	369	370
370	371	372	373	374	375	376	377	378	379	380
280	381	382	383	384	385	386	387	388	389	390
390	391	392	393	394	395	396	397	398	399	400
400	401	402	403	404	405	406	407	408	409	410
410	411	412	413	414	415	416	417	418	419	420
420	421	422	423	424	425	426	427	428	429	430
430	431	432	433	434	435	436	437	438	439	440
440	441	442	443	444	445	446	447	448	449	450
450	451	452	453	454	455	456	457	458	459	460
460	461	462	463	464	465	466	467	468	469	470

470	471	472	473	474	475	476	477	478	479	480
480	481	482	483	484	485	486	487	488	489	490
490	491	492	493	494	495	496	497	498	499	500

Igikorwa cya 7 (ku rupapuro rwa 52 mu gitabo cy'umunyeshuri.)

200	201	202	203	204	205	206	207	208	209	210
240	241	242	243	244	245	246	247	248	249	250
260	261	262	263	264	265	266	267	268	269	270
290	291	292	293	294	295	296	297	298	299	300
320	321	322	323	324	325	326	327	328	329	330
350	351	352	353	354	355	356	357	358	359	360
370	371	372	373	374	375	376	377	378	379	380
480	481	482	483	484	485	486	487	488	489	490
490	491	492	493	494	495	496	497	498	499	500

Igikorwa cya 11 (ku rupapuro rwa 53 mu gitabo cy'umunyeshuri.)

a

200	201	202	203	204	205	206	207	208	209	210
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----

b

210	220	230	240	250	260	270	280	290	300	310
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----

c

410	420	430	440	450	460	470	480	290	500	510
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----

Igikorwa cya 12 (ku rupapuro rwa 53 mu gitabo cy'umunyeshuri.)

a

200	220	240	260	280	300	320	340	360	380	400
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----

b

310	320	330	340	350	360	370	380	390	400	410
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----

c

305	315	325	335	345	355	365	375	385	395	405
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----

Igikorwa cya 13 (ku rupapuro rwa 54 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a. 200: Magana abiri
201: Magana na rimwe
202: Magana na kabiri
203: Magana abiri na gatatu
204: Magana abiri na kane
205: Magana abiri na gatanu
- b. 265: Magana abiri na mirongo itandatu na gatanu
266: Magana abiri na mirongo itandatu na gatandatu
267: Magana abiri na mirongo itandatu na karindwi
268: Magana abiri na mirongo itandatu n'umunani
269: Magana abiri na mirongo itandatu n'icyenda
270: Magana abiri na mirongo irindwi
- c. 295: Magana abiri mirongo kenda na gatanu
296: Magana abiri mirongo kenda na gatandatu
297: Magana abiri mirongo kenda na karindwi
298: Magana abiri mirongo kenda n'umunani
299: Magana abiri mirongo kenda n'icyenda
300: Magana atatu
- d. 345: Magana atatu na mirongo ine na gatanu
346: Magana atatu na mirongo ine na gatandatu
347: Magana atatu na mirongo ine na karindwi
348: Magana atatu na mirongo ine n'umunani
349: Magana atatu na mirongo ine n'ikenda
350: Magana atatu na mirongo itanu
- e. 360: Magana atatu na mirongo itandatu
361: Magana atatu na mirongo itandatu na rimwe
362: Magana atatu na mirongo itandatu na kabiri
363: Magana atatu na mirongo itandatu na gatatu
364: Magana atatu na mirongo itandatu na kane
365: Magana atatu na mirongo itandatu na gatanu

Igikorwa cya 14 (ku rupapuro rwa 54 mu gitabo cy'umunyeshuri.)

a) Magana abiri mirongo inani: 280

b) Magana ane na mirongo itatu: 430

c) Magana atatu na gatanu: 305

Igikorwa cya 15 (ku rupapuro rwa 54 mu gitabo cy'umunyeshuri.)

a) 325: Magana atatu na makumyabiri na gatanu

b) 175: Ijana na mirongo irindwi na gatanu

c) 298: Magana abiri mirongo kenda n'umunani

Igikorwa cya 16 (ku rupapuro rwa 55 mu gitabo cy'umunyeshuri).

200	210	220	230	240	250	260	270	280	290	300
400	390	380	370	360	350	340	330	320	310	300
500	490	480	470	460	450	440	430	420	410	400
300	310	320	330	340	350	360	370	380	390	400
200	205	210	215	220	225	230	235	240	245	250
390	400	410	420	430	440	450	460	470	480	490
320	330	340	350	360	370	380	390	400	410	420
400	410	420	430	440	450	460	470	480	490	500

Gusesengura imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500

Igikorwa cya 1 (ku rupapuro rwa 55 mu gitabo cy'umunyeshuri).

	Ibinyajana (j)	Ibinyacumi (c)	Ibinyabumwe (b)
a	2	3	5
b	2	2	8
c	4	4	5
d	2	6	7
e	3	7	8
f	4	8	4
g	4	6	9
h	4	2	7
i	2	9	8
j	3	4	7
k	4	3	9
l	3	4	9
m	4	9	2
n	3	9	3
o	3	1	3

Igikorwa cya 2 (ku rupapuro rwa 55 mu gitabo cy'umunyeshuri)

a) 231 = j 2 c 3 b 1

c) 315 = j 3 c 1 b 5

e) 417 = j 4 c 1 b 7

b) 214 = j 2 c 1 b 4

d) 461 = j 4 c 6 b 1

f) 368 = j 3 c 6 b 8

Igikorwa cya 3 ku rupapuro rwa 56 mu gitabo cy'umunyeshuri

Mu matsinda mwandike umubare wasesenguwemo ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe

- | | | |
|---------------------|----------------------|----------------------|
| a) j 2 c 1 b 4 =214 | d) j 2 c 4 b 7 =247 | g) j 3 c 9 b 0 =390 |
| b) j 3 c 6 b 2 =362 | e) j 3 c 8 b 5 = 385 | h) j 4 c 0 b 8 = 408 |
| c) j 4 c 7 b 6 =476 | f) j 2 c 6 b 8 =268 | i) j 3 2 b 0 c = 302 |

Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500

Igikorwa cya 3 (ku rupapuro rwa 57 mu gitabo cy'umunyeshuri

Kugereranya amanota y'abanyeshuri:)

- | | | | |
|--------------|--------------|--------------|--------------|
| a) 380 < 473 | d) 351 < 473 | g) 380 < 429 | j) 429 < 473 |
| b) 351 < 380 | e) 390 < 380 | h) 429 > 351 | |
| c) 390 > 473 | f) 390 > 351 | i) 390 < 429 | |

Kugereranya karoti abanyeshuri bejeje

Igikorwa cya 4 (ku rupapuro rwa 58 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|--------------|--------------|--------------|
| a) 158 < 356 | d) 398 < 434 | g) 497 > 158 |
| b) 261 < 356 | e) 434 < 497 | h) 398 > 261 |
| c) 356 < 398 | f) 261 < 434 | i) 434 > 356 |

Reka ngereranye (ku rupapuro rwa 59 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | | |
|--------------|--------------|--------------|--------------|
| a) 469 = 469 | d) 490 > 404 | g) 222 = 222 | j) 254 < 349 |
| b) 336 < 467 | e) 318 > 285 | h) 301 = 301 | k) 281 < 313 |
| c) 363 < 431 | f) 445 > 358 | i) 427 > 327 | l) 429 < 392 |

Gutondeka imibare kuva kuri 0 kugera ku 500

Igikorwa cya 3 (ku rupapuro rwa 60 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | | |
|-----------------|------------------|------------------|-----------------|
| a) 303,425, 475 | f) 337,409,499 | k) 154, 415, 451 | p) 268,286,382 |
| b) 284,335,400 | g) 247,352,479 | l) 215,226,262 | r) 347,374,473 |
| c) 251,497,500 | h) 268,428,500 | m) 305,325,352 | s) 249, 429,492 |
| d) 223,345,482 | i) 275,394,421 | n) 267,467,476 | |
| e) 242,365,473 | j) 301, 306, 360 | o) 268,286,382 | |

Reka nkore iri ku rupapuro rwa 61 mu gitabo cy'umunyeshuri

- | | | |
|-----------------|-----------------|----------------|
| a) 475, 330,252 | c) 500,479,315 | e) 424,337,256 |
| b) 500,453,248 | d) 432, 328,254 | f) 473,390,299 |

Guteranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500

Guteranya mu mutwe

Igikorwa cya 1 (ku rupapuro rwa 62 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|---------------------|---------------------|---------------------|
| a) $200 + 50 = 250$ | d) $250 + 50 = 300$ | g) $400 + 50 = 450$ |
| b) $200 + 20 = 220$ | e) $300 + 50 = 350$ | h) $450 + 50 = 500$ |
| c) $220 + 30 = 250$ | f) $350 + 50 = 400$ | i) $300 + 80 = 380$ |

Igikorwa cya 2 (ku rupapuro rwa 62 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|--------|--------|--------|
| a) 500 | c) 500 | e) 500 |
| b) 500 | d) 500 | |

Iteranya ritabitsa

Igikorwa cya 5 (ku rupapuro rwa 63 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $442 = 241 + 201$ | c) $486 = 120 + 366$ | e) $456 = 203 + 253$ |
| b) $378 = 123 + 355$ | d) $364 = 301 + 63$ | f) $338 = 200 + 138$ |

Igikorwa cya 6 (ku rupapuro rwa 64 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $221 + 97 = 318$ | c) $253 + 154 = 407$ | e) $281 + 212 = 493$ |
| b) $214 + 245 = 459$ | d) $262 + 121 = 383$ | f) $235 + 234 = 469$ |

Igikorwa cya 7 (ku rupapuro rwa 64 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $223 + 175 = 398$ | d) $247 + 251 = 498$ | g) $382 + 116 = 498$ | j) $272 + 225 = 497$ |
| b) $335 + 162 = 497$ | e) $352 + 145 = 397$ | h) $291 + 206 = 497$ | k) $361 + 135 = 496$ |
| c) $312 + 177 = 489$ | f) $264 + 225 = 489$ | i) $315 + 181 = 496$ | l) $226 + 272 = 498$ |

Igikorwa cya 8 (ku rupapuro rwa 65 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $225 + 167 = 392$ | d) $117 + 375 = 492$ | g) $372 + 128 = 500$ |
| b) $334 + 148 = 482$ | e) $154 + 228 = 382$ | h) $185 + 315 = 500$ |
| c) $146 + 229 = 375$ | f) $265 + 228 = 493$ | i) $192 + 278 = 470$ |

Reka nkore iri ku rupapuro rwa 65 mu gitabo cy'umunyeshuri

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $205 + 258 = 463$ | d) $285 + 146 = 431$ | g) $149 + 336 = 485$ |
| b) $277 + 196 = 473$ | e) $337 + 126 = 463$ | h) $273 + 149 = 422$ |
| c) $339 + 143 = 482$ | f) $288 + 145 = 433$ | i) $189 + 227 = 416$ |

Amahurizo yo guteranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500 (ku rupapuro rwa 66 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. Byose hamwe yaguze ibitabo 460 ($265 + 195 = 460$)
2. Bateye ibiti 400 ($312 + 88 = 400$)

Gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera 500

Gukuramo mu mutwe

Igikorwa 1 (ku rupapuro rwa 66 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|---------------------|---------------------|----------------------|
| a) $500 - 50 = 450$ | f) $50 - 50 = 0$ | k) $400 - 100 = 300$ |
| b) $400 - 50 = 350$ | g) $450 - 50 = 400$ | l) $250 - 50 = 200$ |
| c) $300 - 50 = 250$ | h) $350 - 50 = 300$ | m) $400 - 100 = 300$ |
| d) $200 - 50 = 150$ | i) $250 - 50 = 200$ | |
| e) $100 - 50 = 50$ | j) $150 - 50 = 100$ | |

Ikuramo ridatira

Igikorwa 4 (ku rupapuro rwa 67 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $324 - 221 = 103$ | c) $414 - 314 = 100$ | e) $353 - 233 = 120$ |
| b) $232 - 130 = 102$ | d) $282 - 231 = 51$ | f) $444 - 314 = 130$ |

Igikorwa cya 5 (ku rupapuro rwa 68 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $486 - 275 = 211$ | d) $487 - 351 = 136$ | g) $382 - 216 = 166$ |
| b) $365 - 162 = 203$ | e) $356 - 145 = 211$ | h) $396 - 156 = 240$ |
| c) $289 - 177 = 112$ | f) $464 - 252 = 212$ | i) $485 - 473 = 12$ |

Reka dukore mu matsinda (ku rupapuro rwa 68 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $376 = 500 - 124$ | d) $250 = 475 - 225$ | g) $287 - 240 = 47$ |
| b) $420 = 498 - 78$ | e) $455 = 495 - 40$ | h) $366 - 226 = 140$ |
| c) $315 = 455 - 140$ | f) $330 = 478 - 148$ | i) $474 - 350 = 124$ |

Ikuramo ritira

Reka nkuremo ntira (ku rupapuro rwa 69 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $452 - 247 = 205$ | d) $471 - 357 = 114$ | g) $372 - 228 = 144$ |
| b) $343 - 148 = 195$ | e) $345 - 228 = 117$ | h) $482 - 357 = 125$ |
| c) $264 - 139 = 125$ | f) $465 - 258 = 207$ | i) $495 - 389 = 106$ |

Reka nkuremo (ku rupapuro rwa 69 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $400 - 358 = 42$ | c) $493 - 334 = 159$ | e) $336 - 327 = 9$ |
| b) $397 - 268 = 129$ | d) $485 - 346 = 139$ | f) $485 - 248 = 237$ |

Amahurizo yo gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500

(ku rupapuro rwa 69 -70 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. Yasigaranye amagi 283 ($370 - 87 = 283$)

2. a) Uwasaruye byinshi ni Makuza

b) Yamurushije imifuka 79 ($466 - 387 = 79$)

Mara ya 4 n'ibikubo bya 4

Igikorwa cya 2 (ku rupapuro rwa 71 mu gitabo cy'umunyeshuri)

a) $4 = 4 \times 1$

e) $20 = 4 \times 5$

i) $36 = 4 \times 9$

b) $8 = 4 \times 2$

f) $24 = 4 \times 6$

j) $40 = 4 \times 10$

c) $12 = 4 \times 3$

g) $28 = 4 \times 7$

d) $16 = 4 \times 4$

h) $32 = 4 \times 8$

Reka nuzuze imibare ibura (ku rupapuro rwa 71 mu gitabo cy'umunyeshuri)

	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
x4	4	8	12	16	20	24	28	32	36	40

	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
x4	4	8	12	16	20	24	28	32	36	40

Reka ngereranye nkoresheje $<$, $>$ na $=$ (ku rupapuro rwa 72 mu gitabo cy'umunyeshuri)

$20 + 20 = 4 \times 10$

$16 + 16 = 4 \times 8$

$12 + 12 = 4 \times 6$

$10 + 10 = 4 \times 5$

$6 + 6 = 4 \times 3$

$2 + 2 = 4 \times 1$

$18 + 18 = 4 \times 9$

$14 + 14 = 4 \times 7$

$8 + 8 = 4 \times 2$

$4 + 4 = 4 \times 1$

Gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 4

Igikorwa cya 1 ku rupapuro rwa 72 mu gitabo cy'umunyeshuri

a) $4 \times 11 = 44$

e) $4 \times 30 = 120$

i) $4 \times 41 = 164$

b) $4 \times 12 = 48$

f) $4 \times 31 = 124$

j) $4 \times 42 = 168$

c) $4 \times 22 = 88$

g) $4 \times 32 = 128$

k) $4 \times 51 = 204$

d) $4 \times 20 = 80$

h) $4 \times 40 = 160$

l) $4 \times 61 = 244$

Igikorwa cya 2 (ku rupapuro rwa 73 mu gitabo cy'umunyeshuri)

a) 5×2

b) 7×1

c) 7×2

d) 8×0

e) 9×2

$$\begin{array}{r} \times 4 \\ 208 \end{array}$$

$$\begin{array}{r} \times 4 \\ 284 \end{array}$$

$$\begin{array}{r} \times 4 \\ 288 \end{array}$$

$$\begin{array}{r} \times 4 \\ 320 \end{array}$$

$$\begin{array}{r} \times 4 \\ 368 \end{array}$$

Amahurizo yo gukuba na 4 (ku rupapuro rwa 73 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. Ibitabo byose ni 168 ($82 \times 4 = 328$)

2. Iyo mirongo iriho 88 ($22 \times 4 = 88$)

Igabanya ridasagura ry'imibare y'imibarwa 2 cyangwa 3 na 4

Igikorwa cya 1 (ku rupapuro rwa 75 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) $44 : 4 = 11$ c) $76 : 4 = 24$ e) $84 : 4 = 21$
 b) $64 : 4 = 16$ d) $56 : 4 = 14$ f) $68 : 4 = 17$

Igikorwa cya 2 (ku rupapuro rwa 75-76 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) $80 : 4 = 20$ c) $88 : 4 = 22$ e) $96 : 4 = 24$
 b) $64 : 4 = 16$ d) $92 : 4 = 23$ f) $72 : 4 = 18$

Igikorwa cya 3 (ku rupapuro rwa 75-76 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) $500 : 4 = 150$ e) $284 : 4 = 71$ i) $368 : 4 = 92$
 b) $296 : 4 = 74$ f) $480 : 4 = 120$ j) $388 : 4 = 97$
 c) $492 : 4 = 123$ g) $376 : 4 = 94$ k) $260 : 4 = 65$
 d) $388 : 4 = 97$ h) $472 : 4 = 118$ l) $456 : 4 = 114$

Amahurizo yo kugabanya na 4 ku rupapuro rwa 76 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Buri mwana yahawe amakayi 36 ($144 : 4 = 36$)
2. Buri gihande kicayemo abantu 92 ($368 : 4 = 92$)

Mara ya 5 n'ibikubo bya 5

Igikorwa cya 2 (ku rupapuro rwa 78 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) $5 = 5 \times 1$ e) $25 = 5 \times 5$ i) $45 = 5 \times 9$
 b) $10 = 5 \times 2$ f) $30 = 5 \times 6$ j) $50 = 5 \times 10$
 c) $15 = 5 \times 3$ g) $35 = 5 \times 7$
 d) $20 = 5 \times 4$ h) $40 = 5 \times 8$

Reka nuzuze imibare ibura (ku rupapuro rwa 78 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
5	10	15	20	25	30	35	40	45	50

0	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
0	5	10	15	20	25	30	35	40	45	50

d) Reka ngereranye nkoresheje $<$, $>$ na $=$ (ku rupapuro rwa 79 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) $25 + 25 = 5 \times 10$ e) $20 + 20 = 5 \times 8$ i) $15 + 15 = 5 \times 6$
 b) $10 + 15 = 5 \times 5$ f) $10 + 5 = 5 \times 3$ j) $2 + 3 = 5 \times 1$
 c) $20 + 25 = 5 \times 9$ g) $20 + 15 = 5 \times 7$
 d) $10 + 10 = 5 \times 4$ h) $5 + 5 = 5 \times 2$

Gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 5

Igikorwa cya 1 (ku rupapuro rwa 79 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Reka nuzuze iyi mbonerahamwe (ku rupapuro rwa 84 mu gitabo cy'umunyeshuri)

0	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
0	2	4	6	8	10	12	14	16	18	20
0	3	6	9	12	15	18	21	24	27	30
0	4	8	12	16	20	24	28	32	36	40
0	5	10	15	20	25	30	35	40	45	50

Amahurizo yo kugabanya na 5 (ku rupapuro rwa 84 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Reka dukore amahurizo dukurikije urugero twahawe (ku rupapuro rwa 84 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. Buri wese yatwaye inka 99 ($495 : 5 = 99$)
2. Buri mudugudu uzahabwa inzitiramubu 77 ($385 : 5 = 77$)

2.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kabiri (Upapuro rwa 85 – 87 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. Andika mu mibare cyangwa mu magambo
 - a. 497: Magana ane na mirongo icyenda na karindwi
 - b. Magana atatu na mirongo inani na gatandatu: 386
2. Ca akaziga ku mubare wasesenguwe
 - a. b 3 c 6 j 4 1) 364 2) 463 3) 346
 - b. j 3 b 2 c 4 1) 324 2) 423 3) 342
3. Mutahure imibare yasesenguwe
 - a. $(4 \times 100) + (8 \times 10) + (7 \times 1) = 487$
 - b. $300 + 70 + 6 = 376$
4. Andika imibare ikurikira mu mbonerahamwe y'ibara
 - a. 268 b. 475 c. 473 d. 352
5. Gereranya ukoresheje $<$, $>$ na $=$
 - a. $295 = 295$ b. $458 < 478$ c. $478 > 467$
6. Tondeka iyi mibare uhareye ku muto ujya ku munini
439, 349, 493, 394, 387, 479 349, 387, 394, 439, 479, 493
7. Tondeka uhareye ku munini ujya ku muto
293, 239, 387, 470, 389, 499 499, 470, 389, 387, 293, 239
8. Teranya
 - a. $234 + 253 = 487$ b. $257 + 208 = 465$ c. $378 + 114 = 492$ d. $369 + 128 = 497$
9. Kuramo:
 - a. $459 - 327 = 132$ b. $453 - 345 = 108$ c. $367 - 236 = 131$ d. $381 - 274 = 107$
10. Uzuza iyi mbonerahamwe

$\times 4$	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
	4	8	12	16	20	24	28	32	36	40
$\times 5$	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
	5	10	15	20	25	30	35	40	45	50

11. Kuba iyi mibare ikurikira

a) 9 2	b) 8 2	c) 8 1	d) 9 1	e) 6 1	f) 8 0	g) 7 0	h) 90
$\begin{array}{r} \times 4 \\ 368 \end{array}$	$\begin{array}{r} \times 5 \\ 410 \end{array}$	$\begin{array}{r} \times 4 \\ 324 \end{array}$	$\begin{array}{r} \times 5 \\ 455 \end{array}$	$\begin{array}{r} \times 4 \\ 244 \end{array}$	$\begin{array}{r} \times 5 \\ 400 \end{array}$	$\begin{array}{r} \times 4 \\ 280 \end{array}$	$\begin{array}{r} \times 5 \\ 450 \end{array}$

12. Uzuzwa iyi mbonerahamwe

$:4$	4	8	12	16	20	24	28	32	36	40
	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
$:5$	5	10	15	20	25	30	35	40	45	50
	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10

13. Gabanya imibare ikurikira

- a. $488 : 4 = 122$ c. $368 : 4 = 92$ e. $465 : 5 = 93$
b. $450 : 5 = 90$ d. $464 : 4 = 116$ f. $295 : 5 = 59$

14. Amahurizo

- a) Mu Mudugudu wacu bateye ibiti 256 ku muganda w'ukwezi gushize. Ku muganda w'uku kwezi barateganya gutera ibindi 239. Shaka umubare w'ibiti bazaba bamaze gutera byose hamwe.

Umubare w'ibiti bazaba bamaze gutera = $256 + 239 =$ Ibiti 495

- b) Ikigo k'ishuri ryacu kirimo abanyeshuri 489. Shaka umubare w'abahungu bigamo niba abakobwa ari 297.

Umubare w'abahungu = $489 - 297 =$ Abahungu 192

- c) Umuyobozi w'ikigo yemereye abanyeshuri 72 batsinze neza ibitabo 4 kuri buri wese. Bose hamwe azabaha ibitabo bingahe?

Umubare w'ibitabo bese bazahabwa = $72 \times 4 =$ Ibitabo 288

- d) Gabanya ku buryo bungana ibitabo by'imibare 496, ibigo by'amashuri 4. Buri kigo kizahabwa ibitabo bingahe?

Umubare w'ibitabo buri kigo kizahabwa = $496 : 4 =$ Ibitabo 124

- e) Gisa yagemuriye amaduka 5 inanasi 450. Niba yarazitanze ku buryo bungana, buri duka yarihayeho inanasi zingahe?

i) *Buri duka yarihayeho inanasi 445 ($450 - 5 = 445$)*

ii) *Buri duka yarihayeho inanasi 455 ($450 + 5 = 455$)*

iii) *Buri duka yarihayeho inanasi 90 ($450 : 5 = 90$)*

- f) Muhoza afite bombo 105 ashaka kugabanya bagenzi be 5 ku buryo bungana. Buri wese azamuha bombo zingahe? *Buri wese azamuha bombo 21 ($105 : 5 = 21$)*

UMUTWE WA 3

Imibare kuva kuri 0 kugera 1000

3.1. Amasomo ari mu mutwe wa 3

Umubare	Amasomo
1	Kubara ibintu biri mu matsinda bitarenga 1000
2	Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera 1000 mu mibare
3	Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera 1000 mu magambo
4	Gusesengura imibare itarenze 999
5	Kugereranya imibare itarenze 1000
6	Gutondeka imibare itarenze 1000
7	Iteranya ry'imibare igiteranyo cyayo kitarenze 1000 mu mutwe
8	Iteranya ritabitsa ry'imibare igiteranyo cyayo kitarenze 1000
9	Iteranya ribitsa ry'imibare igiteranyo cyayo kitarenze 1000
10	Amahurizo yo guteranya imibare igiteranyo cyayo kitarenze 1000
11	Ikuramo ry'imibare ikinyuranyo cyayo kitarenze 1000
12	Ikuramo ridatira ry'imibare ikinyuranyo cyayo kitarenze 1000
13	Ikuramo ritira ry'imibare ikinyuranyo cyayo kitarenze 1000
14	Amahurizo yo gukuramo imibare ikinyuranyo cyayo kitarenze 1000
15	Mara ya 6 n'ibikubo byayo bitarenze 60
16	Gukubisha imibare y'imibare 2 cyangwa 3 na 6 batabitsa
17	Amahurizo yo gukubisha imibare y'imibare 2 cyangwa 3 na 6 batabitsa
18	Kugabanya badasagura imibare y'imibare 2 cyangwa 3 na 6
19	Amahurizo yo kugabanya badasagura imibare y'imibare 2 cyangwa 3 na 6
20	Gukuba na 10 na 100 igikubo kitarenze 999
Igiteranyo	20

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kubara , gusoma, kwandika, kugereranya, gutondeka, guteranya, gukuba no kugabanya imibare ishyitse kuva kuri 0 kugera kuri 1000

**Amasomo 1, 2 & 3 (urup
rwa 88 – 93 mu gitabo
cy'umunyeshuri)**

Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera ku 1000

Intego z'isomo

Ubumenyi

Kugaragaza no gusobanura umwanya n'agaciro ka buri mubarwa mu mibare igizwe n'imibarwa 3

Ubumenyingiro

- Kubara atibeshya; gusoma no kwandika neza imibare kuva kuri 0 kugera kuri 1000.
- Gusoma neza ahanditse imibare itarenze 1000.

Ubukeshya

- Kugaragaza gahunda mu bikorwa bya buri munsu.

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye: utubuye, uducupa, ibishyimbo, udusaro, ibipurizo, ibigori, inyanya, amakayi, amakaramu, ibitabo, ingwa, soya n'amakarita yanditseho imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Buri munyeshuri afata

utubarisho yazanye, udusa tukajya ukwatwo mwarangiza mukavuga amazina yatwo.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Gukora ibirundo by'utubarisho bakajya bongeraho akabarisho kamwe bakavuga umubare mushya
- Kubara bongeraho utubarisho 10 bakavuga umubare mushya
- Kubara bajya imbere cyangwa basubira inyuma bakoresheje imirongo y'ibara
- Gusoma no kwandika umubare werekanwe ku ikarita
- Kuvuga umubare bakawerekanisha utubarisho
- Gusoma no kwandika urutonde rw'imibare rwatanzwe
- Kwifashisha amakarita atandukanye yanditseho umubarwa umwe umwe ugasaba abanyeshuri gukora imibare itandukanye bakayisoma maze bakayandika no mu magambo.
- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri amenya kubara ibintu biri mu matsinda bitarenze 1000 atibeshya .
- Kuyobora abanyeshuri igihe bashyira utubarisho tumeze kimwe mu matsinda.
- Asaba abanyeshuri kwitegereza utubarisho no kudushyira mu amatsinda y'utubarisho tutarenze 1000.

- Abayobora mu gikorwa cyo kubara utubarisho turi mu matsinda tutarenze 1000.
- Abaha amabwiriza akwiye gukurikizwa igihe bababara birinda gusimbuka imibare kandi abasobanurira uko bakwiye gukorwa.
- Aha buri munyeshuri umwanya agasoma ndetse akanandika imibare asomye mu mibare no mu magambo agendeye ku rugero yahawe.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora ibikorwa bitandukanye bicengeza isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko bakwiye kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanze na mwarimu
- Kubaza ibyo adasobanukiwe
- Kugira uruhare rufatika mu gukora imyitozo yo gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 1000 mu mibare no mu magambo akurikiza urugero rwa mwarimu.
- Gusobanurira bagenzi be bari kumwe mu itsinda igihe we abyumva neza.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya

masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no kubara ibintu bitarenga 1000.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kwiyoungura ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera mwarimu asabwa kugira

Ubumenyi

nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburinganire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda, mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana

ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.

- *Gufata neza ibidukikije:*
Bigaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- *Umuco w'amahoro:*
Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we .

Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura kuburyo bwimbitse uburyo buboneye bwo kubara ibintu biri mu matsinda udasimbuka cyangwa ngo witiranye imibare.
- Gusobanura uburyo buboneye bwo gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 1000 mu mibare no mu magambo.
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye

Imyitozo y'inyongera

1. Mu matsinda mukore amatsinda y'utubarisho dukurikira:
 - a. Amakayi 624
 - b. Utubuye 775
2. Soma maze wandike imibare

ikurikira mu magambo cyangwa mu mibare

- a. Magana atanu n'icyenda:509
- b. 885: Magana inani na mirongo inani na gatanu
- c. Magana atandatu n'umunani: 608
- d. 778: Magana arindwi na mirongo irindwi n'umunani
- e. Magana inani mirongo ine na kane:844
- f. 969:Magana cyenda mirongo itandatu n'icyenda

Umukoro

Buri wese abare ibiti byose anyuraho mu nzira ataha ejo azatubwira umubare w'ibyo yabaze.

Amasomo 4, 5, na 6 (urup rwa 94 – 98 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Gusesengura, gutondeka no kugereranya imibare itarenze 1000:

Intego z'isomo

Ubumenyi

Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 1000

Ubumenyingiro

- Gutondeka imibare kuva ku 0 kugera kuri 1000 bava ku muto ujya ku munini banava ku munini ujya ku muto bandika .
- Gusesengura imibare itarenze 1000 mo ibinyabumwe , ibinyacumi n'ibinyajana

- Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 1000 hakoreshejwe ibimenyetso $<, > na =$.

Ubukeshya

Kugaragaza akamaro ko kugereranya no gutondeka ibintu mu buzima bwa buri muni.

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye: utubuye, uducupa, ibishyimbo, udusaro, ibipurizo, ibigori, inyanya, amakayi, amakaramu, ibitabo, ingwa, soya n'amakarita yanditseho imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Buri munyeshuri afata ikarita yanditseho umubare, akawusomera bagenzi be hanyuma ukabaha amabwiriza y'ibikorwa bikurikiraho.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Kwifashisha udukino two guteranya mu mutwe
- Guteranya bifashishije utubarisho cyangwa imbonerahamwe y'ibara
- Gusesengura imibare hakoreshejwe utubarisho

cyangwa imbonerahamwe y'ibara

- Kwifashisha utubarisho mu kugereranya
- Ushobora no kwifashisha inkuru cyangwa ibitekerezo birimo imibare ariko biganisha ku kugereranya imibare
- Kwifashisha utubarisho mu gutondeka imibare
- Kwifashisha indirimbo cyangwa inkuru zirimo imibare igomba gutondekwa.
- Asaba abanyeshuri gukoresha amakarita yanditseho imibare n'ibimenyetso by'igereranya ($<, > na =$)
- Gukoresha umurongo w'ibara ugatondeka
- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri amenya gusesengura imibare mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana.
- Kuyobora abanyeshuri igihe batondeka imibare kuva kuri 0 kugera kuri 1000 bava ku munini bajya ku muto, bava ku muto bajya ku munini.
- Aha buri munyeshuri umwanya gusesengura, kugereranya no gutondeka imibare yahawe agendeye ku rugero wamuhaye.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu

gukora ibikorwa bitandukanye bicengeza isomo ryizwe.

- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko bakwiye kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanzwe n'umwarimu.
- Kubaza ibyo adasobanukiwe
- Kugira uruhare rufatika mu gukora imyitozo yo gusesengura imibare mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana, kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 1000 bakoresheje ibimenyetso by'igereranya (<, > na =), gutondeka imibare kuva kuri 0 kugera kuri 1000 bava ku munini bajya ku muto cyangwa bava ku muto bajya ku munini bakurikiza urugero rw'umwarimu.
- Gusobanurira bagenzi be bari kumwe mu itsinda igihe we abyumva neza.
- Gusobanura kuburyo bwimbitse uburyo buboneye bwo kubara ibintu biri mu matsinda udasimbuka cyangwa ngo witiranye imibare .
- Gusobanura uburyo buboneye bwo gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 1000 mu mibare no mu magambo.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no kubara ibintu, kubitondeka akurikije ibike n'ibyinshi.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kwiungura ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Ubumenyi

nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatuma neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburinganire:* Bugaragazwa

n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.

- *Gufata neza ibidukikije:*
Bigaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
 - *Umuco w'amahoro:*
Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we .
- Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo***
- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
 - Gusobanura kuburyo bwimbitse uburyo buboneye bwo gusesengura imibare mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana .
 - Gusobanura uburyo buboneye bwo gutondeka no kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 1000.
 - Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye

Imyitozo y'inyongera

1. Sesengura imibare ikurikira mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana .
 - a) $795 = j7 \text{ c}9 \text{ b}5$
 - b) $642 = j6 \text{ c}4 \text{ b}2$
 - c) $935 = j9 \text{ c}3 \text{ b}5$
 - d) $894 = j8 \text{ c}9 \text{ b}4$
2. **Tondeka iyi mibare uhereye ku muto ujya ku munini**
 - a) 905, 504, 640, 850
Igisubizo: 504, 640, 850, 905
 - b) 812, 531, 721, 913
Igisubizo: 531, 721, 812, 913
3. **Tondeka iyi mibare uhereye ku muto ujya ku munini**
 - a) 908, 880, 780, 807
Igisubizo: 780, 807, 880, 908
 - b) 651, 516, 156, 615
Igisubizo: 156, 516, 615, 651
4. Koresha $<$, $>$ na $=$ ugereranye imibare ikurikira
 - a) $945 > 854$
 - b) $642 > 524$
 - c) $825 = 825$
 - d) $754 > 642$

Amasomo 7, 8, na 9
(urup rwa 99 – 102 mu gitabo k'umunyeshuri)

Guteranya imibare ibiri cyangwa itatu igiteranyo kitarenze 1000.

Intego z'isomo

Ubumenyi

Guteranya imibare ibiri

cyangwa itatu igiteranyo kitarenga 1000.

Ubumenyigiro

Gusobanura uburyo bateranya imibare ibiri cyangwa itatu igiteranyo kitarenga 1000.

Ubukeshya

Kugaragaza akamaro ko guteranya mu buzima bwabo bwa buri muni.

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye: utubuye, uducupa, ibishyimbo, udusaro, ibipurizo, ibigori, inyanya, amakayi, amakaramu, ibitabo, ingwa, soya n'amakarita yanditseho imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Gutanga ikibazo cyo guhuriza hamwe ibintu babaze biri mu matsinda 2 maze bakavuga umubare wabyo biri hamwe.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Kwifashisha udukino two guteranya mu mutwe
- Guteranya bifashishije utubarisho cyangwa imbonerahamwe y'ibara.
- Gutegura imfashanyigisho

zihagije zituma umunyeshuri amenya guteranya imibare abitsa cyangwa atabitsa.

- Kuyobora abanyeshuri igihe bateranya imibare babitsa cyangwa batabitsa bakoresha utubarisho ,amakarita yanditseho imibare n'imbonerahamwe z'ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana.
- Asaba abanyeshuri gukoresha amakarita n'utubarisho igihe bateranya imibare ibiri cyangwa itatu igiteranyo kitarenga 1000 babitsa cyangwa batabitsa.
- Aha buri munyeshuri umwanya wo guteranya imibare ibiri cyangwa itatu igiteranyo kitarenga 1000 abitsa cyangwa atabitsa kandi bagendeye ku mabwiriza.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora ibikorwa bitandukanye bicengeza isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko bakwiye kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanze n'umwarimu.
- Kubaza ibyo adasobanukiwe.
- Kugira uruhare rufatika mu

gukora imyitozo yo guteranya babitsa cyangwa batabitsa imibare ibiri cyangwa itatu igiteranyo kitarenga 1000.

- Gusobanurira bagenzi be bari kumwe mu itsinda batabyumvise neza igihe we abyumva neza kubarusha.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo.
- Gufatanywa n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye.
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no guteranya ibintu cyangwa amafaranga bitarenga 1000.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kwiyingura ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Ubumenyi nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite

ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburinganire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda, mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
- *Gufata neza ibidukikije:* Bugaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- *Umuko w'amahoro:* Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we.

Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura kuburyo bwimbitse uburyo bateranya imibare babitsa cyangwa batabitsa imibare ibiri cyangwa itatu igiteranyo kitarenga 1000.
- Gusobanura uburyo buboneye bwo guteranya imibare ibiri cyangwa itatu igiteranyo kitarenga 1000 babitsa cyangwa batabitsa bakoresheje

imbonerahamwe y'ibara.

- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.

Imyitozo y'inyongera

Koresha imbonerahamwe y'ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana uteranye imibare ikurikira.

- a) $345 + 523 = 868$
- b) $157 + 713 = 870$
- c) $749 + 175 = 924$
- d) $656 + 267 = 923$
- e) $678 + 221 = 899$
- f) $734 + 208 = 942$

Amasomo 11,12 na 13
(urup rwa 103 – 106 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Gukuramo imibare ibiri cyangwa itatu ikinyuranyo kitarenze 1000.

Intego z'isomo

Ubumenyi

Gukuramo imibare ibiri cyangwa itatu ikinyuranyo kitarenze 1000.

Ubumenyingiro

Gushaka ikinyuranyo cy'umubare w'ibintu biri mu matsinda 2 bitarenze 1000.

Ubukeshya

Kugaragaza akamaro ko gukuramo mu buzima bwabo bwa buri muni

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye: utubuye, uducupa, ibishyimbo, udusaro, ibipurizo, ibigori, inyanya, amakayi, amakaramu, ibitabo, ingwa, soya n'amakarita yanditseho imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Gukora itsinda rinini ry'utubarisho tuzwi umubare bagakuramo umubare w'utubarisho bakadushyira ku ruhande maze bakabara umubare w'udusigaye.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Kwifashisha udukino two gukuramo mu mutwe.
- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri amenya gukuramo imibare atira cyangwa adatira.
- Kuyobora abanyeshuri igihe bakuramo imibare batira cyangwa badatira bakoresha utubarisho , amakarita yanditseho imibare n'imbonerahamwe y'ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana.
- Asaba abanyeshuri gukoresha amakarita n'utubarisho igihe

bakuramo imibare ikinyuranyo kitarenga 1000 batira cyangwa badatira.

- Aha buri munyeshuri umwanya wo gukuramo imibare ikinyuranyuranyo kitarenga 1000 batira cyangwa badatira.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora ibikorwa bitandukanye bicengeza isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko bakwiye kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanzwe n'umwarimu
- Kubaza ibyo adasobanukiwe
- Kugira uruhare rufatika mu gukora imyitozo yo gukuramo batira cyangwa badatira ikinyuranyo kitarenga 1000
- Gusobanurira bagenzi be bari kumwe mu itsinda batabyumvise neza igihe we abyumva neza kubarusha.
- Gusobanura kuburyo bwimbitse uburyo bateranya imibare babitsa cyangwa batabitsa imibare ibiri cyangwa itatu igiteranyo kitarenga 1000.
- Gusobanura uburyo buboneye bwo guteranya imibare ibiri cyangwa itatu igiteranyo kitarenga 1000 babitsa

cyangwa badatira bakoresheje imbonerahamwe y'ibara.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no gukuramo ibintu bitarenga 1000.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kwiungura ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Ubumenyi nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatuma neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho

zabugenewe.

- *Uburinganire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
- *Gufata neza ibidukikije:* Bigaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- *Umuco w'amahoro:* Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we .

Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura kuburyo bwimbitse uburyo bakuramo imibare batira cyangwa badatira imibare ibiri cyangwa itatu ikinyuranyo kitarenga 1000.
- Gusobanura uburyo bu boneye bwo gukuramo imibare ikinyuranyo kitarenga 1000 batira cyangwa badatira bakoresheje imbonerahamwe y'ibara.
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye

Imyitozo y'inyongera

Koresha imbonerahamwe y'ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana ukuremo imibare ikurikira.

a) $845 - 523 = 322$

b) $957 - 713 = 244$

c) $949 - 875 = 74$

d) $756 - 567 = 189$

e) $678 - 521 = 157$

f) $834 - 808 = 26$

**Amasomo 10 na 14 (urup
rwa 103 na 107 mu gitabo
cy'umunyeshuri)**

Amahurizo yo gukuramo no
guteranya imibare

Intego z'isomo

Ubumenyi

Gukora amahurizo yo
guteranya no gukuramo
amahurizo ajyanye n'ubuzima
busanzwe.

Ubumenyigiro

Gutanga ingero z'amahurizo
akoreshwamo guteranya no
gukuramo imibare bakayakora
basobanurira bagenzi babo.

Ubukesho

Kugaragaza akamaro ko gukora
amahurizo yo gukuramo no
guteranya ibintu bakoresha mu
buzima bwabo bwa buri muni

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye:
utubuye,uducupa, ibishyimbo,
udusaro, ibipurizo,
ibigori, inyanya, amakayi,

amakaramu, ibitabo, ingwa,
soya n'amakarita yanditseho
imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri,
icy'umwarimu
n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Gukora amatsinda y'utubarisho
tungana n'imibare babahaye
bakajya bafata utubarisho
batuvana cyangwa batwongera
ku rindi tsinda ry'utubarisho
bakoze bitewe n'ikimenyetso
cyatanzwe mu ihurizo bagahita
bavuga umubare w'utubarisho
dusigaye cyangwa igiteranyo
cyatwo.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Amahurizo yo gukuramo
ajyanye n'ubuzima bwa buri
munsi.
- Amahurizo yo guteranya
ajyanye n'ubuzima bwa buri
munsi.
- Gutegura imfashanyigisho
zihagije zituma umunyeshuri
amenya gukora amahurizo yo
guteranya no gukuramo imibare
igiteranyo cyangwa ikinyuranyo
kitarenga 1000.
- Kuyobora abanyeshuri igihe
bakosora amahurizo yo
guteranya no gukuramo imibare
igiteranyo cyangwa ikinyuranyo
kitarenga 1000.

- Asaba abanyeshuri gukoresha
amakarita n'utubarisho
igihe bakosora amahurizo
yo guteranya no gukuramo
imibare ikinyuranyo cyangwa
igiteranyo kitarenga 1000.
- Aha buri munyeshuri umwanya
wo gukosora amahurizo yo
guteranya no gukuramo
imibare ikinyuranyo cyangwa
igiteranyo kitarenga 1000.
- Abafite imbogamizi mu myigire
ababa hafi kandi akabaha
gukora ibikorwa bafitiye
ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi
uburenganzira bungana mu
gukora ibikorwa bitandukanye
bicengeza isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe
basobanurirana uko bakwiye
kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza
yatanzwe n'umwarimu
- Kubaza ibyo adasobanukiwe
- Kugira uruhare rufatika
mu gukora amahurizo yo
guteranya no gukuramo
imibare ikinyuranyo cyangwa
igiteranyo kitarenga 1000.
- Gusobanurira bagenzi be
bari kumwe mu itsinda
batabyumvise igihe we
abyumva neza kubarusha.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye.
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no kubara atibeshya no gukemura ibibazo bijyanye no gukuramo cyangwa guteranya ibintu.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kwiungura ubumenyi mu mibare.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Ubumenyi nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburinganire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
- *Gufata neza ibidukikije:* Bugaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- *Umuco w'amahoro:* Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we.

Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko bamenya kuvana mu ihurizo ibyo babahaye, ibyo bababaza, uko barikora n'ikimenyetso bari bukoreshye. Hanyuma bakarikosora bakoresheje utubarisho cyangwa imbonerahamwe y'ibara.
- Gusobanura uburyo buboneye bwo gukora amahurizo yo guteranya no gukuramo imibare ikinyuranyo cyangwa igiteranyo kitarenga 1000.
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye

Imyitozo y'inyongera

Koresha imbonerahamwe y'ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana hamwe n'utubarisho ukore amahurizo akurikira:

1. Mutabazi afite inyana 614 n'ibimasa 345. Shaka igiteranyo cy'inka atunze.

Igiteranyo k'inka atunze:

$$614 - 345 = 269$$

2. Ishuri rifite abanyeshuri 1000. Abakobwa ni 521. Shaka umubare w'abahungu biga muri iryo shuri.

Umubare w'abahungu ni:

$$1000 - 521 = 479$$

1. Rugira afite ishyamba ririmo ibiti 924. Shaka umubare w'ibiti bizasigara mu ishyamba niba ashaka gutemamo 594.

Umubare w'ibiti bizasigara ni:

$$924 - 594 = 330$$

2. Umudugudu wa Rugerero wubatsemo amazu 967. Muri yo 556 yasenyuwe n'imvura nyinshi ivanze n'umuyaga. Shaka umubare w'amazu atarasenyutse.

Umubare w'amazu

atarasenyutse ni: $967 - 556 = 411$

**Amasomo 15 (urup rwa
108 – 110 mu gitabo
cy'umunyeshuri)**

Mara ya 6 n'ibikubo byayo

Intego z'isomo

Ubumenyi

Kuvuga mara ya 6 n'ibikubo byayo mu mutwe ntaho arebeye

Ubumenyigiro

Gusobanurira bagenzi be uko babona ibikubo bya 6.

Ubukeshya

Kugaragaza akamaro ko kumenya mara mu mutwe mu buzima busanzwe bwa buri muni.

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye: utubuye, uducupa, ibishyimbo, udusaro, ibipurizo, ibigori, inyanya, amakayi, amakaramu, ibitabo, ingwa, soya n'amakarita yanditseho imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Gukora amatsinda y'utubarisho tungana n'ibikubo bya 6 bitarenze 60.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Gukoresha iteranya ryisubiramo mu kugaragaza ibikubo bya 6
- Gukoresha mbare nkuba na 6 ugaragaza ibikubo bya 6.
- Gutegura imfashanyigisho

zihagije zituma umunyeshuri afata mu mutwe mara ya n'ibikubo byayo

- Kuyobora abanyeshuri igihe bakora imyitozo yo gushyira utubarisho mu matsinda bakora ibikubo bya 6.
- Asaba abanyeshuri gukoresha amakarita n'utubarisho igihe imyitozo yo gufata mu mutwe mara 6 n'ibikubo byayo.
- Aha buri munyeshuri umwanya wo gukosora imyitozo ibasaba ku vuga mu mutwe ibikubo bya ibya 6 ntaho barebeye.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora ibikorwa bitandukanye bicengeza isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko bakwiye kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanzwe na mwarimu
- Kubaza ibyo adasobanukiwe
- Kugira uruhare rufatika mu gukosora.
- Imyitozo yo kuvuga ibikubo bya 6.
- Gusobanurira bagenzi be bari kumwe mu itsinda batabyumvise igihe we abyumva neza kubarusha.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no kubara no kuvuga inshuro 6 z'ibintu yahawe.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kwiyingura ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira.

Ubumenyi nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburinganire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa

bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.

- *Gufata neza ibidukikije:*
Bugaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- Umuco w'amahoro :
Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we.

Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko bakoresha utubarisho bagashaka ibikubo bya 6.
- Gusobanura uburyo bu boneye bwo gufata mu mutwe ntiwibagirwe mara ya 6 n'ibikubo byayo.
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.

Imyitozo y'inyongera

1. Uzuza n'imibare ibura
 - a) $6 \times 6 = 36$
 - b) $8 \times 6 = 48$
 - c) $60 = 10 \times 6$
 - d) $42 = 6 \times 7$

e) $4 \times 6 = 24$

f) $2 \times 6 = 12$

g) $1 \times 6 = 6$

h) $6 \times 5 = 30$

i) $0 = 6 \times 0$

2. Mu matsinda mukore uturundo tw'utubarisho tungana n'ibikubo bya 6.

**Amasomo 16 (urup
rwa 110 –111 mu gitabo
cy'umunyeshuri)**

Gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 6.

Intego z'isomo

Ubumenyi

Gukuba atibeshya imibare y'imibarwa ibiri na 6

Ubumenyigiro

- Gusobanurira bagenzi be amategeko akurikizwa iyo bakuba imibare y'imibarwa ibiri n'umubarwa umwe .
- Gukuba imibare y'imibarwa ibiri na 6 igikubo kitarenga 1000.

Ubukeshya

Kugaragaza akamaro ko kumenya gukuba imibare y'imibarwa ibiri n'umubarwa umwe.

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye: utubuye,uducupa, ibishyimbo, udusaro, ibipurizo, ibigori, inyanya,amakayi, amakaramu, ibitabo, ingwa,

soya n'amakarita yanditseho imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri,
icy'umwarimu
n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Gukora itsinda ry'utubarisho tw'imibare bashaka maze agafata utundi tungana n'utwari dusanzwe mu itsinda inshuro twongeraho hanyuma bakabara umubare mushya babonye.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ashobora gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 6.
- Kuyobora abanyeshuri igihe bakora imyitozo yo gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 6.
- Asaba abanyeshuri gukoresha amakarita n'utubarisho igihe bakora imyitozo yo gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 6.
- Aha buri munyeshuri umwanya wo gukora imyitozo ibasaba gukuba impagarike imibare y'imibarwa ibiri na 6.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu

gukora ibikorwa bitandukanye bicingeza isomo ryizwe.

- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko bakwiye kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanze n'umwarimu
- Kubaza ibyo adasobanukiwe
- Kugira uruhare rufatika mu gukora imyitozo yo gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 6
- Gusobanurira bagenzi be bari kumwe mu itsinda batabyumvise neza igihe we abyumva kubarusha.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo.
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye.
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no gushaka inshuro 6 z'ibintu yahawe.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kwiyungura ubumenyi mu mibare.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

*Ubumenyi
nsanganyamasomo buri
muri aya masomo n'uko*

bugerwaho

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburyanganyire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda, mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
- *Gufata neza ibidukikije:* Bigaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- *Umuco w'amahoro :* Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we .

Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo

bwimbitse uko bakoresha utubarisho bagakubisha 6 imibare y'imibarwa ibiri.

- Gusobanura uburyo bu boneye bwo gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 6
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye

Imyitozo y'inyongera

Mukoreshe imbonerahamwe y'ibara, amakarita ariho imibare n'utubarisho maze mukube impagarike imibare ikurikira :

a) $111 \times 6 = 666$

b) $12 \times 6 = 72$

c) $101 \times 6 = 606$

d) $22 \times 6 = 132$

e) $81 \times 6 = 486$

f) $91 \times 6 = 546$

Amasomo 18 (urup rwa 112 – 115 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Kugabanya na 6 badasagura imibare iri muni ya 1000.

Intego z'isomo

Ubumenyi

Kugabanya na 6 badasagura imibare iri muni ya 1000.

Ubumenyigiro

- Gusobanurira bagenzi be amategeko akurikizwa iyo bagabanya imibare y'imibarwa ibiri n'umubarwa umwe.
- Kugabanya badasagura imibare na 6 ikigabanywa kitarenga 1000.

Ubukeshha

- Kugaragaza akamaro ko kugabanya mu buzima bwa buri muni.
- Kugaragaza akamaro ko kumenya kugabanya imibare y'imibarwa ibiri n'umubarwa umwe.

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye: utubuye, uducupa, ibishyimbo, udusaro, ibipurizo, ibigori, inyanya, amakayi, amakaramu, ibitabo, ingwa, soya n'amakarita yanditseho imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Gukora itsinda rinini y'utubarisho tw'imibare bashaka maze bakatugabanyamo 6 ku buryo bungana maze bakavuga umubare babonye.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ashobora kugabanya adasagura imibare na 6 ikigabanywa kitarenga 1000.
- Kuyobora abanyeshuri igihe bakora imyitozo yo kugabanya

badasagura imibare na 6 ikigabanywa kitarenga 1000.

- Asaba abanyeshuri gukoresha amakarita n'utubarisho igihe bakora imyitozo yo kugabanya badasagura imibare na 6 ikigabanywa kitarenga 1000.
- Aha buri munyeshuri umwanya wo gukora imyitozo isaba kugabanya mu mahembe badasagura imibare na 6 ikigabanywa kitarenga 1000.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora ibikorwa bitandukanye biceze isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko bakwiye kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanze n'umwarimu.
- Kubaza ibyo adasobanukiwe
- Kugira uruhare rufatika mu gukorosora.
- Imyitozo yo kugabanya badasagura imibare na 6 ikigabanywa kitarenga 1000.
- Gusobanurira bagenzi be bari kumwe mu itsinda batabyumvise neza igihe we abyumva kubarusha.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo.
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye.
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no kugabanya ibintu abantu 6 kuburyo bungana.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kwiyoungura ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

a. Ubumenyi

nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho .

- *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatuma neza n'abatabona neza akabica imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburinganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa

bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.

- *Gufata neza ibidukikije*: Bigaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- *Umuco w'amahoro* : Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we .

b. Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko bakoresha utubarisho bagabanya badasagura imibare na 6 ikigabanywa kitarenga 1000.
- Gusobanura uburyo buboneye bwo kugabanya badasagura imibare na 6 ikigabanywa kitarenga 1000.
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye

Imyitozo y'inyongera

Mukoreshe utubarisho maze mugabanye mu mahembe imibare ikurikira :

- a) $666 : 6 = 111$
- b) $936 : 6 = 156$

- f) $876 : 6 = 146$

Amasomo 17 na 19
(urup rwa 111 – 115mu
gitabo cy’umunyeshuri)

Amahurizo yo gukuba no
kugabanya na 6 badasagura
imibare iri muni ya 1000.

Intego z'isomo

Ubumenyi

Gukora amahurizo yo
kugabanya na 6 badasagura
imibare iri muni ya 1000.

Ubumenyingiro

- Gusobanurira bagenzi be amategeko akurikizwa iyo bagabanya imibare y'imibarwa ibiri n'umubarwa umwe.
- Kugabanya badasagura imibare na 6 ikigabanywa kitarenga 1000.

Ubukeshu

Kugaragaza akamaro ko
kugabanya mu buzima bwa
buri muni.

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye:
utubuye,uducupa, ibishyimbo,
udusaro, ibipurizo,
ibigori, inyanya,amakayi,
amakaramu, ibitabo, ingwa,
soya n'amakarita yanditseho
imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri,
icy'umwarimu
n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Gukora amatsinda y'utubarisho
tw'imibare bashaka maze
bakatugabanyamo 6 ku buryo
bungana maze bakavuga
umubare babonye.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri ashobora gukora amahurizo yo gukuba no kugabanya imbare iri muni ya 1000 na 6 badasagura.
- Kuyobora abanyeshuri igihe bakora amahurizo yo kugabanya badasagura imibare na 6 ikigabanywa kitarenga 1000.
- Asaba abanyeshuri gukoreshe amakarita n'utubarisho igihe bakora amahurizo yo gukuba no kugabanya imbare iri muni ya 1000 na 6 badasagura.
- Aha buri munyeshuri umwanya wo gukora amahurizo yo gukuba no kugabanya imbare iri muni ya 1000 na 6 badasagura.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.

- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora ibikorwa bitandukanye bicengeza isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko bakwiye kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanzwe n'umwarimu.
- Kubaza ibyo adasobanukiwe.
- Kugira uruhare rufatika mu gukora amahurizo yo gukuba no kugabanya imbare iri muni ya 1000 na 6 badasagura.
- Gusobanurira bagenzi be bari kumwe mu itsinda batabyumvise neza igihe we abyumva kubarusha.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo.
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye.
- Kwikemurira ibibazo byo mu buzima busanzwe ku kugabanya cyangwa gukuba na 6.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kunguruza ubumenyi mu mibare.

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

a. *Ubumenyi*

nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza* : Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatuma neza n'abatabona neza akabica imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburinganire*: Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
- *Gufata neza ibidukikije*: Bigaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- *Umuco w'amahoro* : Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we .

b. Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko bakoresha utubarisho bakora amahurizo yo gukuba no kugabanya na 6 imibare iri muni ya 1000 badasagura.
- Gusobanura uburyo buboneye bwo gukora amahurizo yo gukuba no kugabanya imibare iri muni ya 1000 na 6 badasagura.
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.

Imyitozo y'inyongera

Mukoreshe utubarisho maze mukore amahurizo yo gukuba no kugabanya imibare iri muni ya 1000 na 6 badasagura akurikira:

1. Umuryango utabara imbabare ugiye guha impunzi zibarurirwa mu miryango 111 amahema 6 kuri buri muryango. Buri muryango uzakabwa amahema angahe?
Buri muryango uzakabwa amahema: $111 \times 6 = 666$
2. Uruganda rukora amasabune rukora amasabune 141 buri mu nsi. Shaka umubare w'amasabune akorwa n'urwo ruganda mu minsi itandatu
Umubare w'amasabune:

$$141 \times 6 = 846$$

3. Mu cyumba berekaniramo umupira hinjira abantu 151 buri muni. Shaka umubare w'abantu binjira muri icyo cyumba mu minsi 6.

Umubare w'abantu binjira muri icyo cyumba mu minsi 6:

$$151 \times 6 = \text{Abantu } 906$$

4. Abantu 960 bitabiriye igiterane cy'amasengesho bicazwa mu mpande 6 z'urusengero. Buri ruhande rwicayemo abantu bangahe?

Buri ruhande rwicayemo abantu:

$$960 : 6 = 160$$

Imbumbanyigisho: Ibara n' amategeko yaryo.

Amasomo 20 (urup rwa 116 – 118 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Gukubisha 10, na 100 igikubo kitarenze 1000.

Intego z'isomo

Ubumenyi

Gukuba imibare y'imibarwa ibiri na 10 cyangwa 100 igikubo kitarenze 1000.

Ubumenyigiro

Gusobanurira bagenzi be amategeko akurikizwa iyo bakuba imibare na 10 cyangwa 100.

Ubukeshya

Kugaragaza icyo kumenya gukuba vuba imibare bimaze

mu buzima busanzwe bwa buri munsu.

Imfashanyigisho

Utubarisho dutandukanye: utubuye, uducupa, ibishyimbo, udusaro, ibipurizo, ibigori, inyanya, amakayi, amakaramu, ibitabo, ingwa, soya n'amakarita yanditseho imibare.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'imibare.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Gukora amatsinda y'utubarisho tungana n'ibikubo bya 10 bitarenze 100.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zituma umunyeshuri afata mu mutwe amategeko akurikizwa iyo bakuba imibare na 10 cyangwa 100.
- Kuyobora abanyeshuri igihe bakuba imibare na 10 cyangwa 100 mu mutwe ntaho barebeye
- Asaba abanyeshuri gukoresha amakarita n'utubarisho igihe imyitozo yo gufata mu mutwe uko bakuba imibare na 10 cyangwa 100 ubonye batabifashe neza.
- Aha buri munyeshuri umwanya wo gukora imyitozo ibasaba kuvuga mu mutwe uko bakuba

imibare na 10 cyangwa 100 ntaho barebeye.

- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora ibikorwa bitandukanye bicengeza isomo ryizwe.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko bakwiye kubara batibeshya.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanze na mwarimu
- Kubaza ibyo adasobanukiwe
- Kugira uruhare rufatika mu gukorosora
- Imyitozo yo kuvuga mu mutwe amategeko akurikizwa iyo bakuba imibare na 10 cyangwa 100.
- Gusobanurira bagenzi be bari kumwe mu itsinda batabyumvise neza igihe we abyumva kubarusha.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo
- Gufatanywa n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no kuvuga inshuro 10 cyangwa 100 z'ibintu yahawe.

- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma cyangwa abara avuga.
- Kugira amatsiko yo kwiyoungura ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Ubumenyi nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.
- *Uburunganire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
- *Gufata neza ibidukikije:* Bigaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- *Umuco w'amahoro:* Gukangurira abanyeshuri

kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we .

Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko bakoresha utubarisho bagashaka ibikubo bya 10 batarenze 100.
- Gusobanura uburyo buboneye bwo gufata mu mutwe ntiwibagirwe mara ya 10 n'ibikubo byayo.
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye

Imyitozo y'inyongera

1. Koresha 10 cyangwa 100 wuzuze
 - a) $100 \times 6 = 600$
 - b) $10 \times 48 = 480$
 - c) $650 = 10 \times 65$
 - d) $420 = 42 \times 10$
 - e) $10 \times 24 = 240$
 - f) $9 \times 100 = 900$
 - g) $10 \times 100 = 1000$
 - h) $100 \times 3 = 300$
 - i) $500 = 5 \times 100$
2. Mu matsinda mukore amatsida y'utubarisho tungana n'ibikubo bya 10.

3.2. Ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa gatatu

Imibare kuva kuri 0 kugera kuri 1000

1. Kubara gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 1000

Igikorwa cya 5 (ku rupapuro rwa 89 mu gitabo cy'umunyeshuri)
500, 600, 700, 800, 900, 1000

Igikorwa cya 6 ku rupapuro rwa 90 mu gitabo cy'umunyeshuri

500	501	502	503	504	505	506	507	508	509	510
550	551	552	553	554	555	556	557	558	559	560
600	601	602	603	604	605	606	607	608	609	610
650	651	652	653	654	655	656	657	658	659	660
700	701	702	703	704	705	706	707	708	709	710
750	751	752	753	754	755	756	757	758	759	760
800	801	802	803	804	805	806	807	808	809	810
850	851	852	853	854	855	856	857	858	859	860
900	901	902	903	904	905	906	907	908	909	910
950	951	952	953	954	955	956	957	958	959	960
990	991	992	993	994	995	996	997	998	999	1000

Igikorwa cya 10 ku rupapuro rwa 91- 92 mu gitabo cy'umunyeshuri

a)

500	501	502	503	504	505	506	507	508	509	510
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----

b)

610	620	630	640	650	660	670	680	690	700
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----

c)

710	720	730	740	750	760	770	780	790	800
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----

d)

810	820	830	840	850	860	870	880	890	900
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----

e)

200	201	202	203	204	205	206	207	208	209	210
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----

f)

910	920	930	940	950	960	970	980	990	1000
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	------

g)

100	200	300	400	500	600	700	800	900	1000
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	------

h)

500	510	520	530	540	550	560	570	580	590	600
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----

i)

905	915	925	935	945	955	965	975	985	995
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----

j)

804	820	844	864	884	904	924	944	964	984
-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----	-----

Igikorwa cya 11 ku rupapuro rwa 92 mu gitabo cy'umunyeshuri

a) 500: Magana atanu

501: Magana atanu na rimwe

502: Magana atanu na kabiri

503: Magana atanu na gatatu

504: Magana atanu na kane

505: Magana atanu na gatanu

506: Magana atanu na gatandatu

507: Magana atanu na karindwi

508: Magana atanu n'umunani

509: Magana atanu n'ikenda

510: Magana atanu na cumi

b) 665: Magana atandatu na mirongo itandatu na gatanu

666: Magana atandatu na mirongo itandatu na gatandatu

667: Magana atandatu na mirongo itandatu na karindwi

668: Magana atandatu na mirongo itandatu n'umunani

669: Magana atandatu na mirongo itandatu n'ikenda

670: Magana atandatu na mirongo irindwi

671: Magana atandatu na mirongo irindwi na rimwe

672: Magana atandatu na mirongo irindwi na kabiri

673: Magana atandatu na mirongo irindwi na gatatu

674: Magana atandatu na mirongo irindwi na kane

675: Magana atandatu na mirongo irindwi na gatanu

c) 595: Magana atanu mirongo kenda na gatanu

596: Magana atanu mirongo kenda na gatandatu

597: Magana atanu mirongo kenda na karindwi

598: Magana atanu mirongo kenda n'umunani

599: Magana atanu mirongo kenda n'ikenda

600: Magana atandatu

601: Magana atandatu na rimwe

602: Magana atandatu na kabiri

603: Magana atandatu na gatatu

604: Magana atandatu na kane

605: Magana atandatu na gatanu

d) 846: Magana inani na mirongo ine na gatandatu

847: Magana inani na mirongo ine na karindwi

848: Magana inani na mirongo ine n'umunani

849: Magana inani na mirongo ine n'icyenda

850: Magana inani na mirongo itanu

851: Magana inani na mirongo itanu na rimwe

852: Magana inani na mirongo itanu na kabiri

853: Magana inani na mirongo itanu na gatatu

854: Magana inani na mirongo itanu na kane

855: Magana inani na mirongo itanu na gatanu

856: Magana inani na mirongo itanu na gatandatu

e) 968: Magana kenda na mirongo itandatu n'umunani

969: Magana kenda na mirongo itandatu n'ikenda

970: Magana kenda na mirongo irindwi

971: Magana kenda na mirongo irindwi na rimwe

972: Magana kenda na mirongo irindwi na kabiri

973: Magana kenda na mirongo irindwi na gatatu

974: Magana kenda na mirongo irindwi na kane

975: Magana kenda na mirongo irindwi na gatanu

976: Magana kenda na mirongo irindwi na gatandatu

977: Magana kenda na mirongo irindwi na karindwi

978: Magana kenda na mirongo irindwi n'umunani

Igikorwa cya 12 ku rupapuro rwa 92 mu gitabo cy'umunyeshuri

a) 725: Magana arindwi makumyabiri na gatanu

b) 875 : Magana inani na mirongo irindwi na gatanu

c) 998 : Magana kenda na mirongo kenda n'umunani

d) 693 : Magana atandatu na mirongo kenda na gatatu

Igikorwa cya 13 ku rupapuro rwa 93 mu gitabo cy'umunyeshuri

a) Magana atandatu mirongo inani:680

b) Magana inani na mirongo itatu: 830

c) Magana atanu na gatanu : 505

Igikorwa cya 14 ku rupapuro rwa 93 mu gitabo cy'umunyeshuri

500	510	520	530	540	550	560	570	580	590	600
850	855	860	865	870	875	880	885	890	895	1000
600	610	620	630	640	650	660	670	580	690	700
700	690	680	670	660	650	640	630	620	610	600
900	905	910	915	920	925	930	935	940	945	950
600	590	580	570	560	550	540	530	520	510	500
900	910	920	930	940	950	960	970	980	990	1000
550	560	570	580	590	600	610	620	630	640	650
650	660	670	580	690	700	710	720	730	740	750
750	760	770	780	790	800	810	820	830	840	850
950	955	960	965	970	975	980	985	990	995	1000

Gusesengura imibare kuva kuri 0 kugera kuri 999

Igikorwa cya 1 ku rupapuro rwa 94 mu gitabo cy'umunyeshuri.

	Umubare	Ibinyajana (j)	Ibinyacumi (c)	Ibinyabumwe (b)
a	523	5	2	3
b	822	8	2	2
c	745	7	4	5
d	627	6	2	7
e	943	9	4	3
f	837	8	3	7
g	933	9	3	3
h	513	5	1	3
i	584	5	8	4
j	649	6	4	9
k	769	7	6	9
l	827	8	2	7
m	998	9	9	8
	734	7	3	4

Igikorwa cya 2 ku rupapuro rwa 94 mu gitabo cy'umunyeshuri

a) 487= j4 c8 b7

d) 641= j6 c4 b1

g) 719 = j7 c1 b9

b) 814 = j8 c1 b4

e) 917 = j9 c1 b7

h) 680 = j6 c8 b0

c) 715= j7 c1 b5

f) 868 = j7 c1 b8

i) 919 = j9 c1 b9

Igikorwa cya 3 (ku rupapuro rwa 94 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) c 7 j 1 b 3 = 173 | d) c 8 j 3 b 2 = 382 | g) j 6 b 5 c 4 = 645 |
| b) j 8 c 2 b 5 = 825 | e) j 2 c 7 b 5 = 275 | h) b 8 j 4 c 0 = 408 |
| c) j 9 c 5 b 6 = 956 | f) j 2 c 7 b 6 = 276 | i) j 5 b 9 c 1 = 519 |

Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 999

Igikorwa cya 2 (ku rupapuro rwa 95 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | |
|--------------|--------------|
| a) 915 < 835 | c) 579 = 579 |
| b) 758 > 681 | d) 793 < 900 |

Igikorwa cya 4 (ku rupapuro rwa 96 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|--------------|--------------|--------------|
| a) 625 < 700 | d) 697 < 800 | g) 625 < 800 |
| b) 700 < 810 | e) 950 > 800 | h) 700 > 697 |
| c) 625 < 810 | f) 700 < 800 | i) 950 > 810 |

Reka nkore kugereranya (ku rupapuro rwa 96 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | | |
|--------------|--------------|--------------|--------------|
| a) 649 < 946 | d) 790 > 604 | g) 922 > 627 | j) 654 < 849 |
| b) 836 < 967 | e) 831 > 528 | h) 501 < 601 | k) 881 > 813 |
| c) 763 > 531 | f) 745 = 745 | i) 742 > 627 | l) 729 = 729 |

Gutondeka imibare kuva kuri 0 kugera ku 999

Igikorwa cya 3 (ku rupapuro rwa 97 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|------------------|------------------|------------------|
| a) 542, 603, 745 | c) 598, 612, 947 | e) 658, 777, 831 |
| b) 784, 835, 910 | d) 623, 756, 882 | f) 177, 717, 771 |

Igikorwa cya 3 cyo (ku rupapuro rwa 97 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|------------------|------------------|------------------|
| a) 830, 745, 522 | e) 637, 556, 524 | i) 942, 924, 908 |
| b) 953, 848, 600 | f) 990, 799, 673 | j) 793, 739, 709 |
| c) 779, 615, 500 | g) 672, 621, 612 | k) 672, 627, 607 |
| d) 932, 854, 728 | h) 863, 836, 806 | l) 594, 549, 509 |

Guteranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 999

Guteranya mu mutwe

Igikorwa cya 1 cyo ku rupapuro rwa 99 mu gitabo cy'umunyeshuri

- | | | |
|-------------------|-------------------|-------------------|
| a) 500 + 50 = 550 | d) 650 + 50 = 700 | g) 600 + 50 = 650 |
| b) 500 + 20 = 520 | e) 800 + 50 = 850 | h) 850 + 50 = 900 |
| c) 720 + 30 = 750 | f) 750 + 50 = 800 | i) 900 + 80 = 980 |

Igikorwa cya 2 cyo ku rupapuro rwa 99 mu gitabo cy'umunyeshuri

- | | | | |
|--------|--------|--------|--------|
| a) 700 | b) 990 | c) 800 | d) 800 |
|--------|--------|--------|--------|

Iteranya ritabitsa

Igikorwa cya 3 cyo (ku rupapuro rwa 100 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $521 + 425 = 946$ | c) $614 + 214 = 828$ | e) $553 + 421 = 974$ |
| b) $432 + 335 = 767$ | d) $802 + 102 = 904$ | f) $644 + 320 = 964$ |

Igikorwa cya 4 (ku rupapuro rwa 100-101 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $523 + 475 = 998$ | d) $347 + 551 = 898$ | g) $682 + 216 = 898$ |
| b) $635 + 262 = 897$ | e) $752 + 245 = 997$ | h) $591 + 406 = 997$ |
| c) $712 + 277 = 989$ | f) $664 + 325 = 989$ | i) $615 + 381 = 996$ |

Igikorwa cya 5 (ku rupapuro rwa 101 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $842 = 632 + 201$ | d) $634 = 301 + 333$ | g) $227 + 420 = 647$ |
| b) $578 = 323 + 255$ | e) $546 = 203 + 343$ | h) $418 + 381 = 799$ |
| c) $678 = 312 + 366$ | f) $738 = 200 + 538$ | i) $530 + 105 = 635$ |

c. Iteranya ribitsa

Igikorwa cya 6 (ku rupapuro rwa 101-102 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $625 + 167 = 792$ | d) $617 + 175 = 792$ | g) $376 + 128 = 504$ |
| b) $534 + 148 = 682$ | e) $415 + 228 = 643$ | h) $518 + 315 = 833$ |
| c) $446 + 229 = 675$ | f) $523 + 228 = 751$ | i) $392 + 278 = 670$ |

Reka nkoreshe imbonerahamwe y'ibara nteranye

(ku rupapuro rwa 102 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $520 + 258 = 778$ | e) $737 + 126 = 863$ | i) $489 + 227 = 716$ |
| b) $277 + 496 = 773$ | f) $588 + 145 = 733$ | j) $565 + 208 = 773$ |
| c) $539 + 143 = 682$ | g) $449 + 336 = 785$ | k) $834 + 128 = 962$ |
| d) $685 + 146 = 831$ | h) $673 + 149 = 822$ | l) $798 + 186 = 984$ |

Amahurizo yo guteranya imibare (ku rupapuro rwa 103 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. Bakoresheje impapuro 899 ($534 + 365 = 899$)
2. Bakoresheje impapuro 989 ($450 + 539 = 989$)
3. Harimo abacuruzi 999 ($723 + 276 = 999$)

Gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera 999

Gukuramo imibare mu mutwe

Igikorwa cya 1 (ku rupapuro rwa 103 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|---------------------|---------------------|---------------------|
| a) $800 - 50 = 750$ | d) $600 - 50 = 550$ | g) $850 - 50 = 800$ |
| b) $900 - 50 = 850$ | e) $500 - 50 = 450$ | h) $650 - 50 = 600$ |
| c) $700 - 50 = 650$ | f) $950 - 50 = 900$ | i) $450 - 50 = 400$ |

Ikuramo ridatira

Igikorwa cya 3 (ku rupapuro rwa 104 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $875 - 365 = 510$ | c) $787 - 242 = 545$ | e) $584 - 272 = 312$ |
| b) $964 - 538 = 426$ | d) $649 - 615 = 34$ | f) $938 - 752 = 186$ |

Igikorwa cya 4 (ku rupapuro rwa 104-105 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $986 - 275 = 711$ | d) $687 - 351 = 336$ | g) $987 - 216 = 771$ |
| b) $864 - 162 = 702$ | e) $648 - 145 = 503$ | h) $896 - 154 = 742$ |
| c) $789 - 177 = 612$ | f) $763 - 252 = 511$ | i) $786 - 473 = 313$ |

Ikuramo ritira

Igikorwa cya 5 (ku rupapuro rwa 105 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $651 - 246 = 405$ | d) $774 - 359 = 415$ | g) $577 - 228 = 349$ |
6.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatandatu (Urupapuro rwa 157 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. Subiza yego cyangwa oya
 - a. Litiro ni urugero fatizo mu ngero z'ibitembabuzi ? Yego
 - b. Iyo upima uburebure bw'umurima ukoresha litiro (ℓ)? Oya
 - c. Litiro (ℓ) ikoresheya iyo upima ibisukika nk'amazi n'umutobe? Yego

d. Iyo upima ibitembabuzi ukoresha umunzani?Oya

2. *Koresha <, < na = ugereranye ingero z'ibitembabuzi zikurikira*
- a. $\text{ℓ } 586 < \text{ℓ } 856$ c. $\text{ℓ } 287 = \text{ℓ } 287$
b. $\text{ℓ } 549 > \text{ℓ } 478$ d. $\text{ℓ } 918 > \text{ℓ } 908$
2. *Tondeka uherye ku rugero ruto ujya ku runini*
 $\text{ℓ } 785, \text{ℓ } 758, \text{ℓ } 857, \text{ℓ } 875, \text{ℓ } 578, \text{ℓ } 587$
 $\text{ℓ } 578, \text{ℓ } 587, \text{ℓ } 758, \text{ℓ } 785, \text{ℓ } 857, \text{ℓ } 875$
3. *Tondeka uherye ku rugero runini ujya ku ruto*
 $\text{ℓ } 908, \text{ℓ } 890, \text{ℓ } 980, \text{ℓ } 809$ $\text{ℓ } 980, \text{ℓ } 908, \text{ℓ } 890, \text{ℓ } 809$
4. *Shaka igisubizo gikwiye ukoresheje ikimenyetso wahawe*
- a. $\text{ℓ } 548 + \text{ℓ } 387 = \text{ℓ } 935$
b. $\text{ℓ } 978 - \text{ℓ } 789 = \text{ℓ } 189$
c. $\text{ℓ } 720 : 4 = \text{ℓ } 180$
d. $\text{ℓ } 81 \times 5 = \text{ℓ } 405$
5. *Mu ngunguru harimo litiro (ℓ)975 z'amazi bamesheshaho litiro (ℓ)789. Hasigayemo litiro(ℓ) zingahe?*
Litiro (ℓ) zasigayemo ni ℓ 421 (ℓ 975 - ℓ 789 = ℓ 421)
6. *Karabo arashaka kuvana ℓ20 z'amata mu ijerikani akazishyira mu tujerikani twa litiro (ℓ) 5 kamwe kamwe. Azayashyira mu tujerikani tungahe?*
Umubare w'utujerikani ni 4 (ℓ20: 5 = 4)
7. *Ikigega cy'amazi cyuzuzwa n'ingunguru 6 . Shaka umubare wa litiro (ℓ) zijya muri icyo kigega niba buri ngunguru ijyamo litiro (ℓ) 91.*
Umubare wa litiro(ℓ) zijya muri icyo kigega ni 1546 (ℓ91 x 6 = ℓ546)

UMUTWE WA 7

Urugero fatizo rw'ingero z'uburemere “kg”

7.1. Amasomo ari mu mutwe wa 7

Umubare	Isomo
1	Amoko y'iminzani
2	Gupima uburemere ukoresheje iminzani itandukanye
3	Akamaro k'ingero z'uburemere n'inkuru ku ngero z'uburemere
4	Kugereranya ingero z'uburemere
5	Guteranya ingero z'uburemere
6	Amahurizo yo guteranya ingero z'uburemere
7	Gukuramo ingero z'uburemere
8	Amahurizo yo gukuramo ingero z'uburemere
9	Gukuba ingero z'uburemere n'umubare ushyitse
10	Amahurizo yo gukuba ingero z'uburemere
11	Kugabanya ingero z'uburemere
12	Amahurizo yo kugabanya ingero z'uburemere
Igiteranyo	12

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gupima, kugereranya, guteranya no gukuramo uburemere bw'ibintu batarenza kg10

Amasomo 12 (urup rwa 158– 168 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Intego z'isomo

Ubumenyi

- Gutahura inshoza y'uburemere bwa kiogarama (kg)
- Kwandika no gusoma kg nk'urugero fatizo rw'ingero z'uburemere
- Gutandukanya ibintu binyuranye akurikije uburemere bwabyo

Ubumenyigiro

- Gupima uburemere bw'ibintu binyuranye batarenza ibiro 10
- Kugereranya uburemere bw'ibintu binyuranye

- Kwandika uburemere bw'ibintu yapimye muri kg
- Gukora amahurizo yo guteranya , gukuramo, kukuba no kugabanya ingero z'uburemere muri kg

Ubukeshwa

Kwiyumvisha impamvu “kg” ikoresheya mu gupima uburemere no kugaragaza ubunyangamugayo mu gupima.

Imfashanyigisho

Iminzani inyuranye, amabuye bapimisha, ibikoresho byo gupima binyuranye.

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'imibare y'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Kwerekana imfashanyigisho no kuyobora abanyeshuri mu kiganiro kiganisha ku ivumburawa ry'umutwe w'isomo . Muri iki gice abanyeshuri ubwabo batanga ingero z'ibintu bipimishwa kg.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Gupima “kg” zitarenze 10
- Gusobanura uko bapimisha iminzani itandukanye.
- Kugereranya uburemere

bw'ibintu binyuranye.

- Kuyobora udukuru tujyanye n'ingero z'uburemere muri Kg.
- Kuyobora abanyeshuri bakamenya gupimisha ibikoresho binyuranye bakoresha umunzani.
- Abayobora mu gikorwa cyo gusobanura byimbitse uko bapima uburemere bw'ibikoresho binyuranye bakoresheje ubwoko butandukanye bw'iminzani.
- Abaha amabwiriza akwiriye gukurikizwa igihe bapima uburemere bw'ibintu bitandukanye kuva kuri kg1 kugeza kuri kg10
- Imikoreshereze y'ikuramo, iteranya n'ikuba ry'uburemere mu buzima bwa buri muni.
- Amahurizo yo gukuramo, guteranya, kukuba no kugabanya uburemere mu buzima bwa buri muni.
- Gutegura imfashanyigisho zihagiye zatuma umunyeshuri ubwe apima uburemere bw'ibintu bitandukanye akoresheje umunzani.
- Kubayobora bagakora imyitozo yo gutondekanya no kugereranya uburemere bw'ibikoresho binyuranye.
- Kubategurira amahurizo yo guteranya, gukuramo, kukuba no kugabanya muri kilogarama (kg) bakayakora mu matsinda.

- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora imyitozo n'ibigibwaho impaka.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko buri wese yakora amahurizo yo guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya ibintu bipimye muri kilogarama (kg).
- Abaha umwanya bakaganira ku kamoro ka kilogarama (kg) nk'urugero fatizo mu ngero z'uburemere mu gupima uburemere bw'ibintu binyuranye bahura nabyo mu buzima bwa buri muni.
- Abajyana mu rugendoshuri bagasura ahantu bakoresha iminzani mu gupima uburemere bw'ibintu binyuranye nko mu isoko, mu iduka,...

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanzwe n'umwarimu
- Kubaza ibyo adasobanukiwe
- Kugira uruhare rufatika mu gusobanura akamoro ka kilogarama nk'urugero fatizo mu gupima uburemere bw'ibintu binyuranye.
- Kugira uruhare rufatika mu gukora amahurizo yo guteranya, gukuramo, gukuba

no kugabanya muri kilogarama(kg).

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no gupima uburemere bw'ibintu no kugereranya.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma imibare irimo urugero fatizo rw'ingero z'uburemere.
- Kugira amatsiko yo kwiyoungura ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

a. Ubumenyi

nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatuma neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka

agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburinganire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
- *Gufata neza ibidukikije:* Bugaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- *Umuco w'amahoro:* Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we.
- *Kuzigama:* Bagira umuco wo gushishoza bakagura ibifite ibipimo byuzuye.
- *Ubuziranenge:* Gutandukanya iminzani itanusura
- b. *Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo***
- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko bapima uburemere bw'ibintu bitandukanye bakoresheje umunzani.
- Gutegura urugendoshuri aho abanyeshuri basura ahantu bakoresha iminzani

itandukanye bapima uburemere bw'ibintu.

- Kuyobora ibiganiro mu matsinda aho abanyeshuri baganira ku kamaro gupima uburemere bw'ibintu binyuranye uguze cyangwa uburemere bwawe ubwawe.
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.

Imyitozo y'inyongera n'ibisubizo byayo

- a) Koresha $>$, $<$ na $=$
 - 1) $\text{kg}125 < \text{kg}848$
 - 2) $\text{kg} 437 < \text{kg}569$
 - 3) $\text{kg}913 > \text{kg}183$
 - 4) $\text{kg}929 > \text{kg}725$
 - 5) $\text{kg}487 < \text{kg}496$
 - 6) $\text{kg}592 < \text{kg}875$
- b) Tondeka uherye ku biremereye gahoro ujya ku biremereye cyane
 - 1) $\text{kg}218, \text{kg}547, \text{kg}91, \text{kg}543$
Igisubizo: $\text{kg} 91, \text{kg} 218, \text{kg} 543, \text{kg} 547$
 - 2) $\text{kg}339, \text{kg}624, \text{kg}257, \text{kg}666$
Igisubizo: $\text{kg} 257, \text{kg} 339, \text{kg} 624, \text{kg} 666$
 - 3) $\text{kg}496, \text{kg}767, \text{kg}362, \text{kg}754$
Igisubizo: $\text{kg} 362, \text{kg} 496, \text{kg} 754, \text{kg} 767$
 - 4) $\text{kg}475, \text{kg}881, \text{kg}419, \text{kg}898$
Igisubuzo: $\text{kg} 419, \text{kg} 475, \text{kg} 881, \text{kg} 898$

c) Tondeka uhereye ku biremereye cyane ujya ku biremereye gahoro

1) kg251,kg687, kg238, kg692

Igisubizo: kg251, kg238, kg687, kg692

2) kg382, kg756,kg389,kg723

Igisubizo: kg382, kg389, kg723, kg756

3) kg493,kg875, kg411, kg884

Igisubizo: kg411, kg493, kg875, kg884

4) kg584, kg948, kg593, kg981

Igisubizo: kg584, kg593, kg948, kg981

d) Kora imyitozo ikurikira.

1) kg 247 +kg 443 = kg 690

2) kg 534 +kg 353 = kg 887

3) kg 112 +kg 882= kg 994

4) kg 255 +kg 144= kg 399

5) kg 157 + kg 143 = kg 300

6) kg 142 x 2= kg 284

7) kg 109 – kg 81 = kg 28

8) kg 280 – kg 219 = kg 61

9) kg 495 : 3 = kg165

10) kg 181 x 5= kg 905

11) kg 555 : 5= kg 111

12) kg133x 3 = kg 399

f) Vuga ibintu 3 bakunze gupimisha“kilogarama” nk’urugero fatizo rw’ ingero z’uburemere. Ibiribwa,imiti,ibitabo,...

g) Ese kwiga ingero z’uburemere bifite akamaro?Kavuge

- Ingero z’uburemere zituma tumenya uburemere bw’ibintu bitandukanye bityo igihe tugura cyangwa tugurisha tukamenyaburemere bw’ibyo tuguze cyangwa tugurishije.

- Ingero z’uburemere zituma tumenya ibiro dufite bityo tugafata umugambi wo kubigabanya cyangwa kubyongera.

h) Kalisa yaguze kg18 z’isukari naho mama we agura kg12. Bombi bafite kg zingahe z’isukari?

Igisubizo:

Bombi bafite kg 18 + kg 12 = kg 30

2. Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe

Gupima, kugereranya, guteranya no gukuramo uburemere bw’ ibintu batarenza kg10.

j) Kaneza afite kg 600 z’umuceri naho Kamana afite kg250. Bombi bafite kg zingahe?

Igisubizo: Bombi bafite

kg = kg600 + kg 250 = kg 850

Umukoro

Muganire n’ababyeyi ku kamaro k’ingero z’uburebure mu gupima uburemere bw’ibintu bitandukanye.

7.2. Ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa karindwi

Kugereranya ingero z'uburemere

Igikorwa cya 3 (ku rupapuro rwa 162 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) kg 51 > kg 42 c) kg 354 > kg 345 e) kg 176 < kg 526
b) kg 23 < kg 172 d) kg 252 > kg 157 f) kg 179 = kg 179

Gutondeka ingero z'uburemere

Igikorwa cya 3 (ku rupapuro rwa 163 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) kg21, kg 26, kg 51 c) kg 24, Kg 31, kg47 e) kg 28, kg 40, Kg 52
b) Kg12, kg 21, kg 81 d) kg 25, Kg 27, kg42 f) kg 32, kg 51, Kg 57

Igikorwa cya 4 ku rupapuro rwa 163 mu gitabo cy'umunyeshuri

- a) kg 27, kg 15, kg 12 c) kg 75, Kg 31, Kg 28 e) kg 37, kg 27, kg 25
b) kg 82, kg 21, kg 18 d) kg52, Kg 29, Kg 24 f) kg72, kg 23, kg 15

Guteranya ingero z'uburemere

Reka dukore dukurikije urugero twahawe ku rupapuro rwa 163 - 164 mu gitabo cy'umunyeshuri

- a) kg 81 + kg 11 = Kg 99 d) kg 73 + Kg 36 = kg 109
b) kg 33 + kg 82 = Kg 121 e) kg 167 + Kg 87 = kg 254
c) kg 128 + Kg 196 = Kg 324 f) kg 234 + Kg 85 = kg 319

Amahurizo yo guteranya ingero z'uburemere

Reka dukore amahurizo dukurikije urugero twahawe ku rupapuro rwa 164 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Bombi bazigamyeye kg 27 ni ukuvuga kg 12 + kg 15 = kg 27
2. Yacurujye kg 75 ni ukuvuga kg 50 + kg 25 = kg 75
3. Ku munsu turya kg 9 ni ukuvuga kg 5 + kg 4 = kg 9
4. Ku munsu acuruzaga kg 40 ni ukuvuga kg 15 + kg 25 = kg 40

Gukuramo ingero z'uburemere

Reka dukore dukurikije urugero twahawe ku rupapuro rwa 165 mu gitabo cy'umunyeshuri

- a) kg 54 – kg 29 = kg 25 d) kg 215 – kg 59 = kg 156
b) kg 121 – kg 98 = kg 23 e) kg 217 – kg 191 = kg 26
c) kg 324 – kg 179 = kg 145 f) kg 546 – kg 329 = kg 217

Amahurizo yo gukuramo ingero z'uburemere

Reka dukore dukurikije urugero twahawe ku rupapuro rwa 165 – 166 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Yasigaranye kg 75 ($\text{kg } 150 - \text{kg } 75 = \text{kg } 75$)
2. Yasigaranye kg 117 ($\text{kg } 247 - \text{kg } 130 = \text{kg } 117$)

Gukuba ingero z'uburemere

Reka dukore dukurikije urugero twahawe ku rupapuro rwa 165 mu gitabo cy'umunyeshuri

- | | |
|--------------------------------------|--------------------------------------|
| a) Kg $42 \times 3 = \text{kg } 126$ | d) Kg $52 \times 4 = \text{kg } 208$ |
| b) Kg $93 \times 2 = \text{kg } 186$ | e) Kg $51 \times 5 = \text{kg } 255$ |
| c) Kg $81 \times 6 = \text{kg } 486$ | f) Kg $21 \times 6 = \text{kg } 126$ |

Amahurizo yo gukuba ingero z'uburemere

Reka dukore dukurikije urugero twahawe ku rupapuro rwa 166 – 167 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Mu minsi 3 duteka kg 18 ($\text{kg } 6 \times 3 = \text{kg } 18$)
2. Nagenda inshuro 3 azatwara kg 183 ($\text{kg } 61 \times 3 = \text{kg } 183$)
3. Mu minsi 10 azakoresha kg 310 ($\text{kg } 31 \times 10 = \text{kg } 310$)

Kugabanya ingero z'uburemere

Reka dukore dukurikije urugero twahawe ku rupapuro rwa 166 mu gitabo cy'umunyeshuri

- | | | |
|----------------------------------|----------------------------------|----------------------------------|
| a) Kg $4 : 2 = \text{kg } 2$ | g) Kg $864 : 6 = \text{kg } 144$ | m) Kg $216 : 3 = \text{kg } 72$ |
| b) Kg $84 : 4 = \text{kg } 21$ | h) Kg $624 : 6 = \text{kg } 104$ | n) Kg $486 : 2 = \text{kg } 243$ |
| c) Kg $75 : 5 = \text{kg } 15$ | i) Kg $66 : 6 = \text{kg } 11$ | o) Kg $369 : 3 = \text{kg } 123$ |
| d) Kg $95 : 5 = \text{kg } 19$ | j) Kg $99 : 3 = \text{kg } 33$ | p) Kg $848 : 4 = \text{kg } 212$ |
| e) Kg $220 : 4 = \text{kg } 55$ | k) Kg $35 : 5 = \text{kg } 7$ | |
| f) Kg $655 : 5 = \text{kg } 131$ | l) Kg $624 : 6 = \text{kg } 104$ | |

Amahurizo yo kugabanya ingero z'uburemere

Reka dukore dukurikije urugero twahawe ku rupapuro rwa 168 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Buri muntu uzahabwa kg 90 ni ukuvuga kg $450 : 5 = \text{kg } 90$
2. Buri wese yatahanye kg 82 ni ukuvuga kg $328 : 4 = \text{kg } 82$
3. Buri mufuka uzajyamo kg 71 ni ukuvuga kg $284 : 4 = \text{kg } 71$
4. Buri mwana yawuhaye kg 12 ni ukuvuga kg $48 : 4 = \text{kg } 12$
5. Buri munsu duteka kg 6 ni ukuvuga kg $30 : 5 = \text{kg } 6$

7.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 7 (Ku rupapuro rwa 169 – 170 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. *Subiza yego cyangwa oya*
 - a. Kilogarama ni urugero fatizo mu ngero z'uburemere. Yego
 - b. Kirogarama ikoreshwa mu gupima ibitembabuzi.Oya
 - c. Iyo ushaka kumenya uburemere bw'ikintu ukoresha litiro.Oya
2. *Amoko y'iminzani :*
 - Umunzani w'amabuye
 - Umunzani w'isaha
 - Umunzani wa gakwege
3. *Koresha $<$, $< na =$ ugereranye ingero z'uburemere zikurikira*
 - a. Kg 721 $>$ kg 271 c. Kg 974 = kg 974 e. Kg 582 $>$ kg 532
 - b. Kg 657 $<$ kg 756 d. Kg 567 $<$ kg 765 f. Kg 659 $>$ kg 559
4. *Tondeka uhareye ku rugero ruto ujya ku runini*

kg 478, kg 874, kg 487, kg 784, kg 847, kg 748
kg 478, kg 487, kg 748, kg 784, kg 847, kg 874
5. *Tondeka uhareye ku rugero runini ujya ku ruto*

kg 836, kg 368, kg 638, kg 863, kg 386, kg 683
kg 863, kg 836, kg 683, kg 638, kg 386, kg 368
6. *Kora izi ngero z'uburemere nkuko wabisabwe*
 - a. Kg 645 + kg 294 = kg 939 e. Kg 995: 5 = kg 199
 - b. Kg 809 + kg 178 = kg 987 f. Kg 960: 6 = kg 160
 - c. Kg 738 – kg 598 = kg 140 g. Kg 92 x 4 = kg 368
 - d. Kg 696 – kg 467 = kg 229 h. Kg 72 x 3 = kg 216
7. *Amahurizo*
 - a. Kg za sima yaranguye kg 300 ni ukuvuga kg 50 x 6 = kg 300)
 - b. Ubwo buri mwana yatwaye kg 17 ni ukuvuga kg 85: 5 = kg 17)
 - c. Mu bihembwe bitatu twasariye kg 953 ni ukuvuga
(kg 356 + kg 278 + kg 319 = kg 953)
 - d. Mu bubiko hasigayemo kg 348 ni ukuvuga
(kg 895 – kg 547 = kg 348)
 - e. Muri iyo myaka ibiri nasariye kg 400 ni ukuvuga
(kg 215 + kg 185 = kg 400)
 - f. Buri rugo uzaruha kg 118 z'isukari ni ukuvuga (kg 472: 4 = kg 118)
 - g. Bombi bapima kg100 ni ukuvuga (kg 45 + kg 55 = kg 100)

UMUTWE WA 8

Amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1kugera ku F1000

8.1. Amasomo ari mu mutwe wa 8

Umubare	Isomo
1	Ibiranga amafaranga y'u Rwanda
2	Akamaro k'amafaranga
3	Uko amafaranga aboneka
4	Kugura no kugurisha
5	Kuvunjisha amafaranga y'u Rwanda
6	Gukora urutonde rw'ibyo ugura mbere yo kubigura
7	Gukoresha no gufata neza amafaranga
8	Umuco wo kuzigama
9	Uburyo bwo gukora umushinga uciriritse
10	Kugereranya amafaranga atarenze 1000
11	Guteranya no gukuramo amafaranga atarenga 1000
12	Gukuba no kugabanya amafaranga atarenga 1000
13	Amahurizo yo guteranya no gukuramo amafaranga atarenga 1000
14	Amahurizo yo gukuba no kugabanya amafaranga atarenga 1000
Igiteranyo	12

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kubara no kuvunja amafaranga y'u Rwanda atarenze 1000

Amasomo 12 (*urup rwa 172 – 186 mu gitabo cy'umunyeshuri*)

Intego z'isomo

Ubumenyi

- Gutandukanya no kugaragaza agaciro k' amafaranga y'u Rwanda kuva kuri 1kugera ku1000

- Kumva agaciro k'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri 1kugera ku 1000

Ubumenyigiro

- Kubara amafaranga atarenze F1000
- Gukoresha amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F1000 mu igura n'igurisha no kuyavunja
- Gukora gahunda y'uko yakoresha amafaranga atarenze F 1000 no kugaragaza ibyo yakora ngo azigame.

Ubukeshya

- Kugira umuco wo gukoresha amafaranga neza biyanye n'ubushobozi bwa buri muntu.
- Kugaragaza umuco w'ubunyangamugayo mu gukoresha amafaranga
- Kugaragaza umuco wo kuzigama no gukora udushinga duciriritse

Imfashanyigisho

Amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F1000, ibishushanyo n'amafoto by'amafaranga y'u Rwanda, ...

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'imibare y'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Kwerekana imfashanyigisho

no kuyobora abanyeshuri mu kiganiro kiganisha ku ivumburwa ry'umutwe w'isomo. Muri iki gice abanyeshuri ubwabo basobanura akamaro k'amafaranga.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Kwitegereza amafaranga y'u Rwanda bakavuga ibiyaranga
- Kugereranya amafaranga y'u Rwanda.
- Kugura no kugurisha (udukino turimo amazina akoreshwa mu bucuruzi nk'umucuruzi, umuguzi, umubitsi, umukozi, umukoresha,...)
- Gukora urutonde rw'ibintu bagiye kugura mbere yo kubigura
- Kuyobora ibiganiro bigaragaza uko amafaranga aboneka n'uko akoreshwa
- Guhorana umuco wo kuzigama no gukora udushinga duto
- Gutegura imfashanyigisho zihagije zatuma umunyeshuri ubwe ashobora gutandukanya no kugaragaza agaciro k'amafaranga y'u Rwanda.
- Kubayobora bagakora imyitozo yo gutondeka no kugereranya amafaranga y'u Rwanda
- Kuyobora abanyeshuri bagakora gahunda y'uko bakoresha amafaranga atarenze 1000.
- Abayobora mu gikorwa cyo gusobanura ibyo bakora ngo bizigamire.

- Abaha amabwiriza agomba gukurikizwa igihe bajya impaka ku buryo bagira umuco wo gukoresha amafaranga neza .
- Kubategurira amahurizo ku mafaranga y'u Rwanda atarenze F1000 yo gukora mu matsinda.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora imyitozo n'ibigibwaho impaka.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko buri wese yakora amahurizo yo guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya amafaranga y'u Rwanda.
- Abaha umwanya bakaganira ku buryo byo gukoresha amafaranga y'u Rwanda mu igura n'igurisha no kuyavunja .
- Abakinisha umukino wo kugura no kugurisha mu ishuri .

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanze n'umwarimu igihe bakora ibikorwa mu matsinda.
- Kubaza ibyo adasobanukiwe mbere yo kubikora .
- Kugira uruhare rufatika mu gusobanura agaciro k'amafaranga y'u Rwanda, kuyashaka no kuyazigama.

- Kugira uruhare rufatika mu gukorera hamwe n'abandi amahurizo yo guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya abantu amafaranga y'u Rwanda.

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo,
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye,
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no kuzigama no gukoresha neza amafaranga atayasesagura,
- Gukoresha invugo isobanutse igihe asoma imibare irimo amafaranga y'u Rwanda .
- Kugira amatsiko yo kwiungura ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera mwarimu asabwa kugira

Ubumenyi nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatuma neza n'abatabona neza akabicaza imbere,

byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburyanire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijamba.
- *Gufata neza ibidukikije:* Bigaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
- *Umuko w'amahoro:* Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we.
- *Umuko wo kuzigama:* Ugaragazwa no gusobanura uko bakoresha amafaranga.

Ibindi umwarimu ya kwitaho mu gihe yigisha aya masomo

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uburyo buboneye bwo gukoresha amafaranga y'u Rwanda .
- Gutegura ibikoreshe byose azifashisha ayobora umukino wo kugura no kugurisha .
- Kuyobora ibiganiro mu matsinda aho abanyeshuri baganira kuri gahunda y'uko bakoresha amafaranga neza.
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye

Imyitozo y'inyongera n'ibisubizo byayo

1. Vuga ibintu by'ingenzi biri ku mafaranga akurikira:
 - a. Inoti ya F 1000: Ikirangantego cy'u Rwanda n'ibara ry'ubururu.
 - b. Inoti ya F 500: Ikirangantego cy'u Rwanda na mudasobwa
 - c. Igicere cya F 100: Ikirangantego cy'u Rwanda n'ibara rya feza
2. Umuntu aguhaye F 1000 wayakoresha iki? Nayagura igitabo cyo gusoma.
3. Gisa afite F 500 kandi arashaka kugura kg 1 y'isukari igura F 900. Ubwo arabura amafaranga angahe?
Arabura $F 900 - F 500 = F 400$
4. Ingabire yari afite F 200 ageze mu nzira atoragura F500. Ubwo yagize amafaranga angahe?
Yagize $F 500 + F 200 = F 700$
5. Gabanya F500, ku buryo bungana abantu 5 F. Buri wese uzamuha F angahe? Buri wese nzamuha $F 500 : 5 = F 100$
6. Uzuza n'amafaranga abura
 - a) $F 1000 = F 500 + F 500$
 - b) $F 500 = F 200 + F 200 + F 100$
 - c) $F 100 = F 50 + F 50$
15. Niba ikaramu imwe igura F 90 ubwo amakaramu 6 yagura amafaranga angahe?
Igisubizo: Amakaramu 6 yagura $F = F 90 \times 6 = F 540$
16. Abana 4 bahawe F 800 na nyina wabo maze barayagabana buri wese yafashe angahe?
Igisubizo: $F 800 : 4 = 200$, yafashe 200.

8.2. Ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa munani

Imyitozo yo kwiibutsa F ku rupapuro rwa 171 – 172

Igikorwa cya 1 ku rupapuro rwa 171 mu gitabo cy'umunyeshuri.

- | | |
|----------------|-----------------|
| a) F 50 = F 50 | d) F 45 < F 70 |
| b) F 25 < F 35 | e) F 75 < F 100 |
| c) F 95 > F 85 | f) F 70 = F 70 |

Igikorwa cya 2 (ku rupapuro rwa 171 mu gitabo cy'umunyeshuri).

- a) F 75, F 50, F 90 $\longrightarrow$ F50, F75, F90
b) F 90, F 80, F 50 $\longrightarrow$ F90, F80, F50
c) F 100, F 20, F 60 $\longrightarrow$ F20, F 60, F100
d) F 60, F 100, F 70 $\longrightarrow$ F60, F70, F100
e) F 60, F 30, F 80 $\longrightarrow$ F80, F60, F30
f) F 40, F 70, F 20 $\longrightarrow$ F20, F 40, F70

Igikorwa cya 3 (ku rupapuro rwa 171 mu gitabo cy'umunyeshuri).

- a) F 75, F 50, F 90 $\longrightarrow$ F 90, F 75, F 50
b) F 90, F 80, F 50 $\longrightarrow$ F 90, F 80, F50
c) F 100, F 20, F 60 $\longrightarrow$ F100, F 60, F20
d) F 45, F 15, F 50 $\longrightarrow$ F 50, F 45, F 15
e) F 60, F 75, F 35 $\longrightarrow$ F 75, F 60, F 35
f) F 60, F 100, F 70 $\longrightarrow$ F 100, F 70, F60
g) F 60, F 30, F 80 $\longrightarrow$ F 80, F 60, F 30
h) F 40, F 70, F 20 $\longrightarrow$ F 70, F 40, F 20
i) F 25, F 100, F 65 $\longrightarrow$ F 100, F 65, F 25
j) F 70, F 35, F 90 $\longrightarrow$ F 90, F70, F35

Igikorwa cya 4 (ku rupapuro rwa 171 mu gitabo cy'umunyeshuri).

- | | |
|------------------------|-----------------------|
| a) F 35 + F 25 = F 60 | e) F 85 – F 45 = F 40 |
| b) F 25 + F 45 = F 70 | f) F 45 – F 35 = F 10 |
| c) F 55 + F 35 = F 90 | g) F 35 + F 45 = F 80 |
| d) F 75 + F 25 = F 100 | h) F 95 – F 65 = F 30 |

Amahurizo (ku rupapuro rwa 172 mu gitabo cy'umunyeshuri.)

1. Bazamugarurira = F 1000 – F 50 = F 50
2. Yose hamwe yagize F80 + F 20 = F 100
3. Yasigaranye F 100 – (F 50 + F 40) = F 10
4. Yakoresheje F 50 + F 20 = F 80

5. Yasigaranye F 100 – F 50 = F 50

Kugura no kugurisha

Igikorwa cya 1 ku rupapuro rwa 177 mu gitabo cy'umunyeshuri

- a) Azabigura F 300 (F 150 + F 150 = F 300)
- b) Yishyuye F 800 (F 700 + F 100 = F 800)
- c) Yamuhaye F 950 (F 300 + F 100 + F 550 = F 950)
- d) Yamuhaye F 650 (F 100 + F 550 = F 650)

Igikorwa cya 2 ku rupapuro rwa 177 mu gitabo cy'umunyeshuri

- a) Bazamugarurira F 750 – (F 200 + F 100) = F 450
- b) Bazamusubiza F 500 – (F 500 + F 50 = F 50)

Kuvunjisha F y'u Rwanda

Igikorwa cya 1 (ku rupapuro rwa 178 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) F 10 = F 5 + F 5
- b) F 20 = F 10 + F 10
- c) F 20 = F 5 + F 5 + F 5 + F 5
- d) F 50 = F 20 + F 20 + F 10
- e) F 100 = F 50 + F 50
- f) F 100 = F 20 + F 20 + F 20 + 20 + F 20
- g) F 500 = F 100 + F 100 + F 100 + F 100 + F 100

Igikorwa cya 2 (ku rupapuro rwa 179 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- a) F 1000 = F 500 + F 500
- b) F 100 = F 50 + F 50
- c) F 1000 = F 250 + F 250 + F 250 + F 250
- d) F 1000 = F 100 + F 100 + F 100 + F 100 + F 100 + F 100 + F 100 + F 100 + F 100 + F 100
- e) F 500 = F 50 + F 50 + F 50 + F 50 + F 50 + F 50 + F 50 + F 50 + F 50 + F 50
- f) F 100 = F 10 + F 10 + F 10 + F 10 + F 10 + F 10 + F 10 + F 10 + F 10 + F 10
- g) F 100 = F 25 + F 25 + F 25 + F 25

Gukora urutonde rw'ibintu ugura mbere yo kubigura

Igikorwa cya 3 (ku rupapuro rwa 180 mu gitabo cy'umunyeshuri)

F azakoresha yose hamwe ni F 900 (F 200 + F 200 + F 200 + F 300 = F 900)

Kugereranya F atarenze 1000

Igikorwa cya 1 (ku rupapuro rwa 184 mu gitabo cy'umunyeshuri)

- | | | |
|------------------|------------------|------------------|
| a) F 990 > F 750 | e) F 600 = F 600 | i) F 750 < F 850 |
| b) F 900 > F 100 | f) F 500 = F 500 | j) F 650 < F 750 |
| c) F 800 > F 200 | g) F 900 < F 980 | k) F 550 > F 350 |
| d) F 700 < F 900 | h) F 850 < F 950 | l) F 450 > F 400 |

Igikorwa cya 2 ku rupapuro rwa 184 mu gitabo cy'umunyeshuri

- | | |
|-------------------------|------------------------|
| a) F 50, F 100, F 250 | d) F150, F 300, F 450 |
| b) F 600, F 750, F 1000 | e) F 500, F650, F 750 |
| c) F 600, F 700, F 900 | f) F 250, F 850, F 950 |

Igikorwa cya 3 ku rupapuro rwa 184 mu gitabo cy'umunyeshuri

- | | | |
|------------------------|------------------------|------------------------|
| a) F 250, F 200, F100 | e) F 950, F 800, F 350 | i) F650, F550, F 150 |
| b) F 750, F 620, F 600 | f) F 500, F 450, F 150 | j) F 850, F 750, F 250 |
| c) F 900, F800, F700 | g) F 750, F 700, F 500 | |
| d) F 850, F 450, F 150 | h) F 950, F 850, F 380 | |

Guteranya no gukuramo F atarenga 1000

Igikorwa kiri ku rupapuro rwa 185 mu gitabo cy'umunyeshuri

- | | |
|--------------------------|---------------------------|
| a) F 150 + F 500 = F 650 | g) F 200 + F 800 = F 1000 |
| b) F 910 – F 500 = F 410 | h) F 900 – F 500 = F 400 |
| c) F 800 – F 200 = F 600 | i) F 250 + F 600 = F 850 |
| d) F 350 + F 450 = F 800 | j) F 500 + F 450 = F 950 |
| e) F 700 – F 600 = F 100 | k) F 600 – F 300 = F 300 |
| f) F 400 + F 500 = F 900 | l) F 950 – F 550 = F 400 |

Gukuba no kugabanya F atarenga 1000

Igikorwa kiri Ku rupapuro rwa 185 mu gitabo cy'umunyeshuri

- | | | |
|----------------------|------------------------|----------------------|
| a) F 100 x 2 = F 200 | g) F 65 x 10 = F 650 | m) F 200 x 4 = F 800 |
| b) F 80 : 4 = F 20 | h) F 324 : 4 = F 81 | n) F 60 x 6 = F 360 |
| c) F 300 : 3 = F 100 | i) F 250 : 5 = F 50 | o) F 550 : 5 = F 110 |
| d) F 120 x 4 = F 480 | j) F 100 x 4 = F 600 | p) F 100 x 6 = F 600 |
| e) F 200 x 3 = F 600 | k) F 100 x 10 = F 1000 | |
| f) F 100 x 5 = F 500 | l) F 440 x 2 = F 880 | |

Amahurizo yo guteranya no gukuramo amafaranga

Reka dukore dukurikije urugero twahawe ku rupapuro rwa 186 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Byose hamwe yabiguze F 550 n'ukuvuga ($F 350 + F 200 = F 550$)
2. Bamugaruriye F 200 n'ukuvuga ($F 500 - F 300 = F 200$)
3. Umutobe w'imbuta yawuguze F 700 n'ukuvuga ($F 900 - F 200 = F 700$)
4. Umugati yawuguze F 650 n'ukuvuga ($F 900 - F 250 = F 650$)
5. Byose yabiguze F 900 n'ukuvuga ($F 600 + F 300 = F 900$)

Amahurizo yo gukuba no kugabanya amafaranga

Reka dukore dukurikije urugero twahawe ku rupapuro rwa 187 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Buri wese azamuha F 200 n'ukuvuga ($F 800 : 4 = F 200$)

2. Buri wese azamuha F 300 n'ukuvuga ($F 900 : 3 = F 300$)

3. Nzishyura F400 n'ukuvuga ($F 200 \times 2 = F 400$)

4. Nakwishyura F 1000 n'ukuvuga ($F 100 \times 10 = F 1000$)

5. Azayagura F 600 n'ukuvuga ($F 100 \times 6 = F 600$)

8.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa munani (ku rupapuro rwa 188 – 189)

1. Subiza yego cyangwa oya

a. Amafaranga y'u Rwanda agizwe n'ibiceri gusa? Oya

b. Amafaranga y'u Rwanda agizwe n'inoti gusa? Oya

c. Amafaranga y'u Rwanda agizwe n'inoti n'ibiceri? Yego

d. Inoti n'ibiceri byose by'u Rwanda birimo ikirangantego? Yego

2. Uzuza n'amafaranga abura

a. $F 1000 = F 500 + F 500$

b. $F 100 = F 50 + F 20 + F 20 + F 10$

c. $F 50 = F 20 + F 10 + F 20$

3. Ca akaziga ku hantu umuryango wawe uvana amafaranga

Umushahara Uburobyi Impano

Ubuhinzi Ubucuruzi Ideni

Ubworozi Inkunga Ubukorokori

4. Koresha $>$, $<$ na $=$ ugereranye aya mafaranga

a. Inoti ya F 1000 = Inoti ebyiri za F 500

b. $F 300 >$ Ibiceri 2 bya F 100

5. Tondeka aya mafaranga uhereye ku make ujya ku menshi

a. F 650, F 900, F 750, F 800 $\longrightarrow$ F650, F750, F800, F900

b. F 400, F 700, F 650, F 300 $\longrightarrow$ F300, F400, F650, F700

6. Tondeka aya mafaranga uhereye ku make ujya ku menshi

a. F 450, F 550, F 350, F 250, F 650 $\longrightarrow$ F 650, F 550, F450, F 350, F250

b. F 850, F250, F 500, F950, F 400 $\longrightarrow$ F950, F850, F500, F400, F250

7. Andika umubare w'inoti cyangwa ibiceri biri mu mafaranga akurikira :

a. $F 1000 =$ Inoti 2 z'amafaranga F 500

b. $F 500 =$ Ibiceri 5 by'amafaranga F100

c. $F 100 =$ Ibiceri 5 by'amafaranga F 20

8. Amahurizo

a. Bamugaruriye F50 n'ukuvuga ($F 900 - F850 = F50$)

b. Byose hamwe yabiguze F n'ukuvuga $F 500 + F 200 + F 200 = F 900$

c. Buri wese nzamuha F 150 n'ukuvuga ($F750 : 5 = F 150$)

d. Mu minsi ibiri ategesha F 800 n'ukuvuga ($F 400 \times 2 = F 800$)

e. Nasigaranye F 200 n'ukuvuga ($F 950 - F 750 = F 200$)

UMUTWE WA 9

Isaha, amezi y'umwaka n'iminsi ya buri kwezi

9.1. Amasomo ari mu mutwe wa 9

Umubare	Amasomo
1	Gusoma isaha yerekanwe ku isaha y'inshinge
2	Gusoma isaha yerekanwe ku isaha y'imibare
3	Kuvuga igihe cyerekanwe n'amasaha atandukanye
4	Gusoma no kwandika isaha yuzuye
5	Gusoma no kwandika isaha irengaho iminota 30
6	Kuvuga igihe cyerekanwe n'isaha yuzuye cyangwa irengaho iminota 30
7	Iminsi igize icyumweru
8	Amezi agize umwaka
9	Ibyumweru bigize ukwezi n'ibigize umwaka
10	Ibikorwa ku ishuri n'isaha bikorerwa
11	Gukora gahunda y'ibikorwa by'umunsi
12	Gukora gahunda y'ibikorwa by'icyumweru
Igiteranyo	12

<, Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gusoma, kwandika no kuvuga isaha yuzuye n'isaha irengaho iminota 30.

Kuvuga amezi y'umwaka n' iminsi ya buri kwezi.

Amasomo 12 (urup rwa 189 – 203 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Intego z'isomo

Ubumenyi

- Gukurikiranya amasaha agize umunsi
- Kuvuga no kumenya iminsi y'icyumweru, iminsi igize buri kwezi n'amazina y'amezi agize umwaka.

Ubumenyingiro

- Gusoma no kuvuga igihe kerekamwa n'isaha y'inshinge cyangwa y'imibare.

- Gutandukanya amazina y'amezi y'umwaka uhereye ku mubare w'iminsi ya buri kwezi.
- Gusoma no kuvuga itariki ku ndangaminsi.
- Gukora no gutondeka ibikorwa by'umunsi uhereye ku bifite akamaro no gukora gahunda y'ibikorwa by'icyumweru.

Ubukeshya

- Guha agaciro igihe no kugikoresha neza.
- Kugaragaza gahunda mu buzima bwa buri munsi no kubahiriza igihe.

Imfashanyigisho

Isaha y' inshinge, isaha y'imibare cyangwa igishushanyo cyayo, indangaminsi,...

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'imibare y'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

Kwerekana imfashanyigisho no kuyobora abanyeshuri mu kiganiro kiganisha ku ivumburwa ry'umutwe w'isomo. Muri iki gice abanyeshuri ubwabo basobanura akamaro ko gukoresha igihe neza.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

Gufasha abanyeshuri mu bikorwa bikurira:

- Gukoresha isaha y'inshinge bakagaragaza urushinge rw'amasaha, iminota n'amasegonda
- Gusoma isaha yuzuye n'isaha irengaho iminota 30 hifashishijwe isaha y'inshinge, iy'imibare cyangwa ibishushanyo byazo
- Gushushanya amasaha ajyanye n'igihe cyatanzwe cyangwa guhuza ibishushanyo by'amasaha n'igihe cyatanzwe
- Kuyobora ibiganiro kubyo bakora ku isaha runaka igihe abanyeshuri bari ku ishuri
- Kwitegereza indangaminsi bakagaragaza ibyumweru by'ukwezi ,amezi y'umwaka n'iminsi ya buri kwezi.
- Gusoma indangaminsi bakavuga itariki
- Kubayobora bagakora gahunda y'ibikorwa by'icyumweru bahereye ku byo bakora buri munsi
- Gutegura imfashanyigisho zihagije zatuma umunyeshuri ubwe amenya amasaha agize umunsi, amezi agize umwaka, iminsi ya buri kwezi, iminsi y'umwaka, ibyumweru by'ukwezi n'iby'umwaka.
- Kubayobora bagakora imyitozo yogusoma no kuvuga itariki ku ndangaminsi
- Kuyobora abanyeshuri

bagakora gahunda y'ibikorwa by'icyumweru n'igihe kizakoreshwa.

- Abayobora mu gikorwa cyo gusobanura ibyo bakora ngo bage bubahirize igihe.
- Abaha amabwiriza agomba gukurikizwa igihe bajya impaka ku buryo bakwiye kujya bagira gahunda mu buzima bwa buri muni no kubahiriza igihe
- Kubategurira imyitozo yo gukora mu matsinda aho bavuga iminsi y'icyumweru, iminsi igize buri kwezi n'amazina y'amezi agize umwaka.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora imyitozo n'ibigibwaho impaka.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe basobanurirana uko buri wese yakora cyangwa yatondeka ibikorwa by'umunsi ahereye ku bifite akamaro no gukora gahunda y'ibikorwa bye by'icyumweru
- Abaha umwanya bakaganira ku kamaro ko guha agaciro igihe no kugikoresha neza.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanzwe n'umwarimu igihe

bakora ibikorwa mu matsinda.

- Kubaza ibyo adasobanukiwe mbere yo kubikora .
- Kugira uruhare rufatika mu gusobanura uko aha agaciro igihe n'uburyo agikoresha neza.
- Kugira uruhare rufatika mu gukorera hamwe n'abandi imyitozo ku minsi y'icyumweru, iminsi igize buri kwezi n'amazina y'amezi agize umwaka

Ubushobozi umunyeshuri yiyungura muri aya masomo

- Ubushishozi no kudahubuka igihe akora imyitozo,
- Gufatanya n'abandi igihe bakorera hamwe ibikorwa binyuranye,
- Kwikemurira ibibazo bijyanye no gukoresha neza igihe, kumenya igihe, iminsi n'amezi.
- Gukoresha imvugo isobanutse igihe asoma ibigize ingero z'igihe.
- Kugira amatsiko yo kwiyungura ubumenyi mu mibare

Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

Ubumenyi nsanganyamasomo buri muri aya masomo n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza:* Kwita ku

banyeshuri be bafite imbogamizi mu myigire yabo. Abafite impano yo gufata vuba cyane akabaha imyitozo y'inyongera iri muri iki gitabo. Abagenda buhoro akabaha imyitozo iringaniye. Abafite ubumuga akabitaho ku buryo bw'umwihariko, abatumva neza n'abatabona neza akabicaza imbere, byanashoboka agakoresha imfashanyigisho zabugenewe.

- *Uburinganire:* Bugaragazwa n'ukuntu abahungu n'abakobwa bakorana mu matsinda ,mu bindi bikorwa n'ukuntu bigana ntawe uhutaje undi cyangwa ngo amunigane ijambo.
 - *Gufata neza ibidukikije:* Bugaragazwa n'ukuntu abanyeshuri batangiza ibidukikije igihe bashaka ibibarisho.
 - *Umuco w'amahoro:* Gukangurira abanyeshuri kubana neza na bagenzi babo igihe bakorera hamwe mu matsinda n'uburyo buri wese yubaha uburenganzira bwa mugenzi we .
- Ibindi umwarimu yakwitaho mu gihe yigisha aya masomo***
- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri ntawe asize inyuma.
 - Gusobanura byimbitse uburyo buboneye bwo gukoresha neza igihe.

- Gutegura ibikoresho byose azifashisha yigisha abanyeshuri gusoma no kuvuga igihe cyerekamwa n' isaha y'inshinge cyangwa y' imibare.
- Kuyobora ibiganiro mu matsinda aho abanyeshuri baganira ku buryo buboneye bwo gukora no gutondeka ibikorwa by'umunsi bahereye kubifite akamaro no gukora gahunda y'ibikorwa by'icyumweru.
- Gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye

Imyitozo y'inyongera n'ibisubizo byayo

1. Umwaka ugira amezi 12 ariyo :
Mutarama
Gashyantare
Werurwe
Mata
Gicurasi
Kamena
Nyakanga
Kanama
Nzeri
Ukwakira
Ugushyingo
Ukuboza
2. Icyumweru kigira iminsi 7
3. Umwaka ugira iminsi 365
cyangwa 366
4. Ukwezi kugira ibyumweru 4

9.2. Ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa cyenda

Igikorwa cya 3 ku rupapuro rwa 191 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Ibice bigize umunsi ni bibiri: Ijoro n'amanywa
2. Umunsi utangira saa sita z'ijoro ukarangira saa sita z'ijoro rikurikiyeho
3. Isaha imwe igira iminota mirongo itandatu (60)

Igikorwa cya 4 (ku rupapuro rwa 191 mu gitabo cy'umunyeshuri)

Ni saa sita

Igikorwa cya 5 ku rupapuro rwa 192 mu gitabo cy'umunyeshuri

- | | | |
|----------------|-----------------|------------------|
| a. Ni saa moya | d. Ni saa kumi | g. Ni saa kenda |
| b. Ni saa yine | e. Ni saa yine | h. Ni saa munani |
| c. Ni saa sita | f. Ni saa mbiri | |

Imyitozo ku rupapuro rwa 193 mu gitabo cy'umunyeshuri

A: Saa kumi B : Saa munani C : Saa saba

Igikorwa cya 6 ku rupapuro rwa 193 mu gitabo cy'umunyeshuri

A: Saa sita n'igice B: Saa moya n'igice C: Saa kumi n'ebyeri
n'igice

Imyitozo ku rupapuro rwa 194 mu gitabo cy'umunyeshuri

A: Saa yine n'igice D : Saa kenda n'igice G: Saa munani n'igice
B : Saa tatu n'igice E: Saa yine n'igice H : Saa kenda n'igice
C : Saa munani n'igice F : Saa tatu n'igice

Igikorwa cya 1 ku rupapuro rwa 195 mu gitabo cy'umunyeshuri

a) Icyumweru kigira iminsi 7:

ku wa Mbere	ku wa Kane	ku Cyumweru
ku wa Kabiri,	ku wa Gatanu	
ku wa Gatatu	ku wa Gatandatu	

b) Icyumweru gitangira ku wa Mbere.

c) Icyumweru kirangira ku cyumweru (ku munsi wa karindwi)

d) Icyumweru kigira iminsi y'imibizi 6:

ku wa Mbere	ku wa Kabiri	ku wa Gatatu
ku wa Kane	ku wa Gatanu	ku wa Gatandatu

e) Icyumweru kigira iminsi ibiri y'ikiruhuko

Ku wa Gatandatu no ku cyumweru uko abantu bihariye babyita ntibige mu gitabo.

Reka nkore ku rupapuro rwa 196 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. Nza ku ishuri iminsi 5 mu cyumweru:

ku wa Mbere ku wa Kabiri, ku wa Gatatu
ku wa Kane ku wa Gatanu

2. Tujya gusenga ku cyumweru cyangwa ku isabato
3. Umunsi ukunze kubaho ubukwe ni ku wa gatandatu
4. Habaho iminsi y'imibyizi n'iy'ikiruhuko kuko mu minsi y'imibyizi abantu bakora cyane, bakaruhuka mu munsi y'ikiruhuko ariko abantu babikora bakurikije urugero rw'uko bibiriya ivuga Imana nayo yakoraga
mu minsi y'imibyizi igafata umunsi umwe mu cyumweru ikaruhuka

Igikorwa cya 2 ku rupapuro rwa 196 - 200 mu gitabo cy'umunyeshuri

- a. Umwaka ugira amezi 12
- b. Amezi yose ntabwo agira iminsi ingana
- c. Amezi agira iminsi 30 ni Mata, Kamena, Nzeri n'Ugushyingo
- d. Ukwezi kugira iminsi mike ni Gashyantare
- e. Ukwezi kugira ibyumweru 4 kubera ko $(30 : 7 = 4)$ R2
- f. Umwaka ugira ibyumweru 52 kubera ko $(366 : 7 = 52)$ R2

Reka nkore iyi myitozo iri ku rupapuro rwa 203 mu gitabo cy'umunyeshuri

1. A : Saa moya C : Saa sita
B : Saa cyenda n'igice D : Saa tatu n'igice
F : Saa kumi E : Saa yine n'igice
2. a. Isaha imwe = Iminota 60 b. Umunsi umwe = Amasaha 24
d. Umwaka = Amezi 12 c. Icyumweru = Iminsi 7

9.3. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa cyenda (urup rwa 204 mu gitabo cy'umunyeshuri)

1. *Uzuza izi nteruro n'ijambo rikwiye*
- a. Umwaka ugira amezi 12.
- b. Urushinge rurerure rwo mu isaha y'inshinge rwerekana amasaha.
- c. Urushinge rugufi rwo mu isaha y'inshinge rwerekana iminota.
- d. Umunsi umwe ugira amasaha 24.
- e. Isaha imwe igira iminota 60.
- f. Umunsi ugira ibice bibiri by'ingenzi aribyo amanywa n'ijoro .
- g. Buri gice cy'umunsi kigira amasaha 12.
- h. Icyumweru kigira iminsi 7.

10.1. Amasomo ari mu mutwe wa 10

Umubare	Amasomo
1	Imirongo igororotse
2	Imirongo ifunze n'ifunguye
3	Imirongo ihese n'icagaguye
4	Amoko y'imfuruka
5	Imfuruka ifunganye
6	Imfuruka yagutse
Igiteranyo	6

5. Umwaka ugira ibyumweru 52

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutahura no gushushanya imirongo n' imfuruka

2 Amasomo 6 (urup rwa 206 – 212 mu gitabo cy'umunyeshuri)**Intego z'isomo****Ubumenyi**

- Gutandukanya no guca imirongo igororotse, ifunze, ifunguye, ihese n'ivunaguye.
- Kuvuga no kumenya ibiranga imfuruka ifunganye n'iyagutse bahereye ku igororotse.
- Gutandukanya imfuruka igororotse, ifunganye n'iyagutse ahereye ku ngano yazo.

Ubumenyingingiro

- Kwerekana imirongo igororotse, ifunze, ifunguye, ihese n'ivunaguye ku bintu bitandukanye mu ishuri no hanze yayo.
- Guca imirongo igororotse, ifunze, ifunguye, ihese n'ivunaguye
- Gutahura imfuruka igororotse ifunganye n'iyagutse ku bintu bitandukanye n'ahantu hatandukanye.
- Gushushanya imfuruka igororotse ifunganye n'iyagutse.

Ubukeshya

- Kugaragaza umuco wo kwitegereza no gushishoza mu byo akora.
- Kugaragaza ubushobozi bwo kurasa ku ntego.

Imfashanyigisho

Inguni, imetero, igacamurongo , ikinyatuzu, ...

Imvano

Igitabo cy'umunyeshuri, icy'umwarimu n'integanyanyigisho y'imibare y'ikicro cya mbere cy'amashuri abanza.

Ibice by'isomo

Ivumburamatsiko

- Kwerekana imfashanyigisho no kuyobora abanyeshuri mu kiganiro kiganisha ku ivumburwa ry'umutwe w'isomo.
- Muri iki gice abanyeshuri ubwabo basobanura akamaro k'imirongo n'imfuruka.

Isomo nyirizina

Ibikorwa by'umwarimu

- Gutegura imfashanyigisho zihagije zatuma umunyeshuri ubwe amenya gushushanya imirongo n'imfuruka.
- Kubayobora bagakora imyitozo yo kwerekana imirongo igororotse, ifunze , ifunguye, ihese n' ivunaguye ku bintu bitandukanye biri mu ishuri no hanze ya ryo
- Kuyobora abanyeshuri bagaca imirongo igororotse, ifunze ,

ifunguye, ihese n'ivunaguye

- Abayobora mu gikorwa cyo gusobanura ibiranga imfuruka ifunganye n' iyagutse bahereye ku igororotse
- Abaha amabwiriza akurikizwa igihe bajya impaka ku itandukaniro riri hagati y'imfuruka igororotse, ifunganye n'iyagutse ahereye kungano yazo.
- Kubategurira imyitozo yo gushushanya imfuruka igororotse ifunganye n' iyagutse.
- Abafite imbogamizi mu myigire ababa hafi kandi akabaha gukora ibikorwa bafitiye ubushobozi.
- Aha ibitsina byombi uburenganzira bungana mu gukora imyitozo n'ibigibwaho impaka.
- Yuzuza ibitekerezo byabo igihe batahura imfuruka igororotse ifunganye n'iyagutse ku bintu bitandukanye n' ahantu hatandukanye.
- Abaha umwanya bakaganira ku buryo bakwiye kurangwa n'umuco wo kwitegereza no gushishoza mu byo bakora.

Ibikorwa by'umunyeshuri

- Kubahiriza amabwiriza yatanzwe n'umwarimu igihe bakora ibikorwa mu matsinda.
- Kubaza ibyo adasobanukiwe mbere yo kubikora.
- Kugira uruhare rufatika mu

